

*Kwiga imibare binyuze mu
mikino
mu mashuri y'inshuke*



Igitabo cy'amahugurwa y'Abarezi n'Abayobozi b'ibigo
by'amashuri

*Kwiga imibare binyuze mu
mikino
mu mashuri y'inshuke*

Igitabo cy'amahugurwa y'Abarezi n'Abayobozi b'ibigo
by'amashuri

Cyanditswe na:

© 2022 VVOB - *education for development*
Julien Dillensplein 1 bus 2A, 1060 Buruseli, Ububiligi
Terefone: +32 2 209 07 99; Urubuga: www.vvob.org

© 2022 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB)
Agasanduku k'iposita: 3817 Kigali, Rwanda
Urubuga: www.reb.gov.rw

Uburenganzira bumwe burakomye.

Iki gitabo cyanditswe ku bufatanye bw'abakozi b'Umuryango w'Ababiligi Ugamije Iterambere ry'Uburezi mu Rwanda, VVOB mu magambo ahinnye, Minisiteri y'Uburezi y'u Rwanda, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) n'abaterankunga batandukanye. Ibyavuye mu bushakashatsi, ibisobanuro byabyo n'imyanzuro bikubiye muri iki gitabo ntibivuze ko ari ibitekerezo bya VVOB, Inama yayo y'Ubutegetsi, cyangwa abaterankunga.

Uburenganzira n'Impushya

Uwanonosoye igitabo:

Lieve Leroy

© 2022 VVOB - *education for development*

© 2022 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB)



Ushobora gukoresha ibikubiye muri iki gitabo ugendeye ku biteganywa n'Uruhushya Mpuzamahanga rwitwa *Creative Commons Attribution-NonCommercial Share-alike 4.0 International license (CC BY-NC-SA 4.0)*. Uru ruhushya rukwemerera gukora kopi, gukwirakwiza, guhererekanya no kujyanisha iyi nyandiko n'ibihe cyangwa ahantu utagambirye ubucuruzi kandi wubahiriza ibisabwa bikurikira:

Garagaza ibyo wakoresheje byo muri iki gitabo ku buryo bukurikira: VVOB - *education for development*. 2022. "Kwiga binyuze mu mikino mu mashuri y'inshuke. Igitabo cy'amahugurwa y'Abarezi n'Abayobozi b'ibigo by'amashuri".

Ibibazo byose ku burenganzira n'impushya bigezwa kuri VVOB binyujijwe kuri adereshe ikurikira: Julien Dillensplein 1 bus 2A, 1060 Buruseli, Ububiligi - Terefone: +32 2 209 07 99; Imeyiri: info@vvob.org; Urubuga: www.vvob.org cyangwa ku Rwego rw'Igihugu Rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), Agasanduku k'iposita: 3817; Kigali, Rwanda; Imeyiri: info@reb.rw; Urubuga: www.reb.gov.rw.

Kutaryozwa ibikubiye muri iki gitabo

Iki gitabo gikubiyemo ibyatangajwe mu zindi nyandiko no ku mbuga za murandasi. VVOB na REB ntizishobora kuryozwa ibikubiye cyangwa ibizashyirwa muri izo nyandiko no kuri izo mbuga za murandasi, cyangwa ibikubiye mu nyandiko zo hanze ndetse no ku mbuga za murandasi bivuga kuri iki gitabo cya VVOB na REB.

Iki gitabo cyanditswe ku nkunga y'umuryango *LEGO Foundation*. Ibirimo byabazwa VVOB n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) kandi ntabwo byanze bikunze bivuze ko ari ibitekerezo by'abagize uruhare kuri iki gitabo.

Umuryango *LEGO Foundation* ntushobora kuryozwa ibikubiye muri iki gitabo.

Ku nkunga y'umuryango **LEGO Foundation**

The **LEGO** Foundation 

Ijambo ry'Ibanze

Guverinoma y'u Rwanda ifata uburezi nk'inkingi ya mwamba ifasha Igihugu kugera ku mpinduka kifuza mu birebana n'imibereho n'ubukungu bw'abanyagihugu. Amashuri y'inshuke afite uruhare runini mu mikurire ikomatanyije y'abana. Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi (CBC) y'amashuri y'inshuke yateguwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), ifasha abarezi gukangura ingeri zose z'imikurire. Uburyo bw'ingenzi bw'imyigire n'imyigishirize ni ukwiga binyuze mu mikino.


Muri kamere y'abana, kuva bavutse, biga binyuze mu mikino. Baracukumbura, bakamenya kandi bagasobanukirwa ibibakikije bakanasabana nabyo. Bakinisha ibintu bibari hafi, basabana n'abantu bakemura n'imbogamizi bahuye nazo. Abana bato bunguka ubumenyi n'ubumenyi ngiro by'ibanze binyuze mu mikino. Abana biga binyuze mu mikino. Gukina ni ukwiga.


Imuhira, abantu bakuru bashobora gufasha abana mu mikurire binyuze mu gusabana no gukina na bo. Ku ishuri, inyigisho zigomba gushingira ku kintu abana bakunda kurusha ibindi ari cyo gukina. Bityo, ishuri rigomba gushingira ku matsiko y'umwana wiga no kuyakangura hagamijwe kumushishikariza guhora yiyungura ubumenyi biciye mu mikino.

Abarezi bafite uruhare runini mu kuzamura ireme ry'uburezi. Ni muri uwo mujyo iki gitabo cy'amahugurwa kigenewe mbere na mbere abarezi b'amashuri y'inshuke. Gifasha abarezi kurushaho gusobanukirwa kwiga binyuze mu mikino n'uburyo byakoreshwa mu gutoya abana ubumenyi bw'ibanze mu mibare. Kimwe n'ibindi byigwa, ikigwa k'imibare nacyo kigishwa mu buryo bushingiyeye ku nsanganaymatsiko. Mu bisobanuro byimbitse, iki gitabo giteganya gutanga uburyo bw'imyigire bufatika binyuze mu gutanga ingero nyinshi n'imiteguro y'amasomo y'ikitegererezo, uburyo bwo guhanga ibikorwa byo kwigiraho bakina, gutegura ahantu ho kwigira no gusabana mu ishuri. Iyi nyoborabarezi yuzuza Integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi kandi yunganira imirongo ngenderwaho yatanze n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB). Ifasha abarezi gufata iya mbere mu kwigisha binyuze mu mikino kugira ngo bafashe abana gukura neza.

Ikindi ni uko iyi nyoborabarezi ifasha abayobozi b'amashuri n'abarezi bo mu mashuri y'inshuke gutegura ahantu ho kwigira binyuze mu buryo bw'imikino kandi ibayobora mu busabane bagirana n'ababyeyi ku myigire inyura mu mikino.

Twizeye ko iki gitabo kizafasha ibigo by'amashuri mu gutegura ahantu abana bigira binyuze mu mikino hagendewe ku myaka y'ubukure yabo. Kizafasha kandi gutegura ibikorwa, ubusabane n'ibikoresho bifasha abana bose gukura neza.


Dr. MBARUSHIMANA Nelson
Director General
Rwanda Basic Education Board (REB)



Gushimira

Iki gitabo cy'amahugurwa y'abarezi n'abayobozi b'amashuri ku *"Kwiga imibare binyuze mu mikino mu mashuri y'inshuke"* cyanditswe ku bufatanye bw'inzego n'abantu batandukanye bigomwe igihe cyabo kandi bagatanga ubumenyi.

VVOB irashimira byimazeyo Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), Ishuri Nderabarezi rya De La Salle hamwe n'Ishuri Nderabarezi rya Muhanga kubera uruhare n'umusanzu badahwema gutanga mu burezi muri rusange no kuri iki gitabo *"Kwiga imibare binyuze mu mikino mu mashuri y'inshuke"* by'umwihariko. Iyi nyoborabarezi ni igitabo nkarishyabwenge mu mwuga gifasha kwiga imibare binyuze mu mikino mu mashuri y'inshuke ; kigenewe abarezi n'abayobozi b'amashuri by'umwihariko.

Turashimira umusanzu ufatika watanze n'abafatanyabikorwa mu iterambere kimwe n'abagize amatsinda ya tekini akurikira: Itsinda ry'Uburezi bw'abana b'inshuke (ECE) n'iry'ihuriro ry'Imiryango Itegamiye kuri Leta yita ku Burezi (RENCP). Iyi nyoborabarezi yanditswe mu rwego rw'Umushinga IT'S PLAY ku nkunga ya LEGO Foundation.



KIGGUNDU Marianne

Country Programmes Manager
VVOB Rwanda

Abanditsi

MINEDUC:

- Gervais Mabano

REB:

- Apollinaire Ndayisaba

Ishuri Nderabarezi rya De la Salle:

- Epaphrodite Butoyi
- Jean Damascene Hakizimana
- Eric Mpozenzi
- Prosper Ndagijimana

Ishuri Nderabarezi rya Muhanga:

- Servilien Bimenyimana
- Jean Bosco Hategekimana
- Mansuy Inkayase
- Ephrem Kamegeri

VVOB - *education for development*:

- Lieve Leroy
- Liliose Mukantagwera
- Yvonne Twizerimana

Abanononsoye inyandiko

REB:

- Nehemie Bacumuwenda
- Aloys Kayinamura
- Venantie Mukantahondi
- Manasseh Nsekandizi
- Anathalie Nyirandagijimana

Ishakiro

Ijambo ry'Ibanze	iii
Gushimira.....	iv
Ishakiro.....	v
Intangiriro rusange.....	1
1. Impamvu y'iyi nyoborabarezi.....	1
2. Iyi nyoborabarezi igenewe nde?	1
3. Iyi nyoborabarezi ikubiyemo iki?	2
4. Iyi nyoborabarezi wayikoresha ute?	2
Umutwe wa 1: Kwiga binyuze mu mikino ni iki?	4
1.1. Impamvu yo kwiga binyuze mu mikino ni iyihe?	4
1.2. Ni ryari gukina bihinduka kwiga?.....	5
1.3. Gufasha umwana gukura mu buryo bukomatanyije.....	9
1.4. Kwiga binyuze mu mikino: uruhererekane rw'imikino	11
Umutwe wa 2: Gutegura inyigisho inyuze mu mikino.	16
2.1. Gutangira	16
2.2. Imiterere y'ishuri riteza imbere kwiga binyuze mu mikino	17
2.2.1. Imicungire y'ishuri.....	18
2.2.2. Ibikorwa bidahinduka bihora bikorwa n'abana	20
2.2.3. Inguni z'imikino cyangwa aho bakinira	25
2.3. Uruhare rw'umurezi mu gihe cyo kwiga binyuze mu mikono	29
2.4. Kwinjiza abanyeshuri bose mu kwiga binyuze mu mikino.....	34
2.5. Imyigire mu mikino yubahiriza ihame ry'uburinganire.....	39
Umutwe wa 3: Gukora no kwifashisha ibikoresho biboneka iwacu	48
3.1. Ni gute wakora ibikoresho byo kwifashisha mu bikorwa bya buri munsu?.....	49
3.2. Gukora ibikoresho bigenewe aho bakinira no mu nguni z'imikino.....	58
3.3. Uko wahimba imikino ifite amabwiriza wifashishije ibikoresho biboneka iwacu.	68
Umutwe wa 4: Gutoza abana kwiga imibare y'ibanze binyuze mu mikino	73
4.1. Kumva imibare	73
4.1.1. Gukuza ubushobozi bwo kubara	74
4.1.2. Gukuza ubushobozi bwo kumva imibare	80
4.1.3. Ibimenyetso bihagararira imibare.....	83
4.1.4. Ni gute wakangurira abana kuzamura ubushobozi mu mibare?	85

4.1.5.	Ni gute wakangurira abana kumva imibare mu nguni y'ubucuruzi?	89
4.2.	Ubumenyi ku bijyanye no gupima no kugereranya	95
4.2.1.	Iby'ingenzi abana bakeneye kumenya	95
4.2.2.	Wakangurira ute abana kumenya gupima no kugereranya?.....	99
4.3.	Ubumenyi ngiro mu mashusho ngero	106
4.3.1.	Amashusho ngero	106
4.3.2.	Uruhererekane rwisubiramo.....	108
4.3.3.	Kuyobora no kuranga.....	111
4.4.	Gusuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri mu mibare.....	115
4.4.1.	Umurezi nk'umuntu witegereza kandi ubika amakuru.....	115
4.4.2.	Uburyo bwo kwitegereza no kubika amakuru	115
Umute wa 5:	Ni gute wakomeza kunoza imyigire binyuze mu mikino?	127
5.1.	Kwisuzuma no kunoza bishingiye ku kwitegereza no gutekereza ku byakozwe	127
5.2.	Kwiga birushaho koroha iyo ubikorana n'abandi	129
Umute wa 6:	Uruhare rw'ababyeyi mu gufasha abana kwiga binyuze mu mikino.....	131
6.1.	Kwerekana uko biga binyuze mu mikino	131
6.2.	Gushishikariza abana gukina mu rugo	134
Umute wa 7:	Ni gute abayobozi b'ikigo k'ishuri ryange bakangurira abana kwiga binyuze mu mikino?.....	137
7.1.	Ubutumwa bw'ingenzi ku bijyanye n'uburezi mu mashuri y'inshuke no kwiga binyuze mu mikino.	137
7.2.	Uruhare rwawe ni uruhe mu gushyigikira kwiga binyuze mu mikino ku ishuri uyobora?..	141
7.3.	Gutegura aho kwigira hafasha abarezi muri gahunda yo kwiyungura ubumenyi mu buryo buhoraho (CPD).....	143
7.4.	Shishikaririza abarezi kugira ubufatanye mu kwiga.....	145
7.5.	Gutanga ubufasha no guhugura	146
7.5.1.	Kwitegereza imyigishirize mu ishuri.....	146
7.5.2.	Ikiganiro cyo guhugura no gushyigikira.....	148
Inyandiko zifashishijwe		151
Imigereka		154
Umugereka wa 1: Intambwe z'imikurire y'umwana		154
Intambwe z'imikurire y'umwana kuva ku mwaka 1 kugeza ku myaka 5		154
Intambwe z'imikurire y'umwana kuva ku mwaka 4 kugeza ku myaka 8		156
Umugereka wa 2: Amagambo yerekeye igitsina		158
Umugereka wa 4: Urugero rw'umuteguro w'isomo ku bikorwa by'imibare binyuze mu mikino ..		162

1. Urugero rw'umuteguro w'isomo rya 1: kubara ibintu bifatika, gutangira kwigisha umubare	
5 162	
2. Urugero rw'umuteguro w'isomo rya 2: Imibare: Guhuza ingano n'umubare (ikimenyetso cy'umubare)	167
3. Urugero rw'umuteguro w'isomo rya 3: Ingero: kugereranya ubunini, uburemere n'uburebure	171
4. Urugero rw'umuteguro w'isomo rya 4: Amashusho ngero n'ibimenyetso bitanga amabwiriza	175
Umugereka wa 5: Kwitegereza n'uburyo bwo kwisuzuma mu ishuri.....	180

Intangiriro rusange

1. Impamvu y'iyi nyoborabarezi

Abarezi n'abayobozi b'amashuri bafite uruhare runini mu mikurire ikomatanyije y'abana no mu byitezwe kugerwaho nyuma y'isomo. Mu rwego rwo gutanga uburezi bufite ireme, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) cyateguye integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi (CBC) igenewe amashuri y'inshuke n'ibikoresho byo kwigisha no kwigiramo bijyanye na yo birimo igitabo cy'umwarimu, inyoborabarezi, imirongo ngenderwaho mu gutegura imyigishirize n'imyigire, isuzumabumenyi n'ibindi.

Integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi ifata gukina nk'uburyo bw'ingenzi mu myigire n'imyigishirize bufasha umwana kunguka ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo. Gukina ni bumwe mu buryo bw'ingenzi abana bato bungukiramo ubumenyi n'ubumenyi ngiro bwa ngombwa. Abana biga binyuze mu mikino. Gukina ni ukwiga. Imikino ifasha abana gukura mu buryo bukomatanyije, atari mu kongera umusaruro ugaragara nyuma y'isomo byonyine nk'ubumenyi bw'ibanze mu mibare gusa, ahubwo no mu kunguka ubushobozi nsanganyamasomo bugaragarira mu gukemura ibibazo, gufatanya n'abandi ndetse ubusabane

Biragaragara ko inyigisho igomba gushingira ku kintu abana bakunda kurusha ibindi ari cyo gukina. Ibi byakorwa gute? Ni gute wategura ibikorwa byo kwigiraho mu mikino? Ni gute wategura ahantu hafasha abana gucukumbura mu buryo butuma bunguka ubushobozi bukubiye mu Nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi?

Iyi nyoborabarezi ifasha abarezi kurushaho gusobanukirwa kwiga binyuze mu mikino n'uburyo byakoreshwa mu bumenyi bw'ibanze mu mibare. Yuzuzwa integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi kandi yunganira imirongo ngenderwaho yatanzwe na REB. Inafasha kandi abarezi gufata iya mbere mu kwiga binyuze mu mikino kugira ngo bafashe abana gukura neza.

2. Iyi nyoborabarezi igenewe nde?

Iyi nyoborabarezi igenewe mbere na mbere **abarezi bigisha mu mashuri y'inshuke**. Ifafasha kumva byimbitse ibijyanye no kwiga ubumenyi bw'ibanze mu mibare binyuze mu mikino. Mu bisobanuro byimbitse, iki gitabo giteganyanya uburyo bw'imyigire bufatika binyuze mu gutegura aho abana bigira binyuze mu mikino no gusabana mu ishuri. Bityo, iyi nyoborabarezi yuzuzwa integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi kandi yunganira imirongo ngenderwaho yatanzwe na REB.

Uko iki gitabo ari ingirakamaro mu kwiga imibare, ni nako cyagira umumaro mu byigwa byose kubera ko kibanda ku myigire inyuzwe mu mikino. Gishimangira uburyo abarezi bategura aho abana bigira, ibikorwa bifasha kwiga, ubusabane n'ibikoresho, bifasha abana bese gukura neza.

Iyi nyoborabarezi ishobora kandi kwifashishwa n'**abayobozi b'amashuri ndetse n'abakozi bashinzwe uburezi** mu gutegura amahugurwa yo guhora bongerera abarezi ubumenyi n'ubushobozi mu mwuga wabo (CPD) ku rwego rw'ikigo, umurenge cyangwa akarere. By'umwihariko, igice cya nyuma kibanda ku buryo abayobozi b'amashuri bashobora guteza imbere imyigire inyuzwe mu mikino mu bigo byabo.

3. Iyi nyoborabarezi ikubiyemo iki?

Iyi nyoborabarezi itangizwa n'intangiriro rusange. Ikurikirwa n'imitwe irindwi ikubiye mu bice bitatu ari byo ibi bikurikira:

Igice cya mbere gikubiyemo imitwe itatu (Umutwe wa 1,2 n'uwa 3), kivuga ku kwiga binyuze mu mikino muri rusange.

Umutwe wa 1 ufasha umurezi kurushaho gusobanukirwa uburyo bwo kwiga binyuze mu mikino, ishingiro rya byo n'uburyo bifasha umwana gukura mu buryo bukomatanyije. Uyu mutwe kandi ukubiyemo ibisobanuro by'amagambo y'ingenzi n'inshoza bijyanye n'iyi mbumbanyigisho.

Umutwe wa 2 ufasha abarezi gutangira gutegura imyigire inyuze mu mikino no gutekereza ku ruhare umurezi agiramo. Uyu mutwe utanga ibisubizo by'ibibazo bikurikira: Ni gute wategura aho abana bigira binyuze mu mikino kandi ugakoresha inguni z'ibikorwa? Wamenya ute ko abana bose bungukira mu byo bakora igihe bakina? Wategura ute imikino yubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?

Umutwe wa 3 wibanda ku mfashanyigisho n'ibikinsho byifashishwa mu mikino. Uyu mutwe wungura abarezi ubumenyi bwo gukora no kwifashisha ibikoresho biboneka iwacu kandi bihendutse.

Igice cya kabiri gikubiyemo umutwe wa 4, wibanda ku mibare y'ibanze.

Uyu mutwe ufasha umusomyi kumva inshoza z'ingenzi zijyanye n'iyi mbumbanyigisho. Ufasha abarezi kubona uburyo bateza imbere ubumenyi mu kumva imibare, jewometiri n'ingero binyuze mu mikino. Ibyakwifashishwa bikubiyemo ingero, ibikoresho n'amasomo y'ikitegererezo (reba umugereka wa 4). Hagenderwa ku bumenyi bw'ingenzi bujyanye na buri mwaka w'ishuri nk'uko bivugwa mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi. Uyu mutwe usozwa n'uburyo bwo gukora isuzuma ku bumenyi bw'ibanze mu mibare.

Igice cya nyuma gikubiyemo umutwe wa 5,6,7. Iki gice kigaragaza uko abarezi bakomeza kwiyungura ubumenyi mukunozwa umwuga; kivuga kandi uko abayobozi b'ibigo by'amashuri bategura ahantu haberanye no kwiga binyuze mu mikino, ndetse babifatanyiriza hamwe no gukorana n'ababyeyi ndetse n'abarezi.

Umutwe wa 5 ufasha abarezi gukomeza kwihugura. Banoza bate imyigishirize binyuze mu kwisuzuma no kwigira kuri bagenzi babo? Ifishi ikoresha mu kwitegereza no kwisuzuma mu ishuri iri ku mugereka wa 5 ishobora kubafasha kwisuzuma ubwabo.

Umutwe wa 6 ugaragaza ukuntu amashuri n'abarezi bashobora gushishikariza ababyeyi kugira uruhare mu gushyigikira kwiga imibare binyuze mu mikino, haba ku ishuri ndetse n'imuhira, bakanabungura uburyo bashobora gusabana neza no gukina n'abana babo.

Umutwe wa 7 ufasha abayobozi b'amashuri, abakozi b'umurenge n'ab'akarere gushyigikira amahugurwa y'abarezi no gushyira mu bikorwa imikorere mishya mu ishuri. Uyu mutwe wibanda ku gutegura ahantu hafasha gukora impinduka no ku gukangurira abarezi kwigira hamwe hagati yabo. Uyu mutwe kandi ufasha abayobozi b'amashuri mu gikorwa cyo kunganira no gutoza abarezi

4. Iyi nyoborabarezi wayikoresha ute?

Iyi nyoborabarezi ifasha abayikoresha barimo abarezi, abayobozi b'amashuri n'abakozi bashinzwe uburezi mu kuzamura ubumenyi ubumenyi ngiro n'ubukeshya bitandukanye bijyanye no kwiga binyuze mu mikino n'ubumenyi bw'ibanze mu mibare. Inuzuzwa kandi inubakiye ku nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, inyoborabarezi n'indi mirongo ngenderwaho yashyizweho na REB igenga uburezi mu mashuri y'inshuke.

Mu kungurana **ubumenyi** bw'ibanze ku myigire inyuze mu mikino no gutoza ubumenyi bw'ibanze mu mibare, ukoresha iki gitabo asabwa gutekereza ku migenzereze ye bwite. Igukurikiraho ni uko iyi nyoborabarezi isobanura **imigenzereze** myiza, inama n'amayeri ndetse n'ibyafasha kunguka ibitekerezo bishya. Iyi nyoborabarezi ifasha uyikoresha **gutekereza** ku migenzereze iriho no gutegura ibikorwa bisobanutsebyo kunoza no gushyira mu bikorwa mu mashuri no ku bigo by'amashuri. Muri buri mutwe havugwa ibindi byifashishijwe bijyanye na wo. Urugero: amabwiriza ya REB agenderwaho.

Iyi nyoborabarezi ishobora kandi gukoreshwa mu **mahugurwa yo kongerera abarezi ubumenyi n'ubushobozi mu mwuga mu buryo buhoraho (CPD) ku rwego rw'ishuri**, umurenge cyangwa akarere. "Ibikorwa" na "gahunda zo kuyobora isomo" bitondetse muri iyi nyoborabarezi nk'inyandiko yihariye igenewe abatanga amahugurwa, ibitekerezo bisobanutse abafashamyumvire byafasha abarezi kubaka ubushobozi bwabo binyuze mu buryo bw'imikino n'ubufatanye ari byo bikangurira abantu kugira uruhare mubyo bakora. Kuyobora amahugurwa ku bikubiye muri iyi nyoborabarezi bikorwa mu buryo bw'imikino.

Umutwe wa 7 ufasha by'umwihariko abayobozi b'amashuri (abafashamyumvire b'abarezi, abayobozi b'amashuri n'abungiriza babo) n'abakozi bashinzwe uburezi gutegura **ahantu hakwiye** kandi **ufasha** abarezi guhindura imigenzereze yabo.

Umutwe wa 1: Kwiga binyuze mu mikino ni iki?

Muri uyu mutwe urasangamo:

- Igisobanuro cyo kwiga binyuze mu mikino;
- Impamvu kwiga binyuze mu mikino ari bwo buryo bukwiye ku bana bato;
- Ibintu biranga kwiga binyuze mu mikino;
- Gukoresha ibiranga umukino kugira ngo utekereze ku migenzereze yawe mu ishuri;
- Uburyo imikino ifasha abana gukura mu buryo bukomatanyije;
- Uruhererekane rw'imikino.

1.1. Impamvu yo kwiga binyuze mu mikino ni iyihe?

Igikorwa cya 1:

Ese usobanukiwe uburyo abana bakura? Ni ibihe bikorwa umwana w'amezi 6 yashobora gukora? Ni ibihe bikorwa umwana w'imyaka 3 yashobora gukora?

Gukora umukino w'urungabangabo ku mikurire y'umwana: Reba umugereka wa 1.

Gukina ni bumwe mu buryo bw'ingenzi bufasha abana bato kunguka ubumenyi n'ubumenyi ngiro bya ngombwa. Iyo abana bakina baba biga. Gukina ni ukwiga. Bityo, uburezi bugomba gushingira ku kintu abana bakunda kurusha ibindi ari cyo gukina.

Iyo umwana akiri muto, imikino n'imukurire ntibisigana. Umuhanga mu mitekereze ya muntu, Piaget, yaravuze, ati: "Abana bato biga binyuze mu buvumbuzi, mu bikorwa, mu bukungumbuzi, no gukinisha ibintu bibari hafi." Ibi bivuze ko muri kamere y'abana biga binyuze mu gukora ku bintu, kubigaragura, gukora ibikorwa banakinisha ibintu bibari hafi.

Mu mikino, abana bagira uruhare rufatika mu bikorwa maze kwiga bikarushaho koroha no kugenda neza. Bibongerera ubushobozi; bituma barushaho guhanga no guhora bashishikariye kwiyoungura ubumenyi.

Igikorwa cya 2:

Itegereze umwana muto (imyaka 3-6) mu gihe arimo gukina.

- Umwana arimo gukina iki? Arimo gukora iki? Ni ibiki biri kubera mu mutwe we? Arimo gutekereza iki?
- Ese umwana arimo kwiga?
- Umwana arimo kwiga iki?
- Ese hari itandukaniro ubona hagati y'abana bato cyane n'abana bigiye hejuru kurushaho?

Uko abana barutanwa mu myaka ni ko bakina mu buryo butandukanye:

- Impinja zifata ibintu zikabyihumuriza, zikabyumva zibifashe, zikabitega amatwi, zikabikorakora (umukino nkangurabyumviro)
- Abana b'ibitambambuga batondeka ibikinsho n'ibikoresho (urugero: gushyira imifuniko y'amacupa ku murongo) ariko baba batarumva umumaro w'ibyo bikoresho (umukino wo gutondeka).
- Umwana muto yumva umumaro w'ibikoresho kandi akanabikoresha icyo byagenewe. Urugero: agerageza gutsindagira umupfundikizo ku icupa (umukino nyubahirizamumaro).
- Nyuma, abana batangira kwigana uko ibintu bikorwa. Bigana igikorwa cyo kuvanga (gukoroga) isupu bifashishije agati; ubundi agati bakagakoresha nk'isuka. Bafata igipupe nk'uruhinja maze bakakivugisha. Bigana umuhinzi cyangwa umurezi.

Mu ntangiriro umwana akina wenyine. Nyuma umwana atangira kujya areba aho abandi bana bakina (akenshi akigana ibyo bakora) ndetse agakina n'abandi. Ku myaka yo gutangira amashuri y'inshuke, abana baba bashobora kwitabira imikino ihuza abantu. Bashobora gukina n'abandi kandi batangira kwiga kungurana ibitekerezo hagati yabo.

Abana bagenda bahinduka uko bakura. Bitewe no kubona ibikinsho bitandukanye ndetse no guhura n'abantu batandukanye, abana bunguka ubumenyi binyuze mu mikino. Babasha gukura mu mibanire, mu bwenge, mu gihagararo, mu rurimi no mu mbamutima.

Mu mashuri y'inshuke, tugomba gukurikira urugero rw'abana bigira mu gucukumbura no mu gukina. Ni yo mpamvu **uburezi bugomba gutangwa ku buryo abana bakomeza kwiga binyuze mu kintu bakunda kurusha ibindi ari cyo gukina**. Ibi ni byo twita kwiga binyuze mu mikino.

1.2. Ni ryari gukina bihinduka kwiga?

Umuryango LEGO Foundation (2017) wasobanuye ibintu bitanu biranga kwiga binyuze mu mikino. Ibi bishingiye ku byagaragajwe mu bumenyi mu byo kwiga. Abashakashatsi bitegereje uburyo abana biga neza. Kwiga binyuze mu mikino bigenda neza iyo ibintu bikurikira byuzuye:


Umukino ufite **igisobanuro**: Bivuze ko abana bashobora kubona igisobanuro mu byo biga babihuza n'ikintu basanzwe bazi. Bityo, bashobora kugaragaza ibyo bumva no kwagura imyumvire yabo.

Umukino utera **ibyishimo**: Ibyishimo ni ishingiro ry'umukino. Nubwo rimwe na rimwe umukino ushobora kubihira umuntu (urugero: yebaba weee, umunara wange waguye!) ariko ibyiyumvo muri rusange ni ukwishima, gushishikara, guhimbarwa, no kunezerwa.

Umukino **utuma abana bashishikara**: Iyo witegereje abana bakina, ubona ko batwawe n'umukino. Abana bahugiye mu byo bakora, umubiri n'ubwonko byatwawe n'igikorwa. Bakomeza guhugira ku gikorwa kandi ntakibarangaza mu buryo bworoshye.

Umukino utuma abana **basubiramo kenshi**: Abana bakina kugira ngo bakore ibikorwa by'ubumenyi ngiro, bagerageze ibishoboka, basubire mu bitekerezo kandi banahure n'imbogamizi nshya; ibi bituma biga mu buryo bwimbitse. Abana bashobora kwibeshya, bakongera bakagerageza, maze bakagera ku kigamijwe

Umukino ufasha **gusabana n'abandi**: Abana babasha kungurana ibitekerezo, kumvikana n'abandi binyuze mu busabane, ari byo ntango yo kubaka imyumvire yimbitse n'ubucuti bukomeye.



Ishusho ya 1 - Ibiranga kwiga binyuze mu mikino

Ibintu 5 biranga umukino ntabwo buri gihe biboneka ku rugero rungana muri buri mukino. Cyakora abana bose bagomba kubona umwanya wo kwishima, gukora igikorwa gifite igisobanuro, gushishikara mu byo bakora, gusubiramo kenshi no gusabana n’abandi.

Igikorwa cya 3:

Itegereze umwana muto cyane mu gihe akina.

- Ese hari ibintu biranga umukino ubona? Ni ibihe?
- Sobanura impamvu wumva ko icyo kintu kiranga umukino gihari.

Ubwisanzure bw'umwana mu mikino:

Ubwisanzure bw'umwana mu mikino ni ingenzi mu mukino. Mu mukino, abana bafata ibikorwa n'uburyo babikora bakabigira ibyabo. Iyo abana bahawe amahirwe yo guhitamo ibikorwa n'uburyo bwo kubikora, barushaho gushishikara no kubyishimira. Ni byiza gushishikariza umwana kugira ijamba no kwisanzura mu mikino.

Ni gute wafasha umwana kwisanzura mu mikino?

- Reba ko abana bashobora gusangizanya ibyo batekereza n'ibyo biyumvamo.
- Tega abana amatwi.
- Koresha ibitekerezo by'abana.
- Sobanura impamvu bimwe mu bitekerezo bidashobora gukoreshwa.

Igikorwa cya 4:

Reka dutekereze ku bikorwa byo mu ishuri. Ese ibiranga umukino birahari?

- Ibuka igikorwa ejo wakoranye n'abana mu ishuri ry'inshuke.
- Suzuma: ese ibiranga umukino byari bihari? Byanozwa bite? ...
- Ushobora kwifashisha urutonde ruri kuri paji ikurikira kugira ngo rugufashe gutekereza.
- Ni iki ushobora kwigira kuri ibi? Ni ki wifuza guhindura?

Ibiranga kwiga binyuze mu mikino		1	2	3
1: Yego, birimo– 2: Birimo gake ariko bishobora kunozwa – 3: Ntabirimo		Yego	Yego ariko	Oya
1. Kwiga bitera ibyishimo	1.1. Abana bagaragaza kwishima, gushishikara, gutungurwa, guhimbarwa n’ibindi (Ikimenyetso k’ibyishimo, cyo kumwenyura, guseka, kwiseka, kwishimira ibyo bakoze, kubyina...) igihe bari mu bikorwa byo kubara.			
	1.2. Umurezi ateganya igihe cyo kwishima no kwishimira ibyagezweho mu bikorwa by’abana.			
	1.3. Abana bagaragaza ko birekuye, bafungutse, bafite urugwiro n’imyitwarire myiza.			
	1.4. Abana bagaragaza ibyishimo kubera kubasha kwikemurira ibibazo ubwabo.			
2. Kwiga ni ugushishikara	2.1. Ibikorwa byo kwiga abana barabyishimiye, abana bafite amatsiko yo kureba uko biri bugende.			
	2.2. Abana bahugiye mu gikorwa cyabatwaye ku buryo nta kintu cyabarangaza. Abana barimo gutekereza, bahugiye ku gikorwa (ntibarangariye hanze mu madirishya).			
	2.3. Ibikorwa byo kwiga abana barabyishimiye, babihugiramo igihe kinini ku buryo nta cyapfa kubarangaza.			
	2.4. Umurezi akoresha ibikorwa birutanwa mu gukomera.			
	2.5. Umurezi ashishikariza abana kuba mu gikorwa mu ntangiriro no hagati mu bikorwa no mu bikorwa.			
3. Kwiga ni ugusubiramo kenshi	3.1. Abana bagerageza inshuro nyinshi ibishoboka bishya, basubiramo kenshi bashakisha ubundi buryo bwo kubikora . Abanyeshuri batangiye igikorwa bundi bushya cyangwa hari ibyo bakosoye nyuma yo kunguka igitekerezo kiza cyangwa uburyo bwiza.			
	3.2. Umurezi ashishikariza abana gukora no kugerageza ubwabo bonyine.			
	3.3. Umurezi ntiyinubira ko abana bibeshye.			
4. Kwiga ni ugusabana n’abandi	4.1. Abana basangira ibitekerezo, bagasabana, bagafatanyaga kandi bakaganira. Abana bakora ari babiribabiri cyangwa mu matsinda; abana bunguka ibitekerezo kandi bakabisangira na bagenzi babo bigana.			
	4.2. Umurezi yemerera kandi ashishikariza abana kuvuga cyane mu gihe basabana no mu bikorwa kandi akakira neza ibitekerezo by’abana.			
	4.3. Umurezi areka abana bagasabana hagati yabo kandi akabibashishikariza.			
5. Kwiga bifite igisobanuro	5.1. Umurezi ahera ku byo abana bishimiye kurushaho, bahugiyemo cyane maze agaheraho yagura insanganyamatsiko cyangwa imyitozo.			
	5.2. Abana bahabwa amahirwe yo kwifashisha ibikoresho bifatika, byo mu buzima. Bashobora gukoresha no kuvugurura ibikoresho.			
	5.3. Umurezi areba ibyo umwana akunda n’ibyo akeneye maze akamufasha kunguka ubumenyi amukoresha ibikorwa bifite igisobanuro (urugero: umwana arimo gukina n’udutafari tw’igiti, arimo kubaka umunara noneho umurezi akabaza, ati: "Umunara muremure ni uwuhe? Biragenda bite nitwongera itafari rinini hejuru?")			
	5.4. Ibikorwa byo kwigiraho biba bifitanye isano n’ikintu buri mwana asanzwe azi. Umurezi atangirira ku byo abana bashobora gukora ubwabo noneho akabashishikariza gutera intambwe yo kwiga ibyisumbuyeho.			
	5.5. Ibikorwa byo kwigiraho (nk’imibare) byinjizwa mu bikorwa bifite igisobanuro nko mu nguni y’imikino no mu mikino abana biyoboyemo, ijyanye n’insanganyamatsiko y’icyumweru/ukwezi ndetse n’uko umwana ameze.			

1.3. Gufasha umwana gukura mu buryo bukomatanyije

Integanyanyigisho y'amashuri y'inshuke mu Rwanda ni integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi. Igamije kwita ku mikurire ikomatanyije y'umwana, ni ukuvuga mu gihagararo n'ingufu, mu bwenge, mu mibanire n'abandi, mu mbamutima, mu rurimi kavukire, mu mico mbonezabupfura na nyobokamana, bugamije cyane cyane gutegura umwana gutangira amashuri abanza.

Abana bato biga mu buryo bukomatanyije kandi bwuzuzanya. Gukina rero ni bumwe mu buryo bwizewe bufasha abana gukura mu ngeri zose z'imikurire, nkuko bigaragara ku ishusho ikurikira:



Ishusho ya 2 - Ingeri z'imikurire: Imikurire ikomatanyije bivuze ko umwana akura mu nzego zose z'imikurire.

Gukura mu bwenge

Kugira **ubushobozi** buhambaye **mu mitekerereze** bidufasha kumenya uko dukemura ibibazo bigoye - byaba ibyo ku ishuri, ku kazi cyangwa mu buzima bwacu bwite.

Zimwe mu ngero z'ubushobozi bw'imitekerereze: ukutarangara, gukemura ibibazo, kutibagirwa no gutekereza ikintu mu buryo bunyuranye. Kwiga gukora imirimo igoye no kugena ingamba zinoze zo gushaka ibisubizo.

Abana babigeraho binyuze mu mikino. Urugero: binyuze mu kuvumbura, kwigana abandi no gukina udukinamico, imikino y'urungabangabo, imikino yo ku kibaho, imikino yo guhuza ibintu n'ibindi, inguni y'ubucuruzi, igerageza muri siyanse

Igice k'ingenzi kigize imikurire mu mitekerereze ni **imikurire mu buhanzi**.

Iyo dufite ubumenyi buhanitse bwo guhanga udushya, tubona ibisubizo bishya by'ibibazo isi ishobora guhura na byo mu gihe kizaza. Ubumenyi bwo guhanga udushya butuma duhumuka tukajyana n'ibintu bishya kandi tukabasha guhindura ibitekerezo mu buryo bufite igisobanuro.

Ingero z'ubumenyi bwo guhanga udushya ni: ukugira ibitekerezo, kubigaragaza no kubishyira mu bikorwa, kumenya uko witwara mu bintu biteye urujijo, gushakisha ibishoboka, gusuzuma ibitekerezo, gushaka igisubizo gisumba ibindi.

Abana babigeraho binyuze mu mikino. Urugero: binyuze mu kubara inkuru no kuganira, mu kwigana abandi, gukina udukinamico, kuririmba no kubyina, ubugeni n'ubukorikori, imikino abana biyoboyemo, kwibaza ibibazo nka “ese byagenda bite?”...

Imikurire mu gihagararo

Iyo dufite umubiri ushoboye, dukoresha ubwenge n'umubiri kugira ngo dukomeze duhamye imibereho myiza iganisha ku buzima bwiza.

Ingero z'umubiri ushoboye: kuba ufite imbaduko, gusobanukirwa ibiyega n'intera binyuze gukora imiyego no gukangura ibiyumviro, gukura mu myumvire y'intera no kugira umubiri muzima uzira umuze.

Abana babigeraho binyuze mu mikino. Urugero: binyuze mu kwiruka, kuzamuka, kurira ibintu, kubyina, gukoresha ibikoresho byo kurya, gukata, gushushanya, kwambara, kubaka, kuboha, ...

Imikurire mu mbamutima n'imibanire n'abandi

Iyo dufite ubushobozi **mbonezamubano** buhanitse, bituma tumenya gufatanya n'abandi no gutanga amakuru. Ubushobozi mbonezamubano budufasha kubana neza n'imiryango ndetse n'inshuti.

Ingero z'ubushobozi mbonezamubano: ubufatanye, kuganira n'abandi no kwishyira mu mwanya w'undi, gusangira ibitekerezo, kuganira ku mabwiriza yo gukurikiza no kugira impuhwe.

Abana babigeraho binyuze mu mikino. Urugero: binyuze mu kazi ko mu matsinda, gukina mu matsinda afite amabwiriza, gusangira ibikoresho, gufatanya kubaka umunara, kubyina, ibikorwa bihoraho bya mu gitondo, kubara inkuru no gusabana ...

Iyo dufite ubushobozi **mbamutima**, tubasha gukemura neza ibibazo mu buzima bwa buri muni kandi turushaho kubana neza n'imiryango yacu n'inshuti.

Ingero z'ubushobozi mbamutima: gusobanukirwa, gucunga no kugaragaza imbamutima zawe, no kutagengwa n'amarangamutima. Kudacika intege no kwigirira ikizere mu ngorane.

Abana babigeraho binyuze mu mikino. Urugero: binyuze mu kubara inkuru, mu bikorwa bihoraho bya mu gitondo, mu kwigana abandi, mu kuganira no kujya impaka, mu gufata iya mbere no mu kwiyobora mu bikorwa ...

Gukura mu mikoreshereze y'indimi

Iyo dufite ubushobozi bw'imikoreshereze y'indimi, bituma tuba intyoza mu guhana amakuru no mu kugaragaza ibyo dutekereza. Ibi bidufasha gukura mu by'ubwenge, mu mbamutima n'imibanire n'abandi.

Ingero z'ubushobozi bw'imikoreshereze y'indimi: kumva neza ubutumwa buvuzwe no kubusubiza, kugaragaza ibitekerezo mu mvugo ikwiye, kubara inkuru, gusobanura ikibazo mu magambo.

Abana babigeraho binyuze mu mikino. Urugero: binyuze mu kubara inkuru no gusoma ibitabo, mu gusabana no gukina n'abandi bana, binyuze mu barezi babaza kandi basobanura intambwe zo gutekereza, binyuze mu kwigana abandi no gukina udukinamico, binyuze mu mivugo n'indirimo, ...

Igikorwa cya 5:

- Itegereze umwana muto cyane mu gihe akina.
- Ni izihe ngeri z'imikurire agaragaza?
 - Sobanura igituma uvuga ko izo ngeri z'imikurire zigaragara.

1.4. Kwiga binyuze mu mikino: uruhererekane rw'imikino

Igikorwa cya 6:

- Humiriza maze usubize amaso inyuma. Tekereza kera ukiri umwana.
- Wakinaga iki ukiri umunyeshuri?
 - Wakinaga iki iyo wabaga nta kazi ufite?
 - Wakinaga gute?

Hari uburyo butandukanye bwo kwiga binyuze mu mikino. Abarezi bamwe bashobora guhitamo gukoresha imikino ifite amabwiriza ngenderwaho, abandi bagaha abana umwanya wo gukina biyoboye, abandi bagatanga amabwiriza y'ako kanya. Ibi byose bifite agaciro mu kwiga. Itandukaniro riri mu ngano y'amahitamo umwana afite cyangwa uburyo umurezi ateganya ko ibintu bikorwa.

Umukino abana biyoboyemo

Umukino uyoborwa n'umurezi

Imikino igengwa n'amabwiriza



Amahitamo y'umwana

Mu mahuriro

Imiterere

Ishusho ya 3 – Uruhererekane rw'imikino, bitewe n'uburyo bw'imikinire umurezi yateganyije cyangwa amahitamo y'umwana (Jensen e.a. 2019).

Kwiga binyuze mu mikino **abana biyoboramo** bishingiye ahanini ku kuba abana bayitegurira, bakanayiyoboramo bo ubwabo. Umurezi ashobora kugira uruhare ruto cyane cyangwa ntanagaragare muri ubu bwoko bw'imikino. Mu mikino abana biyoboramo, abana bashobora gukina, kuvumbura no kunguka ibintu byinshi bunganiwe gake cyane n'umurezi. Urugero: iyo abana bakina mu gihe cyo kuruhuka. Ubu bwoko bw'imikino bushobora gushimangira ubwisanzure bw'umwana mu mikino. Urugero: [Reba ishusho ya 1.](#)



Ifoto ya 1- Umukino umwana yiyoboyemo: umwana yahisemo aho akinira, uburyo akina n'icyo akina.

Mu kwiga binyuze mu **mukino uyoborwa n'umurezi**, ubuyobozi bukomeza kuba ubw'abana ariko abantu bakuru bakababa hafi. Bivuze ko abarezi bayobora kandi bagafasha abana gutera intambwe ari na ko bicungira imyigire yabo. Abarezi bashobora kubikora bagena ahantu habereye umukino kandi bakagira uruhare binyuze mu kubaza, mu gutanga ingero, n'ibindi. Mu mukino uyoborwa n'umurezi, abarezi bashobora gutanga ingero z'ibintu byinshi byo kwigiraho. **Urugero: Umukino umwana yiyoboyemo wo mu ishusho ya 1** ushobora guhinduka umukino uyoborwa iyo umurezi abajije ati: "Ushobora gushyira mu gikombe umucanga uhwanye n'igice cya cyo?" cyangwa "igikombe kinini cyakuzuzwa n'udukombe duto tungahe tw'umucanga?" Habaho guhuza amahitamo y'abana n'uburyo umurezi yateganyije ko umukino ukorwamo.

Kwiga binyuze mu mikino ifite amabwiriza ngenderwaho ni ibikorwa bitegurwa n'abantu bakuru bagena amabwiriza y'umukino n'imbogamizi nyamara abana bo bakabona bisekeje kandi bishimishije. Ingero z'imikino ikoreshwa mu burezi ni umukino wigisha abana kubara witwa 'tangram', imikino ituma umwana atekereza, umukino wigisha abana kubara witwa 'sudoku', kuzuzwa amagambo mu mbonerahamwe, umukino w'amakarita y'imibare witwa 'Uno', umukino wa damu, imikino y'amakarita, imikino ikurikiza amabwiriza y'ibimenyetso (urugero nko mu mukino wo kuvugana bakoresheje ibimenyetso (Scratch), na porogaramu zigenewe kwigisha (urugero nk'umukino wo gutomboza batanguranwa (Kahoot). **Urugero: reba ifoto ya 2.** Habaho guhuza amahitamo y'abana n'uburyo bw'imikinire umurezi yateganyije.



Ifoto ya 2 – Umukino ufite amabwiriza ngenderwaho: Umwana yambaye ingofero iriho ifoto. Umwana ntazi ikiri ku ifoto. Abandi bana basobanura ikintu kiri ku ifoto batavuze ijambo "pome". Umwana wambaye ingofero agomba gufura iryo jambo.

Kwiga bashingiye ku **Mabwiriza (y'umukino) y'ako kanya** bigizwe n'ibikorwa bitegurwa n'umurezi akagena uko bikorwa. Umurezi ashiraho intego, akagena ibikorwa maze agaha abana amabwiriza yumvikana, y'ako kanya kandi afututse bakurikiza. Abana bakurikiza amabwiriza ariko ntibahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo cyangwa uwo guhitamo. Amabwiriza y'ako kanya ashobora gukoreshwa mu mikino. [Urugero: reba ifoto ya 3.](#)

Gukina abana biyoboye bitaniye he no gukina bayobowe n'umurezi?

Tekereza itsinda ry'abana bubaka inzu mu gihe biga ibyerekeye "Inzu yange".

Mu **mukino abana biyoboyemo**, abana bifashisha ibikoresho biboneka iwacu nk'amababi, ibitambaro, impapuro, inkoni, amabuye, amatafari akoze mu giti n'ibindi kugira ngo bubake inzu uko bifuzwa. Nk'umurezi, icyo ukora ni ukurebera.

Mu **mikino iyoborwa n'umurezi**, wowe nk'umurezi ufatikanya n'abana. Urugero, ushobora kubaza ibibazo bifunguye mu gihe gikwiye (urugero: "Urumva byagenda bite uramutse ugerageje gushyira kiriya kintu hejuru?" Cyangwa "Kuki wahisemo icyo gikoresho?") cyangwa ushobora gutanga ibikoresho bitandukanye noneho abana bakavuga ibyakomera kurusha ibindi.



Ifoto ya 3 – Gukina bubahiriza amabwiriza y’ako kanya: Iki gikorwa cyo kwandika mu mucanga bifashishije amazi, ni umukino ariko umurezi yahaye abana amabwiriza ngenderwa. Ntibiha abana ubwisanzure mu guhitamo no gutanga ibitekerezo ubwabo.

Igikorwa cya 7:

Gukinira mu ishuri

- Ni ubuhe bwoko bw’imikino buboneka mu ishuri ryawe?
- Ni nde utangiza umukino? Ni nde uwuyobora?
- Iyo urebye uruhererekane rw’imikino, ni iyihe mikino ukoresha by’umwihariko?
- Ese hari ingero nziza wibuka z’imikino ifite amabwiriza n’imikino iyoborwa n’umurezi yagenze neza mu ishuri ryawe maze igafasha abana kwiga?

Imikino y’ubwoko bwose ni ingirakamaro kandi iba ifite intego. Cyakora, isesengura ryakozwe mu mashuri y’inshuke mu Rwanda (muri 2021) ryerekana ko amabwiriza y’ako kanya ari bwo buryo bukoreshwa mu kwigisha. Abarezi bifashisha kandi imikino ifite amabwiriza, indirimbo n'imbyino, ibikorwa byo gushimisha no gushishikaza abana. Kwiga binyuze mu mikino ntibivuze imikino n'indirimbo byonyine. Bikubiyemo ibikorwa byinshi byo gukina imikino yujuje ibintu 5 biranga kwiga binyuze mu mikino.

Ibindi wamenya kuri uyu mutwe

Hari ibindi bikoresho byagufasha kunguka ubumenyi kuri iyi mbumbanyigisho.

- Ese waba warigeze ukoresha Porogaramu ya Twigire mu mikino ya VSO Rwanda? Inyoborabarezi zikurikira zijyanye n'uyu mutwe: Inyoborabarezi ya 1: Gukina ni iki?; Inyoborabarezi ya 2: Akamaro ko kwiga binyuze mu mikino; Inyoborabarezi ya 4: Imikino mu Nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi.

Umutwe wa 2: Gutegura inyigisho inyuze mu mikino.

Nyuma y’umutwe abahugurwa baraba bashobora:

- Gutekereza ku kuntu ishuri wigishirizamo abana rigaragara;
- Gutegura ahantu hashimishije ho kwigishiriza abana binyuze mu mikino mu ishuri ryawe;
- Gutegura ibikorwa by’imikino yo mu nguni;
- Gutekereza k’uruhare rw’umurezi mu isomo rinyujijwe mu mikino;
- Guteza imbere uruhare ugira nk’umurezi;
- Guha abana bose uburenganzira bungana mu isomo wita no kubafite ibibazo byihariye;
- Gusobanura ukuntu ivangura rishingiye ku gitsina ribangamira imikurire y’abana bato;
- Kurema ishuri ryubahiriza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye;
- Kunoza imikorere yawe binyuze mu gusubiramo kenshi igikorwa.

2.1. Gutangira

Uburyo bworoshye bwo gutangira isomo rinyuzwa mu mikino ni uguhimba ibikorwa byujuje ibintu 5 biranga umukino cyangwa imikino ifite byinshi muri byo. Hejuru y’ibintu 5 biranga umukino, hari amahame 3 ashobora kudufasha gutangira:

1. **Guhuza intego zitandukanye z’isomo no kuzinjiza** mu bikorwa; reba ko ibikorwa byose bifite intego zo kwiga zikubiye mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi (CBC). Mu Mutwe wa 3 turiga uburyo bwo gutegura ibikorwa binyuze mu mikino ikangurira umwana kwitoza imibare y’ibanze.
2. **Gushishikariza abana kugira uruhare mu mikino:** Iyo abana bigenga mu bikorwa, bumva ko bagenzura imyigire yabo kandi bafite inshingano yo kwiga, babifashijwemo n’umurezi. Ibi bikangurira abana gushakisha ubundi buryo bwo gusobanukirwa ibidukikije bityo bakabasha kubona ibisubizo bishya bikemura ibibazo biriho.
 - Umurezi yizeye ko abana bafite ubushobozi bwo gukora imikoro. Aha abana umwanya wo gukora bashingiyeye ku bushobozi bwabo n’ibyigwa bagezeho atabwirije icyo gukora.
 - Umurezi atega amatwi abana maze akakira ibitekerezo byabo. Umurezi abaza abana ibibazo bifunguye, akabatega amatwi, bisobanura, akifashisha ibisubizo byabo mu kwagura imyigire yabo. Umurezi afasha abana gutekereza ku byo bakora.

Urugero:

Mu nguni yo kubaka. Abana bubatse umunara muremure cyane. Umurezi avuze ko agiye gutereka hejuru yawo igikarito kiremereye cyane. Laurence na Keza batera hejuru bavuga, bati: “Oya, mwarimu!”. Umurezi arabitegereza, arababaza, ati: “Ntabwo nemerewe gutereka iki gikarito hejuru ku munara?”. Keza arasubiza, ati: “Oya!”. Umurezi arabaza, ati: “Kubera iki?” Laurence arasubiza ati: “Umunara uragwa!” Umurezi aravugaga, ati: “Mufite ubwoba ko umunara ugwa? Muzavamo abubatsi beza! Dushyize igikarito hejuru y’umunara wacu, wagwa. None twakora iki kugira ngo twubake umunara muremure kurushaho? Muri mu nzira nziza. Nimukomeze mwubake

umunara muremure usumba iyindi. Nimuhura n'imbogamizi muze kundeba mbahe ubufasha". Nuko asiga bakora banungurana ibitekerezo mu bikorwa barimo biga kandi bakomeza kugerageza.

3. **Ishuri** ritekanye, rifunguye, ryitabira ibikorwa kandi rifite imicungire inoze. Soma byinshi kuri iyi ngingo mu bika bikurikira.

Igikorwa cya 1:


Amahame ngenderwaho

- Tekereza ku gikorwa wakoze mu ishuri mbere yo kuza muri aya mahugurwa, hanyuma ugisobanure.
- Iki gikorwa kigaragaza intego z'imyigire? Yego/oya? Izihe?
- Ese iki gikorwa cyashishikariye abana kugira uruhare mu mikino? Gute?
- Ni gute wanoza igikorwa?

2.2. Imiterere y'ishuri riteza imbere kwiga binyuze mu mikino

Imiterere y'ishuri **igaragarira mu biboneshwa amaso** n'uburyo abaryigamo bamerewe/ biyumva: uko ritatse, imitegurire y'intebe n'ameza, imikeka/imisambi, imitegurire n'ububiko by'imfashanyigisho. Ni byiza kugira ishuri rifite umutekano kandi ritera abana amatsiko. Ahamanikwa ibikorwa by'abanyeshuri n'imfashanyigisho zagenewe gukoreshwa mu myigire hagomba kuba ku kigero cyabo.

Ifoto ya kane iratwerekako imiterere y'ishuri ry'inshuke, ariko ntabwo amashuri y'inshuke yose afite ubushobozi bungana bwo kwakira ibikoresho byose bitewe nuko aba angana. Igihe ishuri ari ritoya, ni ngombwa gukoresha imikeka (imisambi) igasimbura intebe. Cyangwa ugakorera hanze y'ishuri igihe bishoboka. Mu Mutwe wa gatatu muziga byimbitse uburyo bwo gukora imfashanyigisho ukoresheje ibikoresho biboneka iwacu.



Ifoto ya 4 – Urugero rw'imbata ikwiye y'icyumba k'ishuri ry'inshuke

Icyumba k'ishuri ni ahantu umwana **ahurira n'abandi**, ni ahantu abana baza **kwigira kandi babona umutekano**.

- Ni ahantu abana bumva ko bari mu rugo, bityo abana bakumva bamerewe neza kandi batekanye.
- Ni ahantu hakangura amatsiko y'abana, habafasha gushakisha, gukina, kwiga no gusabana. Ibi bisaba kwifashisha ibikoresho n'amashusho bifasha kugera ku ntego runaka. Kandi bigaragara aho batuye.
- Bagomba kumva ko bari mu bagize ishuri kandi bakabasha gufata inshingano.
- Mu ishuri hagomba gutegurwa ku buryo abana bakangukira gusabana. Urugero: kugena umwanya wo gukorera ibikorwa mu matsinda cyangwa wo gukiniramo biyoboye, gutegura ibikoresho biteye amatsiko kandi bibakangura.
- Ishuri rikeneye imicungire myiza, kugira ngo abana bose bashobore kwiga no kwaguka mu myumvire.

Muri iki gice turareba:

- Imicungire y'ishuri;
- Ibikorwa bidahinduka bihora bikorwa n'abana;
- Imitegurire y'inguni z'imikino n'aho abana bakinira.

2.2.1. Imicungire y'ishuri

Mu gihe bakoresha uburyo bwo kwiga binyuze mu mikino, abarezi babona ko amasomo arushaho kuryoha. Abana babasha kunyeganyega, kuganira no gusabana hagati yabo. Ibi ntibivuze akaduruvayo, kwirukanka mu ishuri cyangwa gusakuza. Mu micungire myiza y'ishuri, abarezi bashobora gushyiraho umuco wo gukora ibitanga umusaruro, mu kubahana no mu kwishima aho abanyeshuri bashobora guceceka mu gihe bikenewe, ubundi bakagaragaza ibyishimo byabo. Abarezi bashobora kwinjiza abana mu bikorwa by'imicungire y'ishuri bimwe na bimwe:

- Gushyiraho amabwiriza agenga umukino, ndetse n'agenga buri nguni umukino uberamo. (Reba Ifoto ya 5);
- Guhitamo aho gukinira;
- Gutunganya aho bakoreye...



Ifoto ya 5 – Amabwiriza y'uruziga agaragara ku buryo abana bose babasha kuyumva.

Kubikora gutyo bifasha kongera ubwigenge n'ubufatanye hagati y'abana n'abarezi ndetse no hagati y'abana ubwabo. Ibi bituma imicungire y'ishuri yoroha kandi igenda neza.

Imicungire y'ishuri kandi iterwa n'uburyo ibikorwa byo kwiga binyuze mu mikino byateguwe. Ni byiza guha abana umwanya wo gukora, aho kugira ngo umurezi abe ari we ufata umwanya munini wo kuvuga mu ishuri cyane cyane mu matsinda manini. Ahubwo shyira abana mu matsinda mato kugira ngo bahugire ku bikorwa n'ibikorwa. Ibi ni ingenzi cyane no ku bana bato cyane. Jya uhora wibutsa abana amabwiriza bagenderaho mu ishuri kandi urebe ko ari ahantu hagaragara.

Igikorwa cya 2:

Ni gute uyobora ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize?

- Wigeze utekereza amabwiriza agenga ishuri ry'abana b'inshuke? Wabikoze ute? Cyangwa ushobora kubikora?
- Ukora iki iyo umwana agaragaje imyitwarire itaboneye? Ese umukosora mu buryo buboneye, budahutaza umwana? Ubigenza ute?
- Ese abana bemerewe guhitamo ku giti cyabo cyangwa ubahitiramo?
- Hari ibikorwa byagenwe bikorwa n'ishuri ryose icyarimwe? Hari n'ibikorwa bikorerwa mu matsinda?

2.2.2. Ibikorwa bidahinduka bihora bikorwa n'abana

Ibikorwa bidahinduka bihora bikorwa n'abana ni ibikorwa bibaho buri muni, rimwe na rimwe bikabaho inshuro nke ku muni. Urugero: ibikorwa bihora bya mu gitondo, kujya mu bwihereho... Ni bimwe mu by'ingenzi mu mibanire, bigena imiterere y'umunsi kandi bigira uruhare runini mu mibereho myiza y'abana.

Ibikorwa bidahinduka bihora bikorwa kandi bifasha abana gutera imbere mu ngeri z'imikurire nyinshi, nko kwiga kubana n'abandi no gucunga imbamutima, gukura mu mitekerereze no mu mikoreshereze y'indimi.

Ibikorwa bidahinduka bihora bikorwa n'abana ndetse n'abarezi bishobora kuba biteye gute?

Zimwe mu ngero

- Guha abana ikaze ku ruziga:
 - Guhamagara abanyeshuri mu mazina yabo igihe binjiye mu ishuri (cyangwa kubaha umukono).
 - Gutegura aho abana bakinira. Biba byiza iyo umurezi ateguye inguni kugira ngo abana bakine imikino bihitiyemo,
 - Gusozza iki gikorwa baja mu bwihereho (ku babyifuza) no gukaraba intoki.



Ifoto ya 6 – Guha abana ikaze

- Ibikorwa bihora bya mu gitondo: Mu gihe bari ku ruziga
 - Gusuhuzanya;
 - Kuririmba indirimbo yo gutanga ikaze ;
 - **Gukora urutonde rw'abitabiriye** (gushyira ikimenyetso ku mazina y'abana bitabiriye ku mbonerahamwe) ;
 - **Gukora imbonerahamwe y'imiterere y'ikirere** (ganira n'abana ku kirere ureke umwana ahitemo ikimenyetso gikwiye kigaragaza imiterere y'ikirere) ;
 - Kuvuga ku ngo, ku miryango, ku mpera z'icyumweru gishize cyangwa ku biruhuko ;

- Kuvuga kuri **gahunda y'umunsi**.




Ifoto ya 7 – Ibikorwa bihoraho bya mu gitondo: Gusuhuzanya, urutonde rw'abitabiriye, imbonerahamwe y'imiterere y'ikirere.

- Gutunganya aho bakoreye:
 - Gushyira ibintu ku murongo buri munsi bitewe n'igikorwa cyakozwe;
 - Igikorwa cyo gutunganya aho abana bakoreye gishobora gukorwa haririmbwa akaririmbo abana bose bazi;
 - Gukoresha ahantu hateye neza hamwe n'ububiko bw'ibikoresho buteye neza kugira ngo abana bikoreshe igikorwa ubwabo.
- Akaruhuko:
 - Gukoresha ikimenyetso kizwi cyo gutangira no gusoza akaruhuko;
 - Kureka abana bakagira uruhare. Urugero: Gutanga ibiryo n'ibinyobwa, gukubura nyuma y'akaruhuko.
- Uruziga rwo gusezeranaho:
 - Gufata umwanya wo gusoza umunsi;
 - Kwibukiranya ibikorwa byakozwe uwo munsi;
 - Umurezi ashobora gutangira gutegura abana ku bikorwa by'umunsi ukurikiyeho (nko gutanga umukoro);
 - Gusezeranaho cyangwa gutera indirimbo yo gusezeranaho.

Ni bihe bikorwa bidahinduka bihora bikorwa n'abana bijyanye na gahunda y'umunsi?
Zimwe mu ngero

- **Gahunda y'ibikorwa by'umunsi**

- Tekereza gahunda y'ibikorwa by'umunsi y'abana;
- Ubahiriza gahunda y'umunsi uko yagenwe;
- Reba ku ngengabihe igihe ugiye ku kindi kigwa;
- Ibi bituma abana bumva bafite umutekano.
- Shyiraho gahunda y'ibikorwa by'umunsi yuzuye kandi mu kinyarwanda



Ifoto ya 8 – Gahunda y'ibikorwa by'umunsi: Buri gikorwa cyangwa isomo bihagarariwe n'ifoto: Isaha yo kujya mu bwihereho (1)– Isaha yo kunywa igikoma (2) – Isaha yo kuruhuka no gukina (3) – Isaha yo kujya mu bwihereho (4)

- **Imbonerahamwe y'imiterere y'ikirere**

- Garagaza isano n'imiterere y'ibidukikije;
- Fasha abana kumenya ibihe by'umwaka, ibintu bine bibiranga.



Ifoto ya 9 – Imbonerahamwe y'imiterere y'ikirere: Mu gutangira umunsi abana bavuga uko ikirere kimeze.

- **Ubwitabire bw'umunsi**

- Ifashishe ifoto cyangwa ikimenyetso kihariye kuri buri munyeshuri no kuri buri murezi, kuko bifasha gukangurira abanyeshuri kwiyizera kandi bituma bumva ko bunze ubumwe. Ikimenyetso umwana afashe akigumana umwaka wose: Keza afite ifoto y'ikinyugunyugu; Maurice afite ifoto y'ururabyo; Yvonne afite ifoto y'ikaramu y'igiti, ...
- Reba ubwitabire mu ishuri.



Ifoto ya 10 – Urutonde rw'abitabiriye: buri mwana amanika ikimenyetso ke ku kibaho mu gihe cyo gukora uruziga mu gitondo

- **Ikibaho ngaragazabikorwa**

- Iyo abanyeshuri bahawe inshingano bashimishwa no kuba bagiye kugira uruhare mu gukoreraibya itsinda barimo, bityo bikabatoza kwiha gahunda ubwabo;
- Ha abanyeshuri amahirwe yo guhitamo igikorwa bashaka gukora;
- Koresha ibimenyetso bimwe nk'ibiri ku rutonde rw'abitabiriye;
- Garagaza ibikorwa bashobora guhitamo;
- Saba abanyeshuri gushyira ikimenyetso cyabo ku gikorwa bifuza gukora;
- Mu mirimo bashobora gukora twasangamogukubura ishuri, gutanga ibisuguti, kubara kubara abanyeshuri baza gushyirwa ku rutonde rw'abitabiriye, guhanagura ikibaho, n'ibindi.



Ifoto ya 11– Ikibaho ngaragazabikorwa: Kuri buri gikorwa (urugero: Gukubura, gupanga intebe ...) abana babiri bashyizeho ikimenyetso cyabo.

- **Ikibaho nyoboramahitamo** kigenewe inguni y'imikino
 - Itegereze inguni zose maze urebe imyanya buri nguni ifite (umubare w'abana bashobora gukinira mu nguni runaka icyarimwe);
 - Reka abanyeshuri bahitemo aho bakinira.
 - Kubera ko imyanya muri buri nguni iba ibaze (reba igika gikurikira), hakenewe uburyo butuma abana bamenya ko mu nguni "huzuye": Urugero:
 - Tekereza ikimenyetso cyakoreshwa kuri buri nguni (urugero: igitabo mu nguni y'ibitabo);
 - Kora urunigi kuri buri nguni, kora izingana n'imyanya ihari, urunigi rufite ikimenyetso cy'inguni;
 - Abana bashaka gukinira mu nguni y'ibitabo bashyira urunigi n'ikimenyetso cy'igitabo mu ijosi. Iyo inigi zirangiye, inguni iba yuzuye.
 - Iyo abana bimukiye mu yindi nguni, bakuramo urunigi ruhagarariye inguni y'"igitabo" bagafata urunigi rw'inguni ikurikiyeho.



Ifoto ya 12 - Kuri buri gikorwa cyangwa inguni, hari umubare runaka w'imyanya. Buri mwana ashya ikimenyetso ke mu nguni ashaka gukiniramo. Iyo imyanya yuzuye, inguni iba yuzuye kandi nta bandi bana bashobora kwinjiramo keretse iyo hagize umuntu uvamo.

Mu Mutwe wa 3 urabona uburyo ushobora gukora inguni z'imikino n'ibikoresho wowe ubwawe wakenera wifashishije ikibaho nyoboramahitamo.

Igikorwa cya 3:

Ibikorwa bidahinduka bihora bikorwa n'abana

- Ibikorwa bidahinduka bihora bikorwa n'abana biteye bite?
- Hitamo igikorwa mu byavuzwe mbere uteganya gukora mu ishuri ryawe.

2.2.3. Inguni z'imikino cyangwa aho bakinira

Igikorwa cya 4:

Inguni

- Ujya ukoresha inguni z'imikino mu ishuri ryawe?
- Bigenda bite? Ubikora ryari? Ufite izihe nguni z'imikino?
- Abana bashobora guhitamo inguni bakiniramo? Ibyo ubitegura ute?

Inguni z'imikino, aho bakinira cyangwa imyanya yo kwigiramo ni ahantu hatandukanye mu ishuri abana bigira ibintu bitandukanye binyuze mu mikino. Inguni z'imikino zikangurira abana kwiga ntawubayoboye kandi basabana hagati yabo.

Twakoresha inguni z'imikino ryari?

Ingengabihe y'integanyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi igena igihe kihariye k'inguni y'imikino. Igihe cyagenwe ni iminota 50 ku munsu. Ni wo mwanya abana bashobora gukoresha bakinira mu nguni zitandukanye: Inguni y'ibitabo, inguni y'ubucuruzi, inguni yo kubaka n'ibindi.

Cyakora, inguni zishobora kandi gukoreshwa mu gihe cyo **gutanga ikaze** mu gitondo (umukino abana biyoboramo), mbere yo gutangira ibikorwa by'amasomo byose.

Inguni z'imikino zishobora kandi gukoreshwa mu gihe k'**isomo** ku kigwa kihariye nk'imibare. Mu isomo ry'imibare, umurezi ashobora kugena ibikorwa byinshi byo kubara mu nguni zitandukanye. Amabwiriza agenewe ishuri ryose asimbuze ibikorwa byo kwigiraho bakina bifite igisobanuro, bikorerwa mu nguni cyangwa mu matsinda mato. Ibi ni ingirakamaro cyane mu mashuri arimo **abana benshi** kuko bose bashobora kuba barwanira gukora igikorwa kimwe aho gutegereza ko abandi barangiza kubera ibikoresho bike. Bifasha kandi gukemura ibibazo bitandukanye by'abana no gufasha abana gukura, cyane cyane mu mashuri agizwe **n'abana bari mu ngeri zitandukanye**.

Wabitegura gute?

Integanyanyigisho itanga inama yo gushyiraho inguni zikurikira:


1. Inguni y'imibare;
2. Inguni yo kubaka;
3. Inguni yo gukina bigana;
4. Inguni yo gusoma no kwandika;
5. Inguni y'ibitabo;
6. Inguni y'ubugeni n'umuco.

Ariko ushobora no kugena izindi nguni: Nk'inguni y'amazi cyangwa inguni y'umucanga, inguni y'ikinamico ry'ibipupe, inguni y'irushanwa ririmo inzitizi ...

Mu gihe cy'amasomo yihariye, urugero nk'imibare, inguni na bwo zishobora gukoreshwa. Buri nguni ishobora gufasha abana mu bindi bikorwa ku nzego zinyuranye. Urugero: **Inguni ya 1:** Gutondeka ibintu ukurikije ibara; **Inguni ya 2:** Kubara imifuniko y'amacupa; **Inguni ya 3:** Gupima icyumba k'ishuri; **inguni ya 4:** Kuzusa igice cy'amacupa **amazi**; **inguni ya 5:** Inguni y'ubucuruzi n'izindi. Mu gukora ibi, abana bose bashobora gushishikarira ibikorwa bifite igisobanuro kandi bakamenyera ibikoresho.

- Ibikorwa n'ibikoresho muri buri nguni bigomba guhinduka hashingiwe ku ntego z'integanyanyigisho, ku nsanganyamatsiko n'ikigero cy'imikurire y'abana mu myigire, ...
- Ahantu ho gukinira cyangwa inguni ushobora kubikwirakwiza ahantu hatandukanye imbere mu ishuri cyangwa hanze yaryo.
- Umwanya wo gukiniramo ushobora kuba ugizwe n'ameza, imisambi, amarido, ibikarito, intebe cyangwa umurongo w'ingwa zitondetse ku butaka.
- Inguni y'igikorwa gikoresha amazi igomba gutandukana n'inguni y'igikorwa kidakoresha amazi. Urugero: Inguni y'ibitabo ntigomba kwegerana n'inguni y' ubuhanzi cyangwa inguni y'umucanga/amazi.
- Umubare w'abana mu nguni uba ari muto ku buryo abana bose bashobora gukora igikorwa bifashishije ibikoresho bihari.
- Ibikoresho biri mu nguni bigomba guhinduka buri gihe kugira ngo ubakangurire kwiga.
- Buri nguni igomba kuba irimo ibikorwa n'ibikoresho bifite intego zitandukanye zo kwiga zo mu nteganyanyigisho zigomba kugerwaho (urugero: Nko mu nguni y'imibare abana bashobora gukora imikino y'urungabangabo. Ibi bibafasha gukura mu mibare no mu mitekerezeho).
- Ibikorwa byo mu nguni bigomba gutegurwa ku buryo abana bashobora gukina ntawubayoboye.

Ifoto ya 13 itanga urugero rw'ukuntu bishobora kuba bimeze. Cyakora ntabwo ibyumba byose by'amashuri y'inshuke bifite umwanya ungana cyangwa ibikoresho bimwe. Mu byumba bito, ni byiza gusimbuza intebe zose cyangwa nyinshi imisambi. Ibi bituma haboneka umwanya wo kunyuramo no gukina. Reba kandi niba ibikorwa byakorerwa hanze, cyane cyane icyumba k'ishuri ari gito. Mu mutwe wa 3 uriga byinshi byerekeye uburyo ushobora gukora imfashanyigisho wifashishije ibikoresho biboneka aho dutuye. .



Ifoto ya 13 – Urugero rw'ukuntu icyumba ckishuri ry'inshuke gishobora kuba giteye. Ishuri rigabanyijemo aho kwigira hatandukanye.

Wakoresha inguni z'imikino gute?

- Iyo utangiye gukoresha inguni, ugomba gusobanurira abana uburyo bigenda. Ibikorwa bimwe bikenera ibisobanuro. Abana bato bakeneye ubufasha kugira ngo banyure mu nguni zose kandi bakore n'ibikorwa bihakorerwa.
- Abana bashobora guhitamo inguni bakiniramo kandi bakigiramo. Umurezi ashobora gushishikariza abana guhindura no kunyura muri buri nguni uko igihe gitambuka.
- **Ikibaho nyoboramahitamo** (reba 2.2.2.) gishobora gufasha abana kubona amahitamo ahari no guhitamo. Iki kibaho kandi kibafasha kumenya inguni igifite umwanya wo gukiniramo. Abana bato bakenera ubufasha mu guhitamo. Ni byiza gufasha abana guhitamo inguni no kubashishikariza guhitamo inguni batahisemo ubwabo.
- Uruhare rw'umurezi
 - o Afasha abana guhitamo icyo gukora, cyane cyane abana bato bakenera ubufasha kugira ngo batangire;
 - o Akurikirana by'unwihariko ibibera mu ishuri, imiyoborere y'ishuri muri rusange, ariko cyane cyane yitegereza ibyo abana bakorera mu ishuri; Amarana umwanya n'amatsinda mato y'abana akina kandi asabana na bo.

Igikorwa cya 5:

Inguni

- Tegura igikorwa gishobora gukorerwa mu nguni. Inyandikorugero ikurikira ishobora kugufasha.

Inyandikorugero yo gutegura inguni y'imikino

Intego	Intego z'integanyanyigisho:
	Ingeri z'imikurire:
	Isano n'ibindi byigwa:
Gusobanura uko igikorwa gikorwa	<i>Sobanura igikorwa intambwe ku yindi (uko gikorwa)</i>
Ibikoresho n'aho gukorera hateguye	Ibikoresho: <i>Ibihe?</i> (ibiboneka iwacu)
	Gukora amatsinda: <i>Uruziga, ishuri ryose, umuntu ku giti ke, itsinda ...</i>
	Hanze cyangwa mu nzu
Uburyo bwo kwigisha	<i>Gukorera mu matsinda, kwigana, gukina udukinamico, imikino ifite amabwiriza ngenderwaho ayigenga, gucukumbura, kwerekana, kugerageza, kuganira, ikinamico, ingendo shuri, gukemura ibibazo n'ibindi</i>
Ibindi	

2.3. Uruhare rw'umurezi mu gihe cyo kwiga binyuze mu mikono

Igikorwa cya 6:

Uruhare rw'umurezi

- Usobanura ute uruhare rwawe nk'umurezi mu kwiga binyuze mu mikono? Ukora iki? Ubikora ute?

Ahantu umwana yigira hakwiye kuba hanoze, umurezi afite inshingano enye z'ingenzi agomba gutegura: Umurezi **ategura gahunda, aritegereza, afasha imyumvire** kandi **akora raporo** ku myigire y'abana. Muri buri ruhare hari uburyo bwo gufasha kwiga binyuze mu mikono. Izi nshingano zijyanye n'amoko yose y'imikino (iyoborwa n'abantu bakuru cyangwa igendera cyane ku mahitamo y'umwana).

Umurezi afite inshingano zitandukanye mu ishuri:

1. Umurezi nk'umuntu utegura amasomo:

Umurezi **agena gahunda** kandi **ategura** amasomo. Mu kubikora, umurezi akomatanya intego nyinshi. **Umurezi ashakisha byimazeyo ibintu byafasha abana kwiga kandi agategura ibikorwa y'ingenzi n'ibibazo bijyanye kandi bifite igisobanuro.**

Urugero:

Umurezi akora gahunda ya buri cyumweru n'iya buri muni. Umurezi agena inguni kandi atekereza ibikoresho n'ibikorwa bishobora gushishikariza abanyeshuri intego zo kwiga zatoranyijwe. Umurezi ategura ibikorwa. Umurezi ashobora gukoresha inyandikorugero iri muri 2.2.3.

2. Umurezi nk'umuntu witegereza:

Umurezi **yitegereza** ko abana bamerewe neza n'uruhare rwabo. Umurezi areba ibyo umwana akunda n'ibyo akeneye maze akamushishikaza mu myigire amukoresha ibikorwa bifite igisobanuro. **Umwana yungukira byinshi ahantu hakoma imbarutso ku bintu akunda, bifite akamaro kandi bifite igisobanuro.**

Urugero:

Mu gihe cyo gukorera mu nguni, umurezi abonye ko abakobwa benshi batitabira igikorwa mu nguni yo kubaka. Abakobwa basa n'abadashishikajwe n'amatafari abaje mu giti, imodoka n'amakamyo. Umurezi azanye ibipupe mu nguni yo kubaka maze asaba abana kubaka inzu y'ibipupe. Ibi bikuruye abakobwa bamwe. Ubu noneho bashaka gukinira mu nguni yo kubaka!

3. Umurezi nk'umufashamyumvire:

Umurezi **afasha** kwiga. Umurezi ategura ahantu hatekanye, ashyigikira ibikorwa by'abana, kandi akagena ibikorwa bifasha kuvuga no gusabana. **Binyuze mu gusabana, abana bariga kandi bateza imbere ingeri zose z'imikurire. Umurezi agira icyo akora ku byo umwana avuga no ku byo akora kandi akamwunganira ndetse akamukangurira kwiga ibindi binyuze mu busabane.**

Urugero:

Abana bari mu nguni y'ubucuruzi cyangwa y'isoko basa nk' abataratangira gukora igikorwa abatarangira. Umurezi abafasha **gutunganya umukino**: "Ni nde uracuruzza imbuto? Ni nde uragurisha amafi?" cyangwa "Ni nde uza kugura ku isoko?" cyangwa "Urakora iki? Ukeneye iki? Byagenda bite?" Noneho ukareka abana bagakina noneho ukareba uko bashishikara, ugasobanura ibyo ubona. Urugero: "Aha, mama aguze inyanya n'ibishyimbo ku isoko".

Urugero:

Umurezi yitegereza abana bari mu nguni yo kubaka. Abana barimo kubaka iminara igizwe n'ibikarito by'amata birimo ubusa. Arabegeye maze **arababaza** ati: "Muri icyo minara ni uwuhe usumba indi?"; "Mwashobora kongera andi matafari y'igiti 3 ku munara wanyu?" "Murumva byagenda bite turamutse dukuyemo aka gakarito?", "Reba ibyo Maurice arimo gukora. Afite igitekerezo kiza cyo kubaka umunara munini, murabitekerezaho iki?". Bityo, umurezi akangura imikurire y'abana mu mibare, mu mitekerereze no mu mikoreshereze y'indimi.



Ifoto ya 14 - Abana bashobora kwifashisha ibikoresho biboneka iwacu. Umurezi ashishikaza abana yongeramo ikibazo cyangwa ihurizo.

Urugero:

Umurezi agira uruhare mu mukino. Umurezi akina nk'umukiriya mu isoko: "Ndi papa. Uyu muni ndashaka gutekera abana bange babiri ibiryo bakunda " Baza abana ibiryo bakunda. Fata umwanzuro ku byo urateka. Jyana n'abana mu nguni y'isoko maze ukine nk'umukiriya. "Mwaramutse, mada(mu)! Uyu muni ndifuzza gutekera abana bange iri funguro. Ndakeneye iki? Nkeneye ibihe birungo? Bigura amafaranga angaha? " (ibi ni bike mu bibazo bishoboka ushobora kuganiraho n'abana, yaba abakina mu mwanya w'abana bawe ndetse n'abakina nk'abacuruzi ku isoko.)

4. Umurezi nk'ukora raporo ku myigire y'umwana

Umurezi **akora raporo** ku myigire y'umwana. **Atari nk'uburyo bwo gusuzuma abana gusa (Reba Umutwe wa 3), ahubwo agamije kuganira no gusuzuma imyigire hamwe n'abana mu gikorwa runaka cyangwa nyuma yacyo.** Izi nyandiko z'ibikorwa byo kwigiraho ashobora kuzisangiza no kuziganiraho n'abandi barezi kugira ngo batekereze ku myigire y'abana, cyangwa n'ababyeyi kugira ngo abashishikarize kwita ku myigire y'abana babo.

Urugero rw'igikorwa cyo kubara inkuru:



Ifoto ya 15 – Dorine abwira umurezi we inkuru kubyamubayeho. Maze umurezi yandika iyo inkuru nk’uko ayibwiwe ku gishushanyo cya Dorine. Mu kugenza atyo, barimo gukusanya ibyavuzwe mu nyandiko.

Urugero rwo kwisuzuma

Ukwisuzuma

	Nakoze akazi kange neza cyane! Sinakeneye ubufasha
	Hari aho nakeneye ubufasha uyu muni
	Nakeneye ubufasha bwinshi ariko nzongera ngerageze

Igikorwa cyagenze gite? Buri mwana asuzuma uko akazi ke kagenze uwo muni. Abana bakoresha ibimenyetso; inyandiko ni iyo gufasha ababyeyi n’abarezi gusobanura (amabwiriza).

Ifoto ya 16 – Urugero rw’igikoresho gifasha abana kwisuzuma.

Urugero:

Nyuma yo gukora igerageza ku bintu bireremba/bicubira, abarezi n'abana bafatanya gutekereza ku byavuye mu igerageza ryabo. Umurezi aravuga ati: "Mwashakishaga ibintu bishobora kureremba n'ibintu bicubira. Reka dushushanye ibintu byose bireremba kuri uru rupapuro n'ibintu bicubira kuri ruriya rupapuro."

	Kirarere	Kiracubira
izina ry'ikintu	●	○
igiceri 	○	●
Ikaramu y'igiti 	●	○
Umupira w'ukina 	●	○
inkoni 	●	○
Ikaramu yo gusiga ibara 	○	●
igoma 	●	○

Ifoto ya 17 – Gukora raporo ku mwitoto wa siyanse: kureremba cyangwa gucubira. Abana bashobora gushushanya cyangwa kwerekana igikoresho gishobora gucubira cyangwa kureremba.

Urugero:

Nyuma yo gutembera mu isambu, umurezi n'abana basubiramo uko umunsi wagenze maze umurezi akifashisha amafoto ya telefone ngendanwa cyangwa agashushanya buri gikorwa: kwerekeza ku isambu, kureba amatungo, kugaburira ingurube, kwahira ubwatsi ... Iyi nyandiko ibyara igitabo gito gishobora kongerwa mu nguni y'ibitabo. Abana bashobora gusoma" no kubwirana iyi inkuru.

Igikorwa cya 7:

- Reka dutekereze ku mikorere yo mu ishuri. Izi nshingano 4 uzishyira mu bikorwa ute?
- Ibuka imyigishirize yawe y'ejo hashize.
 - Wakoze izihe nshingano? Ute?
 - Ushobora kwifashisha urutonde ruri ku ipaji ikurikira kugira ngo rugufashe gutekereza.
 - Ni iki wakwigira kuri ibi? Ni iki wifuza guhindura?

Uruhare rw'umurezi mu kwiga binyuze mu mikino		1	2	3
1: Yego, rurimo– 2: Rurimo gake ariko rushobora kunozwa – 3: Ntarurimo		Yego	Yego ariko	Oya
1. Kugena gahunda no gutegura amasomo	1.1. Umurezi akomatanya intego nyinshi. Ibikorwa bikubiyemo ubushobozi butandukanye n'ingeri z'imikurire zinyuranye (urugero: Abana bashishikajwe no gukoresha ubumenyi bw'imibare mu bindi bikorwa).			
	1.2. Umurezi ategura ibikorwa binyuze mu mikino.			
2. Umurezi nk'umuntu witegereza	2.1. Umurezi yitegereza ko abana bamerewe neza, uruhare rwabo, ibyo bakunda n'ibyo bakeneye.			
	2.2. Umurezi akoresha umwana ibikorwa bifite igisobanuro.			
	2.3. Umurezi yitegereza uburyo abana bose batera imbere mu mikurire.			
3. Umurezi nk'umufashamyumvire	3.1. Umurezi ategura ahantu hatekanye.			
	3.2. Umurezi ategura ibintu biha abana amahirwe yo kwiga.			
	3.3. Umurezi afasha abana ahereye ku bikorwa byabo.			
	3.4. Umurezi atandukanya ibikorwa kandi afasha abana agendeye ku byo bakeneye n'ikigero cyabo.			
4. Umurezi nk'umuntu ukora raporo ku myigire	4.1. Umurezi akora raporo ku mpinduka yazanye mu gikorwa no ku mitegurire y'isomo.			
	4.2. Umurezi afatanya n'abana gukora raporo.			
	4.3. Umurezi asangiza abandi raporo bakamuha ubujyanama bugamije kunoza imyigire n'imyigishirize.			

No mu gihe cy'umukino abana biyoboyemo, abarezi bagira uruhare runini. Uruhare rw'umurezi mu mukino abana biyoboyemo:

Ese hari ikintu abarezi bagomba gukora mu gihe abana bashishikariye umukino biyoboyemo?

No mu mukino abana biyoboyemo, abarezi bagira uruhare runini. Uruhare rw'umurezi mu mukino abana biyoboyemo rutangirira ku **kwitegereza** neza. Uhereye ku byo umurezi abona:

- Kuba umurinzi w'umutekano: Komeza witegereze abana bose, urebe neza ko batekanye.
- Kuba umukinnyi: kinana n'abana, reba ko abana bose bashishikariye gukina.
- Kuba umuhwituzi cyangwa umuhuza: Ibutsa abana amabwiriza, ubunge igihe havutse amakimbirane.
- Kuba umuforomo: Wita ku bana bikomerekeje.
- Kuba umuntu mwiza: Humuriza abana batamerewe neza cyane, huza abana kandi ubafashe gusabana.

Igikorwa cya 8:

Igihe cyo gukora ibikorwa.

Mu cyumweru gikurikiye, gerageza kwibanda ku nshingano imwe buri muni, cyane cyane mu gihe cyagenewe inguni y'imikino. Wibuke kubanza kureba neza ko abana bose basobanukiwe kandi bashishikariye ibikorwa byo mu nguni. Noneho hitamo inguni imwe maze uyimaremo umwanya ukina inshingano yihariye.

1. Wahisemo iyihe nshingano? Kubera iki?
2. Wahisemo iyihe nguni? Kubera iki?
3. Ni iki wabonye (mu bijyanye no kumererwa neza n'uruhare mu gikorwa)?
4. Wigiyemo iki?
5. Ni iki uzakora mu bundi buryo ubutaha?

2.4. Kwinjiza abanyeshuri bose mu kwiga binyuze mu mikino

Igikorwa cya 9:

Tekereza abanyeshuri bawe mu ishuri.

- Bose ni bamwe? Bose biga mu buryo bumwe?
- Ese hari abanyeshuri ubona bafite inzitizi mu myigire mu ishuri ryawe? Izo nzitizi ni izihe?
- Ni gute uzikemura?

Abana bose bagomba kugira amahirwe angana yo gukina no kwiga. Nyamara, abana benshi bo mu mashuri y'inshuke bahura n'inzitizi zo kwiga no kugira uruhare mu bikorerwa mu ishuri. Izi nzitizi zishobora guterwa n'ubumuga, ubukene, ibibazo by'ururimi, uburinganire hagati y'ibitsina n'izindi mpamvu nyinshi. Nanone abana bafata vuba cyangwa bitinze ibyo biga bishobora kuba imbogamizi kuko barambirwa ishuri, ntibafatanye n'abandi. Bityo rero, inzitizi zibuza abana kwiga, ntizitume bakura uko bikwiriye.

Kudaheza bivuze ko abakobwa n'abahungu bose babona amahirwe angana yo gukina, kwiga no kugira uruhare mu bikorwa ngiramumaro. Abana bose bagomba kumva ko bakirwa uko bameze. Abarezi bo mu mashuri y'inshuke n'abayobozi b'amashuri bashobora kugira uruhare runini mu gukemura inzitizi nyinshi, bityo bakazamura urwego rw'uruhare rw'abana no kumererwa neza mu byumba by'amashuri no mu kigo. Kudaheza bigirira akamaro abanyeshuri bose kuko byubaka ubushobozi mbonezamubano nko kugira impuhwe, kwakira abo mudahuje imyumvire n'imikorere, kubahana.

Mu gihe cyo gutegura ibikorwa byo kwigiraho bakina, ni ngombwa guhera ku imyifatire iboneye: **huri mwana ashobora kwiga**. Ariko buri mwana ashobora kuba afite ibyo akeneye bitandukanye. Dore bimwe mu bitekerezo by'ingenzi byagufasha kwirinda iheza mu ishuri ryawe: Kwagura ibikorwa, kuzana impinduka mu gikorwa, kubona ibikorwa kandi bifite igisobanuro.

1. Kwagura no kuzana impinduka mu mukino

Nyuma yo gutegura igikorwa wareba uburyo ushobora **kucyagura**. Ni iki wakora kugira ngo ugire ibyo ugenda uhindura ku gikorwa?

Urugero:

Uyu muni umurezi arimo gufatanya n'abana kubara. Yateguye igikarito cyuzuye amacupa y'amazi arimo ubusa. Mu matsinda mato abana bagiye bahabwa igikapu kirimo amacupa 10. Buri mwana abara amacupa. Babara baranguruye ijwi, bongorera, baririmba.

Nyuma yo kubara amacupa, abana babara intoki. Babara kandi abana bari mu ishuri bagakora amatsinda y'abana 10. Babara amadirishya y'ishuri. Barabara ibintu babitunga urutoki ariko kandi banasimbuka igihe bageze ku kintu kinini. Mu gihe cyo kurya, babara ibikombe nanone bagakora amatsinda y'ibikombe icumi.

Mu kubigenza atyo, umurezi aba yagura igikorwa: Ibikoresho birahinduka (amacupa, intoki, abana), n'ibyo abana bakora (gutunga urutoki no gusimbuka) ndetse n'igihe kubara bikorerwa (mu isomo ariko nanone no mu gihe cyo kurya).

Ni gute **wakoroshya/wakomeza umwitozo**? Abanyeshuri bashobora kumva igikorwa kigoye cyane, abandi bakabona cyoroshye cyane. Ni byiza kwitegura hakiri kare uburyo ushobora koroshya cyangwa gukomeza igikorwa. Bityo, igikorwa gikomereza umunyeshuri ku rwego rukwiye maze bigatuma arushaho gutekereza, gushishikara no kwiga. Ibi byitwa agace k'ibintu umwana yabasha gutozwa: Guhera ku byo umwana asanzwe akora, hanyuma akiga ibiri mu bushobozi bwe, gukoma imbarutso ariko ukirinda kugora umwana.

Urugero:

Abanyeshuri bake bari mu mikino y'urungabangabo mu nguni y'imibare. Umurezi abonye Jean-Paul ajugunya hirya no hino ibyo barimo kubara, ku buryo bibangamira abandi bana. Umurezi yicaranye na Jean Paul batangira gufatanya umukino. Jean-Paul awukora neza. Umukino uroroshye cyane, ni yo mpamvu Jean Paul yarambiwe. Umurezi ahaye Jean-Paul umukino w'urungabangabo urimo ibyo kubara byinshi. Jean Paul yongeye kwishima ndetse arushaho gushishikara.

2. Kubona ibikorwa

Ese abanyeshuri bose babasha gukora igikorwa? Ese icyo gikorwa ntabwo giheza? Minsi hari urutonde rw'ibitekerezo byoroshye, ibyifuzo n'inama zifatika byafasha kwirinda iheza mu bikorwa byo gukina n'aho bikorerwa.

Inama zifatika zafasha kwirinda iheza mu bikorwa byo gukina n'aho bikorerwa

- Ibande ku byo abana **bashobora gukora**, aho kwibanda ku byo badashobora.
- Rimwe na rimwe, abana bafite ubumuga cyangwa bakeneye ubuvuzi ntibabona uburyo bwo gukina kuko abantu bakuru batekereza ko bishobora kubateza akaga. Cishiriza kandi ushyire mu gaciro utegura abana kandi ubarinda ibyago bishobora kubaho. Gukina ni ngombwa mu myigire kuko ari bwo buryo bufasha abana gucukumbura ibidukikije.
- Ha abana **ibikoresho** buri ku kigero gikwiye cyangwa intera ikwiye ku buryo bose babasha kubigeraho. Reba ingano n'amabara by'ibikoresho.
- Reka umwana **ayobore** kandi **yihitiremo**. Itegereze umwana witonze urebe ibimushimisha. Ni ibihe bikinisho akunda? Abikoresha iki?
- **Koresha ibyumvo by'umubiri**. Ha abana uburyo bwo kwiga butuma bumva uburyohe, impumuro, bakora ku bintu, barebesha amaso no kumvisha amatwi. Bihuze byose. Mu gihe ubara inkuru, erekana amashusho n'ibikoresho biberanye n'inkuru. Reka abana bakore ku bikoresho; reka barebe amashusho. Vuga iyo nkuru inshuro nyinshi, kuko gusubiramo bifasha abana kumva neza.
- Itegereze **imigendekere** y'umukino. Abana barimo gukora iki? Ni ibihe bikoresho bakunda? Bakoresha umubiri gute? Ifashishe aya makuru kugira ngo ufashe abana gutera intambwe ikurikira. Bahe ibikoresho bishya, ubumenyi bushya.
- Bashishikarize **gucukumbura**. Zana inkangara zuzuye ibikoresho bikenerwa buri minsi (urugero: ibiyiko bikozwe mu giti, ibitambaro, inzu, imisogwe, uburoso ...). Itegereze icyo abana babikoresha? Bashishikara bate? Bakunda iki? Reka abana bahange udushya maze bavumbure.
- Tekereza ku **gusabana mu ndimi**. Mara umwanya hamwe n'itsinda rito ry'abanyeshuri kugira ngo bashishikarire ururimi. Itoze kandi ukoreshe amarenga aho bikenewe.
- Shishikariza abana gukinira **hamwe**. Huriza abana mu mukino (urugero: Gusunikira mugenzi wawe umupira, gufasha abana kwitabira umukino mugenzi we akunda, kubareka bagafatanyaga kubaka ahantu bishimiye cyangwa habereye umunyeshuri bafite ibyo bakeneye byinshi, kureka abana bagafata inshingano zitandukanye...)
- Shakisha ahantu hose hafasha abana kwiga neza. Wireba imbere mu ishuri gusa. Muge **hanze** maze ureke abana bakine biyoboye, bareke baruhuke baryama mu bwatsi, bitegereze amababi, indabyo n'ibiti.

3. Ibikorwa bifite igisobanuro

Ese igikorwa gifite icyo gisobanuye ku bana bose ndetse no ku bafite ibibazo byihariye?

Igikorwa gifite igisobanuro ni igikorwa gifite icyo kivuze ku bana. Gifite aho gihuriye n'ibyo basanzwe bazi, kijyanye n'aho baba, ibyo babamo b'ibyo bahuye na byo mu buzima. Icyo gikorwa gishingira ku bintu bibashishikaje muri icyo gihe k'imikurire bagezemo. Ibi bivuze ko abana bose batagomba kuba mu bikorwa bimwe cyangwa ko bashobora gukora ibikorwa bimwe mu buryo butandukanye, hashingiwe ku bibashishikaza.

Reba niba:

- Igikorwa gishimishije kandi gishishikaje buri mwana.
- Igikorwa kiri ku rwego rukwiye ku bana bose.
- Abana bose bashobora gukinana.
- Igikorwa gihuje n'ibyo abana bose bakeneye.

Urugero:

Mu gihe abandi bana barimo kubara imifuniko y'amacupa, Aloisa, umwana ufite ubumuga bw'uturamungu (Down syndrome) ntabwo ashishikajwe no kubara. Ntiyumva iyo biva n'iyi bigana. Cyakora, umurezi abonye ko akunda imifuniko, agenda ayishyira mu kinyamubyimba akongera akayikuramo. Umurezi ahindura uburyo igikorwa cyakorwaga kandi akareka abana bagakorera hamwe mu itsinda. Mu gihe Aloisa ashira imifuniko umwumwe mu kinyamubyimba, abandi bana barayibara. Iyo irangiye, Aloisa ashobora kongera kuyikuramo. Aloisa ashishikariye igikorwa gishimishije kandi yitabiye igikorwa cyo mu itsinda gifite igisobanuro kuri we no ku bandi bana.

Urugero:

Mu gihe cyo gukorera mu nguni, umurezi abonye ko abakobwa benshi batitabira igikorwa cyo mu nguni yo kubaka. Abakobwa basa n'abadashishikajwe n'amatafari abaje mu giti, imodoka n'amakamyi. Umurezi azanye ibipupe mu nguni yo kubaka maze asaba abana kubaka inzu y'ibipupe. Ibi bikuruye abakobwa bamwe. Ubu noneho barifuza gukinira mu nguni yo kubaka!

Igikorwa cya 10:

Kudaheza, koroshya/gukomeza umwitozo.

- Hera ku gikorwa wateguye muri 2.2.3
- Reka turebe niba ushobora gutegura igikorwa kidaheza kandi kirimo koroshya/gukomeza ibikorwa. Inyandikorugero ikurikira ishobora kugufasha.

Inyandikorugero yo gutegura inguni y'imikino

Kwagura no kuzana impinduka mu gikorwa	<i>Wakora iki ngo wagure igikorwa kandi ugire ibyo ugenda uhindura ku gikorwa?</i>
	<i>Wakora iki ngo urusheho gukomeza igikorwa?</i>
	<i>Wakora iki ngo urusheho koroshya igikorwa?</i>
Kubona igikorwa ukora	<i>Ese abana bose babasha gukora igikorwa harimo n'abafite ibibazo byihariye mu myigire yabo? Bate?</i>
Igikorwa gifite igisobanuro	<i>Ese igikorwa gifite icyo kivuze ku banyeshuri bose harimo n'abafite ibibazo byihariye mu myigire yabo? Gute?</i>

2.5. Imyigire mu mikino yubahiriza ihame ry'uburinganire

Igikorwa cya 11:

Uburinganire mu bwana bwawe

- Ese uri igitsina gabo cyangwa igitsina gore?
- Ibuka mu bwana bwawe. Ese hari ibintu bimwe na bimwe wagombaga gukora kubera ko wari umukobwa cyangwa umuhungu?
- Hari ibintu wari witeguye mu buzima kubera ko wari umukobwa cyangwa umuhungu?
- Wakinishije ibikinisho bimwe na bimwe kubera ko wari umuhungu cyangwa umukobwa?

1. Amagambo y'ingenzi

Itandukaniro riba hagati y'abahungu n'abakobwa akenshi ntabwo rishingiye ku itandukaniro ry'imiterere y'imibiri yabo, ahubwo rishingiye ku gitsina, kubogamira ku gitsina runaka n'imyumvire y'ivangura rishingiye ku gitsina.

Igikorwa cya 12:

Urutonde rw'amagambo akoreshwa mu burunganire

Fata amagambo n'ibisobanuro byayo biri ku Mugereka wa 2. Ushobora guhuza buri jambo n'igisobanuro cyaryo?

Imbonerahamwe ya 1 – Amagambo akoreshwa mu burunganire (VVOB, 2019)

Amuga	
Igitsina	Imimerere y'umubiri abantu bafite nk'ibinyabuzima ibagaragaza nk'abazaba abagabo cyangwa abagore
Igitsina	Ibiranga umuntu, imibereho n'imibanire ye bifitanye isano no kuba ari igitsina gabo cyangwa igitsina gore.
Kwiyumva mu bantu b'igitsina runaka	Uburyo umuntu yiyumva muri we nk'umugabo cyangwa umugore.
Inshingano zigenewe abantu b'igitsina	Ibikorwa, imirimo n'inshingano bigenewe itsinda ry'abantu hagendewe ku gitsina cyabo. Urugero: abagabo bajya mu giporisi; abagore bamesa imyenda.
Kubusanya inshingano zishingiye ku gitsina runaka	Iyo umuntu adahuza n'inshingano zisanzwe zigenewe igitsina ke. Urugero: Umukobwa uvugiriza, umuhungu urira, umugore akina rugubi (rugby) ...
Ibogama rishingiye ku gitsina runaka	Itandukaniro ribangamye mu buryo abagore cyangwa abagabo, abakobwa cyangwa abahungu bafatwa.
Imyumvire y'ivangura rishingiye ku gitsina	Imyizerere yerekeye ibiranga umuntu, imyitwarire n'inshingano z'itsinda runaka, hashingiwe ku gitsina cyabo. Urugero: Abagore bagomba kwita ku bana naho abagabo bagatunga umuryango.
Ivangura rishingiye ku gitsina	Kubuza umuntu amahirwe yo kwiga, kubona akazi gafatika, kugira uruhare muri politiki cyangwa gutera imbere mu bukungu hashingiwe ku gitsina ke. Urugero: Abagore ntibemerewe gutora.

Amuga	
Ihame ry'uburinganire	Kuba abagore, abagabo, abakobwa n'abahungu bose bagira uruhare rungana mu nzego zose za sosiyete, haba mu mashuri ndetse n'aho bakorera.
Uburunganire bw'ibitsina byombi	Kuba nta vangura rishingiye ku gitsina cy'umuntu. Ibi bivuze ko sosiyete ibona ko abantu bose bangana, hatitawe ku gitsina cyabo.
Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi	Ni inzira yo kudatsikamira abagore, abagabo, abahungu n'abakobwa. Kugira ngo bigerweho, akenshi hafatwa ingamba zo kuziba icyuho cyabayeho hagati y'abagore n'abagabo kubera amateka, cyagiye kibabuza gukorera ku rwego rumwe.
Kwita ku burunganire	Gahunda n'ibikorwa bikemura ibibazo bitandukanye kandi byita ku byifuzo by'abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa, cyangwa gufata ingamba zo gukosora cyangwa gukumira ibogama, ihohoterwa n'ivangura rishingiye ku gitsina hagamijwe kwimakaza uburunganire n'ubwuzuzanye.
Imyigishirize yita ku burunganire	Imyigishirize n'imyigire yita ku bintu byihariye abakobwa n'abahungu bakeneye. Mu byitabwaho twavugaga: gutegura amasomo, kwigisha, gutunganya no gucunga ishuri hamwe no kuyobora ibindi bikorwa.

Ibogama rishingiye ku gitsina mu ishuri

Mu ishuri, abana bakunze kwiga imigenzereze ishingiye ku gitsina barebeye ku kuntu abakozi b'ishuri bakora ibintu. Ingero zimwe zigaragaza kubogama:

- Gukora amatsinda ushingiyeye ku gitsina no guha abakobwa imirimo runaka bonyine (urugero: gukubura mu ishuri) naho indi mirimo ukayigenera abahungu (urugero: kwimura ameza).
- Kubuza abakobwa kwitabira ibikorwa bifatwa nk'ibikomeme n'abahungu ukababuza gukinisha ibipupe.
- Guhumuriza umukobwa igihe hari ukomeretse akarira, mu gihe umuhungu ukomeretse abwirwa ngo "haguruka, nta muhungu urira."

Ikintu cyo gutekerezaho: ese wigeze utekereza ingaruka z'imyambarire y'abakobwa ku myigire yabo? Kubera ko abakobwa baba bambaye amajipo, akenshi birababangamira mu gusimbuka, mu kurira, mu kwiruka. Ibi bibangamira imikurire yabo myiza.

Umukino wubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ni umukino wita ku bibazo n'ibyifuzo bitandukanye by'abana b'ibitsina bitandukanye. Ukosora cyangwa ubuza kubogama no kuvangura hagamijwe uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina.

Abana bose bakeneye kubona amahirwe angana kugira ngo bakure mu buryo bwuzuye. Abana bariga kandi bagakura neza iyo:

- Bitabira ibikorwa bitandukanye byo kwiga no gukina;
- Abarezi babafasha kumva batekanye kandi bashyigikiwe;
- Bashishikarizwa kugerageza ibintu bitandukanye no gusabana n'abandi.

Tugomba kureba ko ihame ry'uburinganire ryubahirizwa mu gihe cyo gutegura aho abana bigira, imfashanyigisho, ibikorwa byo kwigiraho, ubusabane n'imvugo ikoresheya mu ishuri.

2. Aho abana bigira

Uburyo ishuri n'inguni biteguwe, bigira uruhare ku buryo abana bitabira ibikorwa mu kwiga.

Ni gute wategura icyumba K'ishuri no hanze yacyo?

- Tegura mu bundi buryo inguni zawe kugira ngo uzane imikino mishya ifite amabwiriza kandi ushishikarize abana batandukanye gukorera hamwe mu matsinda Shishikariza abana kugerageza ibyigwa byose no gukorera mu nguni zose
- Saba abanyeshuri mwicarane hasi ku ruziga (nawe nk'umurezi wicare ku ruziga) kugira ngo barusheho kugira uruhare rungana;
- Kuzenguruka mu ishuri kugira ngo urebe ko buri wese agira uruhare kandi ashishikaye;
- Shyira abana mu matsinda mato kuko bishobora gufasha abana bagira isoni kwiga neza.
- Gira icyo ukora igihe hari itsinda ry'abana ryihariye inguni zose cyangwa ryirukanye abana.

Urugero:

Umurezi yegeranyije inguni y'inkuru y'impimbano n'iyi kubaka. Ibi byatumye abana batekereza gukoresha ibikoresho batajyaga bashishikarira ubusanzwe. Abana batangira kubakira ibipupe amazu.

Urugero:

Itsinda ry'abakobwa barimo gukina umukino w'inzu. Fred arashaka kwinjira mu itsinda. Henriette arangurura ijwi ati: "Ntushobora gukinira mu gikoni, uri umuhungu!" Umurezi asubiza agira ati: "Twese dushobora kwigira hamwe, uburyo bwo gutegura ibitekwa maze tugafatanye guteka."

Urugero:

Itsinda ry'abahungu ryihariye umwanya wose wo hanze kugira ngo bakine umupira w'amaguru. Abandi bana bihindiyeye hamwe ahantu hato. Umurezi agabanyamo ibice ahantu hatandukanye ho gukinira, yemwe no hanze bityo buri mwana akabona umwanya uhagije wo gukiniramo.

Igikorwa cya 13: (ushobora kukihorera)

Sikana kode ya QR cyangwa wandukure umuyoboro
(<https://youtu.be/Yft3L1ErdR0>) hanyuma urebe videwo.

- Ni iki gishya cyagufashije?
- Kuki ubu buryo bwubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?
- Ese ibi byagukanguriye guhindura aho abana bigira mu ishuri? Ni iki wifuza guhindura?



3. Imfashanyigisho

Abana bunguka ubumenyi bwagutse iyo babasha gukina n'ibikoresho bitandukanye. Nyamara, ibikinisho byinshi n'ibikoresho byo gukina bikunze kugaragara nk'ibigenewe abahungu gusa cyangwa abakobwa gusa. Ibi bikoresho n'ibikinisho byihariye ku gitsina bishobora kugira ingaruka ku buryo abana bumva inshingano zitandukanye zigenewe ibitsina byombi: niba ibipupe ari iby'abakobwa gusa, abana bashobora gutekereza ko kwita ku bana ari inshingano z'abagore bonyine. Iyo ibikoresho byo gukina bishimisha igitsina kimwe gusa, abana bose bahomba byinshi byo kwiga.

Igikorwa cya 14:

- Ibikoresho byo gukina byihariye ku gitsina runaka
- Watanga ingero z'ibikinisho bigenewe abahungu gusa?
 - Watanga ingero z'ibikinisho bigenewe abakobwa gusa?

Ni gute wabona imfashanyigisho ushyira mu ishuri?

- Tanga ibikinisho n'ibikoresho byo gukina mu buryo butuma abana batandukanye bakora.
- Irinde ibikoresho byo gukina byihariye ku gitsina runaka. Tanga ibipupe bishobora gukoreshwa n' igitsina icyo ari cyo cyose cyangwa utange ibipupe bitandukanye ku bijyanye imyaka n'amabara atandukanye.
- Koresha ibikoresho bitandukanye nk'amabuye yo gukinisha, inzu, ibikarito binini, amakarito y'amata. Ibi bituma abana bamenya imyumvire yabo ku burunganire n'inshingano zigenenwe igitsina runaka.
- Shishikariza abana gukoresha ibikoresho byo gukina bisanzwe bigenewe igitsina runaka. Babaze ku myumvire ivuga ko hari abagenewe gukinisha ibikinisho runaka.
- Ibaze ku myizerere yerekeye amabara n'icyo isobanura.
- Bereke uko bitwara mu mukino. Ereka abana uburyo bakoresha ibikoresho byo gukina mbere yo gutangira.
- Irinde imyumvire igaragaza ivangura rishingiye ku gitsina iri mu bitabo by'inkuru cyangwa ukangurire abana gutekereza kuri iyo myumvire ishaje no kuyibazaho.

Urugero:

Maurice aragira ati: "Imodoka zigenewe abahungu gusa". Umurezi akamubaza ati: "Maurice, wabihamya? Nkiri umwana, nakundaga gukinisha imodoka. Ntekereza ko abana benshi bo muri iri shuri – harimo n’abakobwa - bishimira gukinisha imodoka." (=kwibaza ku myumvire)

Urugero:

Umurezi yitegereza umuhungu ufite isoni zo kujya mu nguni y’umukino wo kurera no kwita ku bana. Asa nk’ushidikanya ku gikinisha cy’abana. Umurezi aramwegeye. Bafatanyije kwita ku mwana, bamuha urubindo (iranje). Umurezi aravuga ati: "Abahungu na bo bashimishwa no gukinisha ibipupe nk’uko bita ku bandi kandi bakabakunda. Reba, hari imbindo (amaranje) kandi na bibero byo kumuha. Umwana ararya iki? " (= gushishikariza gucukumbura ibikoresho byo gukina, kugena imyitwarire mu mukino)

Urugero:

Umurezi asoma inkuru. "Kuri iyi shusho abana barimo gukora iki?" "Urifuza kubikora?" "Ese buri gihe ni ko biba bimeze?" "Urifuza kuba uyu muntu? Kubera iki yego cyangwa oya? " (= kuganira, kuvuga no kwibaza ku myumvire izana ivangura rshingiyeye ku gitsina iri mu nkuru)

Igikorwa cya 15: (ushobora kukihorera)

Sikana kode ya QR cyangwa wandukure umuyoboro (<https://youtu.be/rUUKQW7oJnA>) hanyuma urebe videwo.

- Ni iki gishya cyagufashije?
- Kuki ubu buryo bwubahiriza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye?
- Ese ibi byagukanguriye guhindura uburyo bwo gukoresha ibikoresho mu ishuri? Ni iki wifuza guhindura?



4. Ibikorwa byo kwigiraho

Igikorwa cya 16:

Mu gihe cyo kwiga ibijyanye no gutwara abantu n’ibintu, abana bose bakoze imodoka n’amakamyo mu bikoresho biboneka iwacu. Abana bakinisha amakamyo n'imodoka byabo. Umuhungu umwe abwira umukobwa ati: "Oya, ndaba umushoferi. Nta mukobwa utwara imodoka."

- Kuki aba bana batekereza ko gutwara imodoka ari iby’abahungu?
- Wakora iki?

Umurezi yabyitwayemo atya: "None se birakwiye kubwira umwana icyo yemerewe cyangwa atemerewe gukora? Ntekereza ko abana bashobora kugira ubushake bwo gukora ikintu cyose bashaka."

- Utekereza iki kuri iki gisubizo? Umurezi akoze iki?

Iyo abana bakoze ibikorwa bitandukanye byo kwigiraho, aho babona amahirwe yo gusabana n’abana batandukanye, bunguka ubumenyi bwagutse mu mbamutima n’imibanire n’abandi no mu mitekerereze.

Imyumvire ya kera ku byerekeye inshingano zigenewe buri gitsina ishobora kubuza abana kwitabira ibikorwa runaka byo gukina cyangwa gufata inshingano zitandukanye mu matsinda. Ibi bishobora kubaho mu bikorwa biyoborwa n’umurezi no mu mikino abana biyoboyemo.

Ni gute wategura ibikorwa byo kwigiraho ukanakoresha neza umwanya wawe n’abana?

- Gabanya abana mu matsinda ukoresheje tombora, udashingiye ku gitsina. Urugero: Kora amatsinda ugendeye ku kwezi bavutsemo, ibiryo bakunda ...
- Irinde ko igikorwa kiba umwihariko w’igitsina runaka: Abana bose bagomba gushishikarizwa kwitabira ibikorwa byose mu bwisanzure. Abana bose bashobora gukora imirimo yose (urugero: guterura ameza, gukubura ...).
- Ha abana bose amahirwe yo kwitabira ibikorwa bitandukanye byo gukina no kwiga. Uburyo bwo kugenda basimburana bufasha abana bose gukora ibikorwa byose/kunyura mu nguni zose.
- Koresha ibikorwa kugira ngo mwibaze ku nshingano zigenewe igitsina no ku myumvire izana ivangura rishingiye ku gitsina. Baza abana impamvu bahunga ibikorwa runaka, niba abahungu cyangwa abakobwa bashobora kubikora neza. Tanga ingero z’abantu b’ikitegerereze. Shishikariza abana bose ibikorwa bikuraho inshingano zigenewe igitsina runaka (urugero: Guteka, kubaka ...)
- Hindura indirimbo n’inkuru kugira ngo zirusheho kubahiriza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye.

Urugero:

Umurezi abonye ko abana bamwe bahora bakinira mu nguni y’igikorwa K’inzu. Abasabye kujya mu nguni yo kubaka maze akena n’ahantu hagenewe abanyeshuri badafite uburambe bwo gukinisha umupira.

Urugero:

Jean Paul agiye mu itsinda ry’abakobwa mu nguni y’imyambaro. Ni we muhungu wa mbere ubikoze. Shishikariza Jean Paul gukomeza. Abana babibona nabi, bacyahe cyangwa ubabuze.

Urugero:

Mu mukino abana biyoboyemo, umurezi atanga urugero rw’imwitwarire itandukanye n’imyumvire izana ivangura rishingiye ku gitsina akina umwanya w’umugore wubaka inzu, umugabo (umupapa) wita ku mwana akanateka, umugore ukora akazi k’ubupolisi ...

Igikorwa cya 17: (ushobora kukihorera)

Sikana kode ya QR cyangwa wandukure umuyoboro (<https://youtu.be/mHI1pQEfrmI>) hanyuma urebe videwo.

- Ni iki gishya cyagufashije?
- Kuki ubu buryo bwubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?
- Ese ibi byagukanguriye guhindura uburyo utegura ibikorwa mu ishuri? Ni iki wifuza guhindura?



5. Gusabana no gukoresha ururimi mu ishuri

Gusabana hagati y'umuntu mukuru n'umwana no hagati y'umwana na bagenzi be bigira uruhare runini mu myigire no mu mikurire y'umwana. Bituma arushaho kumva uwo ari we kandi afite aho abariza.

Igikorwa cya 18:

Tekereza uburyo usabana n'abanyeshuri mu ishuri ryawe.

- Ufata abahungu n'abakobwa kimwe?
- Bimeze gute?

Imvugo ukoresha ishobora gutuma abana batekereza ko hari ibikorwa bimwe bigenewe abana b'igitsina runaka bonyine.

- Ushobora kuba uvugisha abakobwa neza mu gihe ukankamira abahungu.
- Ushobora gukoresha amagambo nka "byiza", "uri umugabo" ku bahungu n'amagambo nka "mbega byiza" na "mama shenge" ku bakobwa.
- Ushobora kuvuga ibintu byerekana ko imico myiza imwe n'imwe ari iy'abahungu cyangwa abakobwa: "Abahungu bahora ari abahungu", "abahungu babi", "abakobwa beza", "abakobwa, nimwereke abahungu uburyo basukura iki kintu neza".

Ni gute wakorana n'abana mu buryo bwubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?

- Fata abana kimwe, ubavugishe woroheje cyangwa n'igitsura mu bihe biteye kimwe, utitaye ku gitsina runaka.
- Ubaha kandi ushimire abana bose bagaragaje ubumenyi n'imico bidasanze.
- Ishimire uburyo abana birekura mu kuvuga n'amahitamo bakora mu gihe bahangara imyumvire ishaje ishingiyeye ku gitsina.
- Gabanya imirimo yo mu ishuri amatsinda kimwe.
- Koresha amazina y'abana mu gihe utanga ibitekerezo byiza cyangwa bibi kandi wirinde kuvuga ngo "abahungu, mureke kurwana".
- Niba wunvise abana bavuga ku bururinganire, gira icyo uvuga kandi urwanyeye imyumvire ishingiyeye ku ivangura ry'ibitsina byombi.

Urugero:

Ephrem aravuze ati: “Abahungu barusha abakobwa muri siporo.” Umurezi aramusubiza ati: “Abana bamwe barusha abandi muri siporo. Ntaho bihuriye no kuba umuhungu cyangwa umukobwa. Abana bose bafite ibintu bashoboye.”

Urugero:

Ineza aravuze ati: “Abahungu ntibashobora kwambara ibara ry'iroza.” Umurezi arasubiza ati: “Amabara ni amabara kandi buri wese muri twe ashobora guhitamo ibyo akunda cyangwa adakunda. Buri wese afite uburenganzira bwo guhitamo amabara akunda.”

Gusabana n’abandi bana ni ngombwa. Ubusabane mu gihe cy’ubwana bufasha kwiga kandi buba umusingi w’umubano wabo n’urungano uko bagenda bakura.

Ni gute wafasha imikoranire hagati y’abana?

- Gufasha abana kubahana.
- Gufasha abana bose kugaragaza amarangamutima yabo. Imbonerahamwe y’amarangamutima (irimo amashusho y’amarangamutima 4 y’ibanze: ibyishimo, ubwoba, umubabaro, uburakari) ishobora gufasha.
- Kutihanganira umwana ubabaza abandi bana, mu magambo cyangwa ababaza umubiri.
- Gufasha abana kwimakaza impuhwe no kwakira abo mudahuje imyumvire n’imikorere.
- Gufasha abana kwakira abo badahuje imyumvire n’imikorere no kwemera itandukaniro. Niba umurezi yakira neza itandukaniro (urugero: Nkunze uburyo wabigenje, Wambwira ibindi kuri ibi? Ni ubwa mbere numvise ibi), icyo gihe abana na bo bayoboka iyi myifatire myiza.

Urugero:

Efrem yaguye arakomereka. Arimo gutaka. Marie aramubwira ati: “uteye nk’abakobwa.” Umurezi aravuga ati: “Efrem arababaye kubera uburibwe. Iyo hari ikintu kigukomerekeje urataka. Umwana wese ashobora gutaka, yaba umuhungu cyangwa umukobwa. Wowe na Maurice murita kuri Ephrem kugeza igihe yongeye kumererwa neza? Mwibuke ko mu ishuri ryacu twese turi inshuti.”

Igikorwa cya 19: (ushobora kukihorera)

Sikana kode ya QR cyangwa wandukure umuyoboro (<https://youtu.be/I8fjnCJmPXY>) hanyuma urebe videwo.

- Ni iki gishya cyagufashije?
- Kuki ubu buryo bwubahiriza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye?
- Ese ibi byagukanguriye guhindura uburyo usabana n’abana mu ishuri? Ni iki wifuza guhindura?



Ibindi wamenya kuri uyu mutwe

Hari ibindi bikoresho bishobora kugufasha kumenya byinshi kuri iyi mbumbanyigisho.

- Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (2015). Integanyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke kuva ku myaka 3 kugeza ku myaka 6, Minisiteri y'Uburezi, Repubulika y'u Rwanda.
- Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (2015). Inyoborabarezi ku Nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke, Minisiteri y'Uburezi, Repubulika y'u Rwanda.
- Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (2021). Igitabo cy'abarezi bashya mu Rwanda, Kigali.
- Porogaramu y'Amashuri Twigire mu Mikino ya VSO Rwanda: Inyoborabarezi ya 4: Imikino mu Nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi; Inyoborabarezi ya 5: Imitegurire y'ishuri; Inyoborabarezi ya 6: Imicungire y'ishuri; Inyoborabarezi ya 7: Imicungire y'imyitwarire; Inyoborabarezi ya 10: Kudaheza; Inyoborabarezi ya 11: Uburinganire

Umutwe wa 3: Gukora no kwifashisha ibikoresho biboneka iwacu

Muri uyu mutwe urasangamo:

- Gukora ibikoresho byo gukina biboneka iwacu byo kwifashisha mu ishuri
- Kunoza imikorere yawe binyuze mu kugerageza no kwitekerezaho muri iryo gerageza (gusubiramo kenshi)

Abana bato biga binyuze mu gucukumbura ibyo babona no kugaragura ibikoresho. Ibikoresho bifatika ni ngombwa mu mikurire y'abana.

Igikorwa cya 1:

Ibikoresho biboneka iwacu biri mu ishuri ryawe

- Muri iki gihe wifashisha ibihe bikoresho mu ishuri ryawe?
- Ubyifashisha ryari? Ni ibihe wifashisha wigisha imibare?
- Ubyifashisha ute? Ese abana bakoresha ibikoresho cyangwa wowe nk'umurezi urabikoresha?
- Ni wowe ubwawe wakoze ibyo bikoresho? Tanga ingero n'uburyo wabyifashishije.

Kugira ngo ubashe gukoresha uburyo bwo kwiga binyuze mu mikino, ukenera urusobe rw'ibikoresho bikwiye. Akenshi ibi bikoresho bishobora gukorwa mu bikoresho biboneka iwacu. Muri iki gice, umurezi yerekwa uko yakora ibikoresho bigenewe ibikorwa bya buri muni, iby'aho bakinira n'iby'imikino ifite amabwiriza ngenderwaho. Ikitonderwa: Aho bishoboka, uyu mutwe utanga inama yo gukoresha ibikoresho bidahenze cyangwa bitaguzwe. Nyamara, bishobora kuba ngombwa kugura ibikoresho bimwe by'ibanze nka marikeri, kaseti. Uyu mutwe ushobora gufasha mu guhanga udushya no mu bumenyi bwo gukemura ibibazo: Ni gute wakoresha neza ibikoresho ufite mu kwigisha abana?

Tekereza mbere yo gutangira gukora ibikoresho

Mbere yo gutangira gukora ibikoresho, ibaze ibibazo bimwe na bimwe:

- Ni uwuhe musaruro cyangwa intego zo kwiga ushaka kugeraho?
- Abana bazakoresha iki ibyo bikoresho? Ese bazasabana, bakemure ibibazo, bafate iya mbere mu bikorwa, bahange udushya, bacukumbure?
- Ese ushobora gutandukanya ibikoresho? Ese bifasha abanyeshuri bose, abahungu n'abakobwa? (huza n'inzego zabo n'uburyo babasha kubikoresha)
- Ukeneye ibingana iki? Uzabibika he?
- Wakora iki kugira ngo birambe?
- Abana bashobora kwifasha gukoresha ibikoresho?
- Ni gute byagaragara neza? (koresha amabara, koresha amakarita ateye kimwe ...)

3.1. Ni gute wakora ibikoresho byo kwifashisha mu bikorwa bya buri munsu?


Ibikorwa bidahinduka bihora bikorwa n'abana ni ibikorwa bigaruka buri munsu (reba 2.2.2). Ni byo bitanga imiterere y'umunsu. Igikoresho kigaragarira ijisho gifasha abana kwitabira igikorwa no kugikora mu bwigenge.

1. Gukora ibimenyetso by'abanyeshuri

Buri munyeshuri agomba kugira ikimenyetso ke bwite gihagararira izina rye kuko baba bataramenya gusoma. Ikimenyetso gishobora gukoreshwa ku **mbonerahamwe y'ibikorwa, ku kibaho nyoboramahitamo, ku rutonde rw'abitabiriye** (reba 2.2.2). Ikimenyetso gikomeza kuba kimwe mu mwaka wose.


Bikorwa bite?

- Koresha ibimenyetso ushobora gushushanya ubwawe ku buryo bworoshye.
- Bihuze n'ikigero ry'abana:
 - Ku bato, koresha amashusho y'amabara.
 - Amashusho adafite amabara asa n'agoranye gato. Hitamo ikimenyetso kuri buri mwana, wandike izina rye munsu. Koresha ibimenyetso bikurikira:



Ifoto ya 18 - Ibishushanyo byoroshye bikoreshwa nk'ibimenyetso ku bana.

- Ku banyeshuri bakuru ushobora kandi gukoresha ibimenyetso bidafatika nk'amashusho.



Ifoto ya 19 - Ibindi bimenyetso bigoye ku bana. Ibi bifasha abana guteza imbere uburyo bumva amashusho.

- Tegura ibimenyetso bike kuko uzifashisha ibyo bimenyetso ku mbonerahamwe y'abitabira, ku mbonerahamwe y'ibikorwa cyangwa ku kibaho nyoboramahitamo.

2. Gushyiraho igitabo cy'abitabiriye

Iyi ni imbonerahamwe yerekana abana bitabiriye. Mu gitondo bari ku ruziga, buri mwana ashya ikimenyetso ke ku mbonerahamwe. Ibimenyetso by'abana basibye biguma mu gikarito.

Bikorwa bite?

- Hitamo ifoto. Urugero: Igiti, imodoka cyangwa inzu.
- Kora ku buryo kizaramba. Urugero: Gikoze mu gikarito, ku buryo gishobora gukoreshwa umwaka wose.
- Ushobora guhuza imbonerahamwe yawe n'insanganyamatsiko cyangwa ibyitezwe kugerwaho nyuma y'isomo: Amoko atandukanye y'ubwikorezi mu gihe mwiga ibyerekeye ubwikorezi (buri mwana ahitamo ubwikorezi akunda); ibimera ...



Ifoto ya 20- Urgero rw'urutonde rw'abitabira. Mu gihe bari ku ruziga mu gitondo, buri mwana afata ikimenyetso ke akagikura aho bise "imuhira" akakimurira aho bise ku "ishuri".

Ifoto ya 21 - Ingero z'urutonde rw'abitabira. Umwana wese ashyira ahabugenewe ikimenyetso ke mu gitondo bari ku ruziga. Mbere yo kuva mu ishuri batashye, umwana yongera gukuramo ikimenyetso ke.




3. Gutegura ingengabihe ya buri muni

Ingengabihe ya buri muni yerekana amashusho y'ibyo abana bakora uwo muni n'uko buri bukurikirane. Ibaresha kumenya gahunda y'umunsi no kumenya uko ibintu bikurikirana (ikibanza, igikurikiraho n'igiheruka).


Bikorwa bite?

- Tangirira ku ngengabihe yawe y'icyumweru n'iya buri muni. Ishobora kubamo ibikorwa birimo: Kuhagera, igihe cyo kujya ku ruziga, imibare, inguni y'imikino, umukino abana biyoboramo, igihe cyo kujya mu bwihereho ...
- Kora ifoto kuri buri gikorwa. Ibikorwa bimwe bigaruka inshuro nke ku muni (urugero: igihe cyo kujya mu bwihereho). Kuri ibyo bikorwa ukenera amashusho arenze imwe.
- Andika izina ry'igikorwa ku ikarita.
- Tondeka amashusho ajyanye na buri muni ukurikije uko ibikorwa birakurikirana. Ganira n'abana kuri gahunda y'umunsi buri gitondo mu **gihe cyo kujya ku ruziga**. Koresha akambi kugira ngo werekane igikorwa kirimo gukorwa.



Ifoto ya 22 – Ingero z’ingengabihe ya buri munsu: Buri gikorwa cyangwa isomo bihagarariwe n’ifoto: Isaha yo kujya mu bwihereho (1)– Isaha yo kunywa igikoma (2) – Isaha yo kuruhuka no gukina (3) – Isaha yo kujya mu bwihereho (4)

- Ibimenyetso cyangwa amashusho ashobora kwifashishwa ni aya akurikira:




Ifoto ya 23 - Ibimenyetso cyangwa amashusho bishobora kwifashishwa mu gukora ingengabihe y’umunsi.

4. Kwerekana iminsi igize imbonerahamwe y'icyumweru

Imbonerahamwe y'icyumweru ni igikoresho abana berekaniraho umunsi bagezeho, ejo hashize cyangwa ejo hazaza. Izi nshoza ziri mu bintu bifasha gukura mu mibare kandi babyitoza binyuze mu kureba ku mbonerahamwe y'icyumweru buri munsi no kuyiganiraho.

Bikorwa bite?

- Koresha igikarito kimeze nk'urukiramende maze ukigabanyemo ibice 7.
- Buri gice gihagarariye umunsi 1 w'icyumweru.
- Buri munsi ufite ibara, ikimenyetso n'umubare (umubare uhagarariwe n'ikimenyetso n'umubare wabyo).
- Abarezi bose mu mashuri y'inshuke yo ku kigo kimwe bagomba gukoresha ibimenyetso bimwe n'amabara amwe. Ikimenyetso gishobora gushingira ku izina ry'umunsi mu rurimi (urugero: Ku Cyumweru mu Cyongereza: Koresha ikimenyetso k'izuba. urugero: Ku cyumweru mu Kinyarwanda: koresha ibara ry'umweru). Ikimenyetso gishobora kandi gushingira ku kintu kidasanzwe kiba uwo munsi. Urugero: Urusengero ku cyumweru.
- Ku bana bakuru: Ongeraho izina ry'umunsi ryanditse mu rurimi bigamo.



Ifoto ya 24 - Urugero rw'ingengabihe y'icyumweru. Ibuka ko utudomo twerekana umubare w'umunsi.

5. Gukoresha imbonerahamwe y'imiterere y'ikirere

Ukoresha imbonerahamwe y'imiterere y'ikirere ugamiye ko abana bamenya uko ikirere kimeze buri muni, mu bikorwa bihora bya mu gitondo. Bibafasha kumenya isi babamo kandi bikubiyemo intego z'integanyanyigisho.

Bikorwa bite?

- Hashobora kwifashishwa imbonerahamwe igaragaza imiterere y'ikirere ishoboka, ihagarariwe n'ishusho. Igihe bari ku ruziga mu gitondo, umwana umwe areba uko ikirere kimeze agashyira akadomo cyangwa akambi ahagaragaza uko ikirere kimeze.
- Hashobora kwifashishwa amashusho batoranyamo irikwiye (rijyanye n'ikirere) noneho bakaryomeka ku mbonerahamwe y'abitabiriye.



Ifoto ya 25 – Ingero z'imbonerahamwe y'imiterere y'ikirere. Buri muni abana bareba uko ikirere kimeze.

6. Gushyiraho imbonerahamwe y'ibikorwa

Iyi mbonerahamwe igaragaza imirimo yihariye abanyeshuri bazakora mu cyumweru. Ikimenyetso cy'umwana gishyirwa iruhande rw'ikimenyetso k'igikorwa.

Bikorwa bite?

- Gukora urutonde rw'ibikorwa byose abana bashobora gukora. Urugero: gukubura, gutondeka intebe, kuzinga umusambi, gutanga ibiribwa ... Gena ikimenyetso kuri buri gikorwa.
- Kumenya umubare w'abana bashobora gukora buri gikorwa.
- Gukora imbonerahamwe ifite umwanya kuri buri gikorwa (mu buhagarike) no ku bimenyetso by'abana kuri buri gikorwa (mu butambike). Gukoresha akadomo werekana umubare w'imyanya ihari n'aho abana bashyira ibimenyetso byabo.
- Gushaka uburyo bwo gufatisha ibimenyetso by'abana ku mbonerahamwe: Ibintu bimatira, cyangwa agafuka.



Ifoto ya 26 - Ingenabikorwa y'ishuri, nko gukubura, gutondeka ibikapu by'abanyeshuri Abana biyemeje gukora igikorwa runaka, bamanika ikimenyetso cyabo iruhande rw'icyo gikorwa.

7. Gushyiraho ikibaho nyoboramahitamo

Mu gihe k'inguni y'imikino cyangwa mu bindi bihe, abana bashobora guhitamo ibikorwa. Ibi bishobora gukorwa mu buryo bwateguwe. Ikibaho nyoboramahitamo gitondekwaho ibikorwa byose cyangwa inguni zihari n'umubare w'imyanya ihari kuri buri nguni/gikorwa. Ku ishusho urabona umurezi aganira n'abana ku kibaho nyoboramahitamo. Asobanura ibikorwa bihari (urugero: Inguni yo kubaka, inguni y'imibare ...) n'umubare w'abana bemerewe kujya mu nguni (urugero: Abana 4 bashobora gukinira mu nguni y'imibare). Ushobora gukoresha ikibaho nyoboramahitamo mu buryo butandukanye. Minsi hari ibisobanuro by'uburyo 2:



Ifoto ya 27 – Ingero z'ikibaho nyoboramahitamo.

Bitegurwa gute?

- Koresha igikarito kinini cyangwa umufuka cyangwa igice cy'urukuta. Kora ibimenyetso/amashusho kuri buri gikorwa/nguni ufite. Urugero: Urupapuro ruriho umukino w'urungabangabo mu nguni yagenewe bene iyo mikino, agakarito kariho imibare bigiraho kubara mu nguni yagenewe imikino, inzu n'igiti mu nguni yagenewe inzu.
- Garagaza umubare w'abana bashobora gukinira muri iyo nguni.
- Uburyo bwa 1: Kureka abana bakamanika ikimenyetso cyabo mu gikorwa bahisemo.
- Uburyo bwa 2: Gukora urunigi (umugozi n'ikarito) kuri buri gikorwa (urugero: Inguni y'imibare ihabwa inigi 4 zifite ishusho imwe n'ikibaho nyoboramahitamo). Abana bashaka gukinira mu nguni y'imibare, bafata urunigi rw'imibare.

8. Gushyiraho imbonerahamwe y'imbamutima


Ni byiza kumanika mu ishuri ibishushanyo by'amarangamutima 4 y'ibanze (ibyishimo, umubabaro, uburakari, ubwoba) hafi y'aho mukorera ibikorwa bihoraho bya mu gitondo/uruziga. Abana bashobora kubikoresha kugira ngo bagaragaze kandi bavuge imbamutima.

Bikorwa bite?

- Koresha udukarita 4 dukoze mu gikarito duteye kimwe kandi tungana.
- Kora igishushanyo kigaragaza buri mbamutima 4.



Ifoto ya 28 – Ibimenyetso bigaragaza ibyishimo, ubwoba, uburakari, umubabaro.



Ifoto ya 29 – Ibimenyetso bigaragaza ibyishimo, uburakari, umubabaro, ubwoba

Igikorwa cya 2:

Mu bikoresho byifashishwa n'abana mu bikorwa bidahinduka bihora bikorwa

- Ni iki gishya cyagufashije muri iki gice?
- Ni iki wifuza kugerageza?
- Kusanya ibikoresho bikenewe hanyuma utangire gukora igikoresho wahisemo.
- Uzakoresha ute icyo gikoresho?
- Fata amashusho maze uyangize bagenzi bawe.

Igikorwa cya 3:

Gukoresha ibikoresho mu bikorwa bya buri muni: nyuma yo kugerageza ibikoresho bishya, tekereza ku mikoreshereze.

- Ni ibihe bikoresho wakoze kandi wagerageje?
- Byagenze bite? Abana babyakiriye bate? Ese bigaga koko?
- Ni iki wifuza guhindura mu mikoreshereze y'ibikoresho?
- Ni iki wifuza guhindura ku gikoresho? Ese igikoresho kiraramba bihagije ku bana? Ese kirashimishije?

3.2. Gukora ibikoresho bigenewe aho bakinira no mu nguni z'imikino

Buri nguni cyangwa aho bakinira bishobora gushyirwamo ibikoresho bikwiye, bijyanye n'intego zo kwiga zagenwe. Ibi bivuze ko ibikoresho bigomba guhinduka, ibikorwa bikagenda birushaho gukomera. Muri iki gice turareba ibikoresho bishobora gukorwa mu bikoresho biboneka iwacu. Turasobanura ibikoresho cyangwa dutange amashusho yagufasha gutekereza icyo wakora. Ese ushobora gufasha bagenzi bawe gutekereza bagendeye ku bikoresho byawe?

Igikorwa cya 4:

Inguni n'aho bakinira mu ishuri ryawe

- Mu ishuri ryawe ufite izihe nguni?
- Muri izo nguni wifashisha ibihe bikoresho?
- Ibyo bikoresho ni wowe ubwawe wabikoze? Wabikoze ute?
- Abana bakoresha bate ibyo bikoresho?

1. Agace bigiramo imibare

Inguni y'imibare ishobora kubamo ibikoresho byinshi, bijyanye n'intego zo kwiga z'icyo gihe. Ibi turabivugaho ku buryo burambuye mu mutwe ukurikira (Umutwe wa 4).


- Imibare, kubara, ibimenyetso by'ibara (reba na 4.1.)
 - o Umukino uwo ari wo wose ujyanye n'imibare nko gufata mu mutwe, imifuniko y'amacupa, ibihindizo, bingo, amakarita atoboye, n'ibindi.
- Gupima (reba na 4.2.)
 - o Igikoresho cyo gupima (wifashishije ibikoresho bidafite ingero zagenwe nk'amatafari akoze mu giti). Urugero: Agakoresho bamanikaho imyenda, umunzani ukoze muri porutemanto, urukezo
 - o Igikoresho cyo gupima igihe. Urugero: Igikoresho cyo gupima igihe gikozwe mu macupa ya purasitike.
 - o Ibikoresho bisanzwe bipima nk'amarati, igikoresho cyo gupima uburebure, metero buhine,
 - o Ibikoresho byo gupima bidafite ingero zagenwe nk'amatafari akoze mu giti, inkoni, inkweto, intambwe, n'ibindi.
 - o Ibintu byo gutoranya ukurikije ubunini, uburemere, n'ibindi.
 - o Umucanga n'amazi
- Gukora ibirundo (gutoranya, guhuza, gutondekanya, gukurikiranya) (reba na 4.2.)
 - o Ibikoresho bikoreshe mu gutoranya. Urugero: Amakarito y'amagi
 - o Ibintu byo gutoranya. Urugero: Amoko atandukanye y'imbutu z'ibimera (ibintu bito na byo bifasha abanyeshuri imiyego y'ingingo nto z'abana)
- Ibishushanyo (reba na 4.3.)
 - o Imikino y'ikitegererezo nk'amakarita atoboye (reba 4.4.5), domino, n'ibindi.
 - o Amasaro (urugero: Akoze mu mutsima, uduheha, akazingo k'impapuro, imifuniko y'amacupa ipfumuye, n'ibindi)
 - o Birashimisha iyo hari amashusho yo kwigiraho ariho ingero z'uruhererekane rwisubiramo rwo gukora hifashishijwe ayo masaro. Umurezi agenda arushaho gukomeza.
 - o Umukino wigisha abana kubara witwa 'tangram'.
 - o Ibice bitatanye: ibintu bito bisa abanyeshuri bashobora guhuza bigakora amashusho, Urugero: Imbutu, imisogwe, amababi yumye, amabuye, udushami tw'ibiti, n'ibindi.

2. Ahantu ho kwigira gusoma no kwandika

Aka ni agace abana bakiniramo ibijyanye n'inyuguti, amajwi n'amagambo. Aha ni ho bashobora kwandika no gushushanya. Byinshi mu bikorwa byo gusoma no kwandika bishobora kwinjizwa no mu zindi nguni, nko mu rutonde rw'ibigurwa mu nguni bita butiki cyangwa ibitekwa mu nguni y'inzu.

Ibikoresho byo muri iyi nguni bigomba kuba ku kigero nyacyo cy'abana kandi bifitanye isano ya hafi n'ibikorwa byo kwigiraho ndetse n'itego. Ingero zimwe ni:


- Amakaramu, irangi, amakaramu y'igit;
- Impapuro (zishobora kuba zakoreshejwe);
- Inyandikorugero z'inyuguti abana bakoporora, bashushanya n'irangi, gushushanya n'ikaramu; bandika mu mucanga;
- Ishusho n'imikino y'urungabangabo ijyanye n'amagambo;
- Amakarita yo kubara inkuru;
- Amakarita y'imivugo;
- Amakarita yo kubara imigemo.



Ifoto ya 30 - Ingero z'amakarita yo kubara inkuru (ubuzima bw'umuntu; kuva ku igi kugeza ku nkoko)

Inguni yo gusoma no kwandika ishobora kugira ahantu hihariye hagenewe ibitabo.

- Ahantu heza ho kwicara;
- Ibitabo (bishobora kuba ibitabo mwakoze ubwanyu);
- Ibipupe byo gukina inkuru iri mu bitabo by'inkuru.



Ifoto ya 31 - Urugero rw'inguni y'ibitabo. Irimo igitabo hamwe n'ibipupe bifasha abana gukina udukinamico cyangwa inkuru.

3. Igice cyahariwe umuziki

Ibikoresho byose bishobora gutanga amajwi

- Ingoma n'ibinyuguri
- Amashusho yo gusohora ijwi hakoreshejwe ibice by'umubiri: gukoma amashyi, kudiha ibirenge hasi



Ifoto ya 32 - Ibikoresho bikoze mu bintu biboneka iwacu ahantu hagenewe umuziki.

4. Igice cyahariwe gukoresha amazi cyangwa umucanga

Igice cyahariwe gukoresha amazi cyangwa umucanga gishobora kwifashishwa mu byigwa binyuranye:

- Kubara: Reba ingano n'ubunini, kumenya inshoza nka "kimwe cya kabiri", "byuzuye", "byinshi kurusha", "bike";
- Siyanse: Gucubira no kureremba, imiterere inyuranye y'amazi (amazi na barafu);
- Ubumenyi bw'ibidukikije: Imikino yo kuroba
- Ubuzima: Isuku: gukaraba intoki, isabune ...

Ukeneye:

- Igikoresho kinini kirimo amazi/umucanga (ibase, akavure cyangwa parasitiki mu ipine)
- Amacupa, ibikombe, imikebe bitandukanye mu miterere no mu bunini
- Ibyatsi, ibiyiko ...

5. Ahantu abana bakinira ibyo kwigana abandi

Ahantu ho kwigana abandi ni ahantu abana bashobora kwigaragariza nk'aho bahindutse abandi. Bashobora kwigana cyangwa gukina udukinamico. Ingero ni aho bakinira bigana abandi, aho abana bahahira, ahantu umwana ashobora kugeza amaso mu bikorwa arimo gukora n'inguni y'ibipupe. Wabona izindi ngero? Ushobora kandi gukora inguni y'ibitaro (kwa muganga), cyangwa iy'ubwikorezi?

Ahantu hakorerwa ibikorwa byo kwigana hafasha umwana gusobanukirwa isi. Ibikoresho biterwa n'ibyitezwe kugerwaho nyuma y'isomo, insanganyamatsiko, n'ibyo abana bakunda.

Ibikoresho:

- Kusanya ibikoresho bifatika nk'inkono yo guteka, ikiyiko ...
- Tanga ibipupe n'ibikinisho bifobagana.
- Ushobora kandi gukora ibikoresho bikoze mu bikarito byo gushyiramo ibipupe, tereviziyo (TV), imodoka cyangwa amakamyi ...



Ifoto ya 33 - Abana bakina mu gikoni aho bakinira bigana.



Ifoto ya 34- Tereviziyo abana bashobora gukoresha mu gukina gahunda za tereviziyo.



Ifoto ya 35 – Aho abana bakinira bigana abandi hashobora kuba utubati, ibitanda, amashyiga, tereviziyo, inkono n'amasafuriya bikoze mu bikoresho biboneka iwacu.



Aho abana bahahira

- Kusanya ibikarito by'ibiribwa birimo ubusa (bisukuye) cyangwa ibindi bintu bishobora kugurishwa (iduka ry'inkweto, iduka ry'ubukorikori ...)
- Ibiciro by'ibicuruzwa
- Ikintu gishobora gukoreshwa nk'amafaranga (imifuniko y'amacupa, amakarita ariho imibare ...)
- Umunzani umeze nka porutemanto

Ikitonderwa: Mu mutwe wa 4 (4.2.2.) uramenya byinshi ku kuntu wakoresha ibikorwa byo mu iduka mu kuzamura imyumvire y'imibare.

Ahantu umwana ashobora kugeza amaso mu bikorwa arimo gukora

Iyi nguni yegereza umwana isi mu ngano ntoy. Ushobora gushyiramo ahantu hagenewe ubwikorezi, imihanda n'imodoka. Ibuka gukora ibipupe bishobora gutura no kugenda muri iyi si nto. Muri iyi si nto, abana bashobora kuhakinira inkuru n'ibintu byo mu buzima busanzwe.

Ushobora kurema isi, byakunda ugafatanya n'abana, ariko abana ni bo bahitamo amabwiriza agenga iyo si n'uburyo bayikinamo. Ubu ni uburyo bwiza bwo guteza imbere ubumenyi mu mbamutima n'imibanire n'abandi.

- Amazu, ibiti, imihanda, imodoka,
- Ibipupe (abantu n'inyamaswa).





Ifoto ya 36 – Ahantu umwana ashobora kugeza amaso mu bikorwa arimo gukora hafasha abana gukina bakoresheje ibipupe. Ibintu byose birashoboka. Insanganyamatsiko zihariye zishobora kuhakinirwa, nko kugenda mu mihanda, ubuhinzi, ibirori. Ibikoresho byose bishobora gukorwa mu bikoresho biboneka iwacu.

Ikinamico y’ibipupe:

Bifashishije ibi bipupe, abana bashobora gukina ibiganiro n’inkuru, mu gihe abandi bitegereza.

- Ibipupe bifite intoki, ibipupe bifite ibiganza, ibipupe bifite ishusho y’isogisi;
- Ikinamico: hifashishijwe ameza, ikarita, igikarito cyangwa igitambaro.



Ifoto ya 37– Hakinwe ikinamico bifashishije ibipupe bikoze mu gitenge. Abarezi n’abana bashobora gukina iyi inkuru.

6. Aho abana bakinira ibijyanye no kubaka

Muri aka gace, abana barubaka. Ibi bibafasha gutera imbere mu bumenyi harimo ubumenyi mu mitekerereze, (gukemura ibibazo, guhanga udushya), ubushobozi mbonezamubano (ubufatanye), ubumenyi mu by'imibare (ingano, amashusho, ikerekezo) ...

Abana bashobora gukoresha ibikoresho biyoboye, cyangwa bakayoborwa mu gikorwa (urugero: kubaka umunara, kubaka inzu, gukurikiza gahunda y'uburyo bwo kubaka ikintu ...)

- Ibice by'ibiti, amashami;
- Amatafari akoze mu giti: ashobora gukorwa mu bikarito. Gerageza gukusanya aya matafari ateye kimwe menshi (urugero: amakarito y'amata);
- Amakarito y'amagi;
- Ibizingo by'impapuro;
- Imifuniko y'amacupa;
- Amacupa arimo ubusa, imikebe irimo ubusa ifatishijeho imifuniko na kole ...




Ifoto ya 38- Ingero z'ibikoresho bidahenze bishobora gukoreshwa mu kubaka.



7. Ahantu hagenewe imikino y'urungabangabo (Puzzle)

Umukino w'urungabangabo ni ishusho yaciwemo ibice. Imikino y'urungabangabo ishobora kwinjizwa mu zindi nguni. Ingero: Umukino w'urungabangabo w'inyuguti mu nguni yo gusoma, uw'imibare mu nguni y'imibare, cyangwa ukaba wagnerwa inguni yihariye. Imikino y'urungabangabo ifasha abana kongera ubushobozi bwo gukemura ibibazo, kumenya kwerekana ikerekezo, guhuza ibikorwa by'ikiganza n'iby'amaso, kwihangana, kwikoresha igikorwa lkindi ni uko ishusho iri ku mukino w'urungabangabo ishobora kujyana n'intego zihariye zo kwiga, nko mu mibare (guhuza ikimenyetso cy'umubare n'ingano), mu gusoma no kwandika (guhuza ishusho n'ijambo), ubumenyi bw'ibidukikije (inyamaswa ...)

- Toza abana imikino y'urungabangabo abana bakora biyoboye ikwiranye n'imyaka yabo. Ibi bivuze ko bashobora kuyikora bonyine, ariko ntigomba kuba yoroshye cyane.
- Toza abana imikino y'urungabangabo ubaha amabwiriza yoroshye.
- Imikino y'urungabangabo iroroha cyangwa igakomera bitewe na:
 - o Umubare w'ibice byakaswe mu ishusho;
 - o Ingano y'ibice byakaswe mu ishusho;
 - o Amakuru ari ku ishusho;
 - o Uburyo ibice byakaswe (ibipande bifite amashusho adasanzwe byoroha kurusha ibikase neza).
- Tegura gahunda yo kwiga irimo kuzana impinduka mu bikorwa byo kwiga (imikino y'urungabangabo igenewe ibyiciro bitandukanye by'ubushobozi.) Ni byiza gushyira ibimenyetso bigizwe n'amabara ku bikoresho birimo imikino y'urungabangabo kugira ngo ugaragaze urwego rwayo. Urugero: ibara ry'icyatsi kibisi ku mikino y'urungabangabo yoroshye, ibara rya oranje ku yoroshye mu rugero n'umutuku ku mikino ikomeye.
- Kugira ngo abana bakomeze kwishimira ahakorera ibikorwa, genda wongeramo umukino w'urungabangabo mushya buri gihe kugeza umwaka w'amashuri urangiye. Urugero: Mu gihembwe cya mbere ushobora gukoresha imikino y'urungabangabo yoroshye naho igihembwe cya 3 kikabamo imikino yoroshye muke ahubwo ahanini ukibanda ku mikino yoroshye mu rugero ivanze n'indi ikomeye.



Ishusho ya 39– Uyu muteguro ushobora gufasha abana gukora imikino y'urungabangabo.



Ifoto ya 40 – Ingero z'imikino y'urungabangabo umurezi yihimbiye

Igikorwa cya 5:

Ibikoresho byifashishwa mu nguni n'aho bakinira

- Ni iki gishya cyagufashije muri iki gice?
- Ni iki wifuza kugerageza?
- Kusanya ibikoresho bikenewe hanyuma utangire gukora igikoresho wahisemo.
- Uzakoresha ute icyo gikoresho?
- Fata amashusho maze uyasangize bagenzi bawe.

Igikorwa cya 6:

Gukoresha ibikoresho mu nguni n'aho bakinira: Nyuma yo kugerageza ibi bikoresho bishya, tekereza ku mikoreshereze.

- Ni ibihe bikoresho wakoze kandi ukabigerageza?
- Byagenze bite? Abana babyakiriye bate? Ese bigaga koko?
- Ni iki wifuza guhindura mu mikoreshereze y'ibikoresho?
- Ni iki wifuza guhindura ku gikoresho? Ese igikoresho kiraramba bihagije ku bana? Ese kirashimishije?

3.3. Uko wahimba imikino ifite amabwiriza wifashishije ibikoresho biboneka iwacu.

Igikorwa cya 7:

Imikino mu ishuri

- Ese ufite ibikoresho by'imikino mu ishuri ryawe?
- Ni iyihe mikino? Harimo imikino bakina biga imibare?
- Ese ni wowe ubwawe wakoze ibi bikoresho? Wabikoze ute?
- Abana bakoresha bate iyi mikino? Bashobora kubikora ntawubayoboye?

Imikino ifite amabwiriza ni igice k'ingenzi kigize imikino muri rusange. Imikino iba ifite amabwiriza ayigenga, ibyitezwe kugerwaho. Abana bashobora kwikoresha. Abana batera imbere mu mu mitekerereze (gufata mu mutwe, gukemura ibibazo, kumenya intera iri hagati y'ikintu n'ikindi ...) no mu mbamutima n'imibanire n'abandi (gutsindwa/gutsinda, gukurikiza amabwiriza, gukinana n'abandi), ururimi kavukire n'ubumenyi ngiro nyemvugo n'ubundi bumenyi butandukanye bitewe n'iby umukino wibandaho.

Imikino imwe n'imwe ishobora gukorwa n'umuntu ku giti ke nk'amakarita atoboye (reba munyi). Iyo mikino igomba kuba irimo uburyo bwo kwigenzura: Abana bashobora kumenya ubwabo niba babikoze neza cyangwa niba batabikoze.

- Imikino ifite amabwiriza iguma mu ishuri mu gihe k'ibyumweru byinshi ariko si ngombwa ko ihatinda cyane. Irashyingurwa noneho hagatangira undi mukino mushya cyangwa wahinduwe.
- Imikino igomba guhuzwa n'insanganyamatsiko n'intego zo kwiga zijyanye n'icyo gihe; imikino igomba koroshywa no gukomezwa hagamijwe gufasha abana bose no kubagerageza mu buryo butandukanye.
- Imikino igomba gutangizwa n'umurezi, ariko nyuma y'igihe gito abana bakamenya kuyikina kandi bakabasha kuyikora bonyine.

Muri iki gice twasobanuye imikino itandukanye. Insanganyamatsiko cyangwa intego yihariye yo kwiga ishobora guhinduka ariko amabwiriza y'umukino akomeza kuba amwe. Muri icyo mikino twavugaga icyo ikurikira:

1. Umukino wo gufata mu mutwe




Biroroshye guhimba imikino yo gufata mu mutwe: ishobora kugira intego zitandukanye zo kwiga no kubamo ibice binyuranye. Habaho umukino w'amakarita menshi yahujwe babiribabiri. Amakarita arambikwa hasi yubitse ku murongo. Abana bagerageza gushakisha bijyanye bibiribabiri bubura amakarita 2 hanyuma bakareba niba ahuye. Iyo ahuye, bahabwa inota kandi bakagumana uwo muguru w'amakarita. Iyo amakarita adahuye, asubizwa hasi yubitse noneho undi mwana akagerageza gushakisha umuguru.

Umukino ushobora kugira intego z'imyigire nyinshi zigerwaho:

- Guhuza ikimenyetso cy'umubare n'ubwinshi bw'ibintu (kubara)
- Guhuza amajwi n'ijambo (gusoma no kwandika)
- Guhuza uburyo bw'ubwikorezi, imyuga, imbuto, imboga, ... (Ubumenyi bw'ibidukikije)
-

Bikorwa bite?

- Guhitamo ibyitezwe kugerwaho nyuma y'isomo (urugero: kubara: kumva imibare kugeza kuri 5)
- Guhitamo umubare w'imiguru, ukurikije urwego rw'abana
- Guhitamo niba uzakoresha imiguru:
 - o igizwe n'amashusho 2 asa (urugero: ibitoki 2, inanasi 2, imyembe 2)
 - o igizwe n'amashusho 2 ajyanye (urugero: "5" n'ishusho y'indabyo 5).
- Gushyira amakarita yose ku kintu kimwe kandi angana mu bintu biramba.
- Kubika umukino mu dukarito duto cyangwa mu ibahasha.



Ifoto ya 41 - Ingero z'imikino yo gufata mu mutwe: abana bagomba gushakisha amakarita ahuye bakayahuza abiriabiri. Urugero: Shaka mpandeshatu ebyiri, shaka umubare n'ududomo twerekana 4, shaka indege n'ishusho yayo.

2. Umukino wa Bingo

Bingo ni umukino abana bakina batwikira amashusho avuzwe ku ikarita ya bingo bifashishije udukoresho twabugenewe. Buri munyeshuri agera gutanga abandi gutwikira amashusho yose ari ku ikarita ye. Ayo makarita aba atandukanye. Iyo ikarita yuzuye, umunyeshuri atera hejuru agira ati: "BINGO!", maze akaba atsinze umukino. Umukino wa Bingo ushobora guhuzwa n'ibintu bitandukanye.



Ifoto ya 42 - Imikino ya Bingo, urugero ku mashusho, urugero ku bikorwa.

Mu bigize umukino wa Bingo harimo guhuza ibintu, gutondeka, gukura mu mikoreshereze y'indimi, n'ibindi. Buri mukino ushobora kuganisha ku bindi byitezwe kugerwaho. Umukino wa Bingo ushobora guhuzwa n'itege zitandukanye.

- Ibice bigize umubiri
- Ibigize isanzure (izuba, ukwezi, inyenyeri, ibicu, inkuba ...)
- Imyenda inyuranye

Bingo ishobora kandi gukinwa hifashishijwe amashusho ateye kimwe cyangwa amashusho ahuye. Urugero:

Amakarita mato	Ikarita ya Bingo y'umunyeshuri
Utudomo 9	Umubare 9
Imbuta cyangwa intete	Amababi y'igihingwa
Inyuguti nto	Inyuguti nkuru
Ishusho y'ikintu gitangirwa n'ijwi runaka. Urugero: ikaramu	Ishusho y'ikindi kintu gitangirwa n'ijwi rimwe. Urugero: isafuriya
Imibare yo guteranya yoroshye. Urugero: 2+1	Igisubizo nyacyo k'iryo teranya. Urugero: 3

Uko bikorwa:

- Guhitamo ibyitezwe kugerwaho nyuma y'isomo (urugero: Kubara: amashusho);
- Guhitamo amagambo ushaka ko abanyeshuri bakoraho ibikorwa (urugero: Mpandeshatu, uruziga, mpandenye ...). Hitamo guhuza ibintu bibiribiri biteye kimwe;
- Kuri buri jambo, gukora ikarita iriho ishusho n'ijambo;
- Gukora amakarita y'abanyeshuri: Komatanya amagambo 4 cyangwa 6 cyangwa 8 (ukurikije urwego) washatse mbere. Buri karita y'umunyeshuri igomba kuba ifite amagambo akomatanyije ku buryo bwihariye. Ijambo rimwe rishobora kubaho kabiri;
- Kusanya imifuniko y'amacupa ihagije cyangwa amabuye yo gukinisha (ku buryo buri munyeshuri witabiriye abona imifuniko ihagije yo gutwikira amagambo yose ari ku ikarita ye).
- Uko bakina:
 - o Guha buri munyeshuri ikarita ye; gushyira rwagati igikarito kirimo amabuye yo gukinisha/imifuniko y'amacupa; gushyira ikirundo cy'amakarita mato rwagati - yubitse.
 - o Umunyeshuri wa mbere yubura ikarita ntoya iri hejuru: Umwana avuga ijambo ririhokereka ishusho abandi bakinnyi bese. Abakinnyi bese bafite iri jambo baritwikiriza ibuye/umufuniko w'icupa. Umwana wa kabiri afata ishusho mu kirundo n'abandi bagakomeza gutyo kugeza ikarita y'umuntu umwe muri bo itwikiriwe yose. Uyu mukinnyi atera hejuru avuga ijambo 'Bingo' akaba atsinze umukino.

3. Amakarita atoboye


Amakarita atoboye ni amakarita ashushanyijeho ku mpande zombi aziritseho umugozi ku mutwe. Abana bahuza amashusho bakoresheje umugozi kandi bashobora kurebera ku gishushanyo kiri inyuma niba batibeshye. Buri mwana akina ku giti ke. Umukino ushobora kugira itege z'imyigire nyinshi kandi umurezi ashobora kugenda akomeza igikorwa.



Ifoto ya 43 - Amakarita atoboye. Urugero rwo kubara (huza umubare n'utudomo twuhagarariye) no gusoma (guhuzamo amashusho n'ijwi rya mbere)

- Hitamo ibyitezwe kugerwaho nyuma y'isomo (urugero: kubara: ingano, ibintu n'ibimenyetso bibihagarariye)
- Hitamo umubare w'ibintu biterwa n'urwego rw'abanyeshuri
- Kata amakarita, kongeramo amashusho ku ruhande rw'ibumoso no kuyahuza n'ishusho iburyo, ariko bitondetse macuri.
- Kata twa mpandeshatu duto ku ruhande rw'amashusho kugira ngo umugozi unyuremo.
- Kora umwobo hejuru hagati wo gucishamo umugozi.
- Zirika ikarita, ugenda uhuza abirabiri. Hinduriza ikarita maze ushushanyeho igishushanyo umugozi ukora. Iki ni cyo gisubizo.
- Oroshya umugozi. Noneho abana bashobora kubikina.

Ingero zo kubara:

Kubara	
Imibare	Ingazi n'umubare uhuye n'imitambiko
Igishushanyo cy'umubare w'ibintu. Urugero: imipira 3	Imibare bijyanye
Kibe ifite utudomo	Umubare w'inyenyeri bihuye
Urugero: 3, 4, 0	Amashusho n'umubare w'inguni zayo (reba neza ko inguni zashyizweho ikimenyetso. Urugero: 

Igikorwa cya 8:

Ibikoresho byifashishwa mu mukino

- Ni iki gishya cyagufashije muri iki gice?
- Ni iki wifuza kugerageza?
- Kusanya ibikoresho bikenewe hanyuma utangire gukora igikoresho wahisemo.
- Uzakoresha ute icyo gikoresho?
- Fata amashusho maze uyangize bagenzi bawe.

Igikorwa cya 9:

Gukoresha imikino: Nyuma yo kugerageza ibi bikoresho bishya, tekereza ku mikoreshereze.

- Ni iyihe mikino wahimbye kandi ukayigerageza?
- Byagenze bite? Abana babyakiriye bate? Ese bigaga koko?
- Ni iki wifuza guhindura mu mikoreshereze y'ibikoresho?
- Ni iki wifuza guhindura ku gikoresho? Ese igikoresho kiraramba bihagije ku bana? Ese kirashimishije?

Ibindi wamenya kuri uyu mutwe

Hari ibindi bikoresho byagufasha kunguka ubumenyi kuri iyi mbumbanyigisho.

- Umufatanyabikorwa mu burezi APIE kuri gahunda ikorerwa kuri murandasi: http://umubanoprimary.org/_equip/EQUIP.html
- Gahunda y'Amashuri Twigire mu Mikino ya VSO Rwanda: Inyoborabarezi ya 9: Imfashanyigisho n'ibikinisho
- Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (2015). Inyoborabarezi ku Nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke, Minisiteri y'Uburezi, Repubulika y'u Rwanda.
- Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (2020). Inyoborabarezi yo gukora imfashanyigisho n'ibikinisho mu mashuri y'inshuke, Minisiteri y'Uburezi, Repubulika y'u Rwanda.

Umutwe wa 4: Gutoza abana kwiga imibare y'ibanze binyuze mu mikino

Muri uyu mutwe, urasangamo:

- Uburyo abana bato bunguka ubumenyi bw'imibare cyangwa bwo kubara
- Gukangura ubushobozi bw'abana mu mibare ugendeye ku myaka yabo, hifashishijwe imikino ikwiye.
- Ibikoresho byifashishwa mu kwigisha imibare binyuze mu mikino
- Gusuzuma uko abanyeshuri bazamurira ubushobozi mu mibare
- Kunoza imikorere yawe binyuze mu kugerageza, kwitekerezaho no gusubiramo kenshi.

Imibare ntabwo ari kimwe no kubara. Mu mashuri y'inshuke, bakeneye kwiga ibirenze kubara. Bakeneye kwiga kumenya ingano, guteranya no gukuramo ibintu bifatika, bakeneye kwiga iby'ibanze mu gupima, igihe, amafaranga, amerekezo n'ibindi byinshi. Muri iki gice turareba ubumenyi bwose bukubiye mu mibare igenewe abana b'inshuke (kumva imibare, ingero, amashusho ngero). Turareba uburyo ubusanzwe abana bunguka ubu bumenyi (umurongo w'imikurire) n'uburyo bwo gukangura iyi mikurire binyuze mu mikino.

4.1. Kumva imibare

Igikorwa cya 1:

Kumva imibare

- Ni ibihe bikorwa mukora ubu bijyanye no kubara no kumva imibare?
- Kumva imibare bivuze iki?
- Ese umuntu abyitoza ate?
- Koresha umugereka wa 3: Gerageza gushyira intambwe zose mu mwanya wazo.

Kumva imibare ntabwo ari kimwe no kubara. **Kumva imibare ni ubushobozi umuntu afite bwo kumva, gusanisha no guhuza imibare.** Ubumenyi buhanitse bwo kumva imibare ni ishingiro ryo gusobanukirwa imibare ikenewe mu bihe bizaza.

Mu gufasha abana kumva imibare, ushobora **kubakoresha ibikorwa bitandukanye ukabafasha kumva imibare.** Abana bagira ubumenyi bwimbitse mu mibare iyo bashobora gukora, kwigana no gukina. Ntibashobora gukura mu mibare binyuze mu kwitegereza abandi babikora. Ntibashobora gukura mu mibare binyuze mu gusubiramo imivugo yo kubara buri muni.

4.1.1. Gukuza ubushobozi bwo kubara

Niba tuzi uburyo kumva imibare no kubara bitera imbere, dushobora:

- Kubona urwego umwana agezeho akura mu kumva imibare no mu kubara.
- Gutegura ibikorwa n'ibikoresho bifasha abana kumenya imibare mu buryo bwimbitse.

Iyo uzi intambwe umwana agezeho, ushobora kumukangurira no kumufasha gutera intambwe yisumbuyeho mu kumenya imibare.

1. Kubara mu magambo

Iyo umwana abara avuga, bimufasha kwiga **amagambo y'imibare** (urugero: Rimwe, kabiri, gatatu, ...) n'uburyo ikurikirana. Kuri iyi ntambwe, indirimbo zo kubara n'imivugo ni ingenzi.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Indirimbo zo kubara
- Imivugo yo kubara

**1, 2, 3 mushiki wange yitwa Mariya
Ashobora gukoma amashyi
Ashobora gutera intambwe
1, 2, 3 mushiki wange yitwa Mariya**

Ifoto ya 44 – Urugero rw'umuvugo wo kubara.


2. Ibara ryitiranya imibare

Umwana atangiye kubona isano iri hagati y'ingano y'ibintu n'umubare. Ariko umwana aracyabura ihame ryo **guhuzza**. Usanga abana babara, bagasimbuka ibintu bimwe, cyangwa ibindi bakabibara kabiri.

Ni ngombwa ko abana bakoresha ibintu bifatika kuri iyi ntambwe. Buri mwana agomba guhabwa ibintu bifatika akabibara.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Ibintu bifatika bishobora kubarwa: Amabuye, inzu, imifuniko y'amacupa, amacupa...
- Ibikorwa byo kubara: Kubara abana mu ishuri, kubara amatafari akoze mu giti yakoreshejwe ku munara, kubara amadirishya y'icyumba n'ibindi



Aba bana ntibarimo kwiga kuko nta kintu barimo gukora.

Uyu mwana arimo kwiga kuko hari icyo arimo gukora.

Ifoto ya 45 – Igikorwa cyo kubara mu ishuri. Umwana urimo kwimura amacupa ni we wenyine urimo kwiga. Abandi bararebera gusa, ntacyo bakora; mu byukuri ntabwo barimo kwiga. Kuri iyi ntambwe, abana bigira mu bikorwa.



Ifoto ya 46 – Muri iri shuri abana bose bafite ibikoresho barimo kwifashisha kandi bibafasha kwiga.

3. Ibara rifite injyana


Umwana amenya ko agomba kubara buri kintu inshuro imwe. Ntabwo asimbuka ibintu cyangwa ngo agire icyo abara kabiri. Amaze kumenya **guhuza ikintu kimwe n'ikindi**. Ashobora kubara ibintu agenda yimuka, abikoraho, abyerekana cyangwa abirebaho.

Guhuza ikintu kimwe n'ikindi bisobanuye iki?

Ni igikorwa cyo kubara buri kintu mu biri kumwe inshuro imwe gusa uagenda ukora kuri buri kintu inshuro imwe. Wibande ku byo abana bashobora gukora, aho kwibanda ku byo badashoboye.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Imikino yo ku kibaho yoroshye: umwana A anaga agakarito kariho imibare bigiraho kubara hanyuma akimura ikibarisho ke (umufuniko w'icupa) intambwe zingana n'ibyo agakarito kariho imibare bigiraho kubara kagaragaje. Noneho umwana B na we agakina, n'abandi bakagenda basimburana.
- Umukino wo gusimbuka: kuzenguruka mu ishuri: "reka dutere intambwe 2: 1, 2, reka dutere intambwe 4: 1, 2, 3, 4



Ifoto ya 47 - Umukino wo ku kibaho woroshye. Buri mwana akinira mu kindi gipande. Bimura ikibarisho cyabo intambwe zingana n'ibyo agakarito kariho imibare bigiraho kubara kagaragaje. Ninde urangije mbere?

4. Ibara nganagiteranyo

Ibara nganagiteranyo bivuze ko abana bazi ko umubare wa nyuma bavuga mu gihe babara ibintu uraba uhwanyeye n'igiteranyo cyabyo cyangwa ubwinshi bwabyo. Iyo ubajije uti: "Dufite amacupa angahe?" Umwana abara: "1, 2, 3, 4" hanyuma akavuga ati "Dufite amacupa 4".

Ihame ry'ibara nganagiteranyo ni iki?

Kumva ko umubare w'ibintu bigize itsindaari umubare wa nyuma wazuzwe mu kubara ibigize itsinda ry'ibintu.

Noneho abana bagomba gusobanukirwa ko:

- Bagomba kubara buri kintu inshuro imwe
- Umubare wa nyuma bavuze uhwanyeye n'igiteranyo
- Buri mubare bavuze uruta iyawubanjirije (urugero: 5 iruta 4)
- Aho watangirira kubara hose, ntacyo bitwaye.
- Ibintu bishobora kuba bitandukanye.
- Buri mubare ufite umwanya wawo

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:


- Kubara no kwandika umubare w'abana bari mu gikorwa mu gitabo cy'abitabiriye ibikorwa bihoraho bya mu gitondo.
- Kora amatsinda y'abana 5.
- Imikino n'impapuro ziriho ibikorwa bimeze nkibi: shushanya imyembe 4, kuri iyi shusho hariho inka zingaha?

5. Kubara ibintu bitondetse kuri gahunda

Kubara birushaho koroha iyo ibintu ubara bitondetse neza. Abana batangira guhuriza hamwe ibintu mu gihe cyo kubara. Urugero: iyo babara abana bose mu ishuri, abana bahagarara ku murongo umwe.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Tanga ibikarito by'ibikinisho kugira ngo abana babare ibintu birimo
- Tanga urugero rw'uburyo bwo gutondeka ibikoresho mu gihe cyo kubara: Iyo ubara amacupa cyangwa amakaramu, uyatondeka neza mbere yo kubara.
- Koresha amashusho yerekana umubare w'ibintu byatondetswe. Minsi hari urugero rw'ukuntu imibare kugeza 10 ishobora kugaragazwa ku ishusho. Gutondekanya ibintu binebine bifasha kubara vuba no guhita umenya umubare w'ibintu.



Ifoto ya 48 - Kubara birushaho koroha iyo ubanje gutondekanya ibikoresho neza.

Ifoto ya 49 - Akadomo cyangwa amashusho yerekana imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10.




Ifoto ya 50 - Mu nguni y'isoko, umurezi yifashisha ibidomo n'umubare bigaragaza igiciro k'ibigurishwa I

6. Ihame ryo kuzirikana

Abana biga ko ubwinshi butagendera ku kuba ibintu binyanyagiye? cyangwa bitondetse neza, ari binini cyangwa bito. Ni yo mpamvu ubwinshi buhora ari 4 haba ku nka 4 cyangwa ku mifuniko 4 y'amacupa, nubwo inka ari nini cyane. Kugira ngo babyumve, abana bagomba kubara ibintu byinshi bitandukanye mu bwoko no mu ngano y'ibintu. Urugero: Imifuniko y'amacupa, imyambi y'ikibiriti, imbuto, ibikarito by'amata, intebe, abana, abantu bakuru ...

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Ibintu bitandukanye byo kubara.
- Bitandukanye mu buryo bunyuranye: Bitatanye cyangwa bitondetse neza. Tanga igikarito cy'amagi maze babare ibintu birimo.
- Baza ibibazo bikoma imbarutso: Ese umubare w'intebe ungana n'uw'imbuto?



Ifoto ya 51 – Muri aya mashusho yombi harimo umubare w'amakaramu ungana. Abana bato cyane batekereza ko iyo amakaramu atatanye, aba ari menshi. Bakeneye kumva ihame ryo kuzirikana.

7. Kubara mu buryo bunyuranye

Kubara mu buryo bunyuranye ni ubumenyi ngiro bugora abana benshi. Abana bamwe bashobora kunguka bumwe muri ubwo bumenyi mu mwaka wa 1 w'Amashuri abanza. Si ngombwa kubugira mu mashuri y'inshuke. Ubwo bumenyi bukubiyemo:

- Kubara uherye ku mibare itandukanye na rimwe (urugero: Reka tubare amadirishya y'ishuri ryacu: 1, 2, 3. Eh! Ubwo dufite 3 ku ruhande rumwe, noneho reka turebe ku rundi ruhande, twari kuri 3, reka dukomereze kuri 4, 5, 6. Dufite amadirishya 6 mu ishuri ryacu!”
- Kubara ibintu mu matsinda agizwe n'ibintu 2 cyangwa 10 (cyangwa undi mubare)
- Kubara usubira inyuma

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Imikino ifite amabwiriza.
- Iyo ugiye gutangira igikorwa cyangwa irushanwa ryo kwiruka: 3, 2, 1, genda!

Igikorwa cya 2:

Kumva imibare

- Ni ibiki wize byerekeye gufasha umwana gutera imbere mu kubara?
- Abanyeshuri bawe bageze ku yihe ntambwe?
- Ese hari ikintu wifuza guhindura mu byo wigisha? Ni iyihe ijyanye n'urwego rw'abanyeshuri?

Igikorwa cya 3:

Kumva imibare

- Ubona hari uburyo bwo gushyira ibikorwa byo kumva imibare mu bindi byigwa?
- Bikorwa bite?

Igikorwa cya 4:

Nyuma yo kugerageza ibikorwa binyuze mu mikino ifasha abana gutera imbere mu bushobozi bwo kubara, tekereza ku bintu bikurikira:

- Wagerageje iki? Wakoze ibihe bikoresho?
- Byagenze bite? Abana babyakiriye bate? Ese bigaga koko? Bashoboye kubyikoresha ubwabo?
- Ni iki wifuza guhindura mu mikoreshereze y'ibikoresho n'igikorwa?


4.1.2. Gukuza ubushobozi bwo kumva imibare

Kubara (reba 4.1.1.) ni ikintu kimwe mu bifasha kumva imibare. Kumva imibare bisaba kunyura mu ntambwe zikurikira.

1. Kumenya umubare w'ibintu utabanje kubibara

Igikorwa cya 5:

Reba iyi shusho.



- Wabaze ute? Cyangwa wahise umenya umubare utagombye kubara?
- Ni iyihe shusho yari yoroshye kumenya?

Kumenya umubare w'ibintu birushaho koroha iyo ibintu byo kubara bitondetse neza.

Uko abana bagenda batera imbere mu kumva imibare, batangira no kumenya ingano y'ibintu bike batagombye kubibara. Urugero: iyo babonye amakaramu 2, baravuga bati: "Amakaramu abiri". Ntibakenere kuyabara. Kumenya umubare w'ibintu utabanje kubibara birushaho koroha iyo ibintu ubara bitondetse neza. Abana bo mu mwaka wa 3 w'amashuri y'inshuke bagombye kubasha kumenya umubare w'ibintu kugera kuri 5.

Kumenya umubare w'ibintu utabanje kubibara ni iki?

Ni ubushobozi bwo kumenya umubare w'ibintu bike utagombye kubibara.

2. Imibare inganya igiteranyo

Imibare inganya igiteranyo ni iki?

Ni imibare ihura ikabyara umubare mushya umwe. Urugero: Ku giteranyo cya 5, imibare ihuje iki giteranyo ni 1 na 4, 2 na 3, 3 na 2, 4 na 1, 0 na 5, 5 na 0.

Kumenya imibare ihuriye ku giteranyo ni ingenzi cyane mu kwitegura guteranya no gukuramo. Na none, ni ngombwa kureka abana bagakinisha kandi bakabara ibikoresho bifatika, kugira ngo bateze imbere ubwo bumenyi. Ntukarengere imibare ihuriye ku giteranyo kigera ku 10 mu mashuri y'inshuke.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

Abana bakoresha ibikoresho.

- Kora ibikarito by'imibare. Igiteranyo cy'igikarito cyanditswe hanze. Imbere igikarito kigabanyijemo imyanya 2. Abana bashyira imifuniko y'amacupa, imbuto, cyangwa amacupa muri buri mwanya kugira ngo bagere ku giteranyo.
- Kugabanya ipantaro: buri kuguru kw'ipantaro gucengezwa mu gakarito. Abana bafata ikarita mu kirundo kiriho umubare w'igiteranyo (kugeza kuri 5). Abana bongera ibibarisho muri buri kuguru kugira ngo babone umubare w'igiteranyo ku ikarita. Urugero: Ikarita yerekana 4. Abana bashyira ibibarisho 3 mu kuguru kw'ibumoso, hanyuma 1 iburyo. Babara igiteranyo. Bagenda babangikanya imibare mu buryo bwose bushoboka.



Ifoto ya 52 – Agasanduku k'imibare ihuje igiteranyo. Igiteranyo cy'ibijya muri aka gasanduku ni 5, umurezi yashyize 2 ku ruhande rumwe naho umwana arongeramo 3 ku rundi ruhande kugira ngo abone 5. Indi mibare bihuje igiteranyo ni 1 na 4, 3 na 2, 4 na 1, 0 na 5 cyangwa 5 na 0. Buri mibare ifite igiteranyo gihwanye na 5 ishobora kugira agasanduku kihariye.

3. Ibisobanuro binyuranye by'imibare

Imibare ntihagararira ubwinshi bw'ibintu bwonyine.

Igikorwa cya 6:

Ibindi bisobanuro by'imibare

- Dukoresha imibare mu kubara no kugaragaza ingano y'ibintu. Nyamara imibare ifite indi mimaro. Hari undi mumaro waba uzi imibare ifite mu buzima bwacu bwa buri muni?

Imibare ifite ibisobanuro binyuranye birimo:

- Imibare nk'igipimo (urugero: Ubunini bw'ikintu – urukweko rufite numero 5-, ubuso, umugabane – icya kabiri cy'icupa)
- Imibare yo gutondekanya (urugero: Uwa mbere ni inde?, uwa kabiri, uwa gatatu)
- Imibare ikoreshwa nka kode (urugero: Kode yo gufunga, pulaki y'ikinyabiziga, kwishyura kuri MoMo, numero ya telephone...)

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

Zana ibindi byerekana ikoreshwa ry' imibare mu nguni y'imikino no mu bikorwa byo kubara:

- Imibare nk'igipimo: Mu bumenyi bw'ibidukikije: Kugereranya amababi: Amabara n'ubunini. Dukeneye amababi angahe kugira ngo dutwikire iki gitabo? Dukeneye amababi angahe avuye ku kimera?



Ifoto ya 53 - Imibare mu migabane (amababi 2 muri 5 ni icyatsi) cyangwa imibare yo gupima ubuso.

- Imibare yerekana uko ibintu bikurikirana: Koresha amagambo nka: Uwa mbere, uwa nyuma, uwa kabiri mu bikorwa n'imikino. Tondeka abana 5 uhereye ku mugufi ujya ku muremure. Ni nde wa mbere ku murongo, ni nde wa nyuma? Reka abana batondeke imodoka zabo z'ibikinisho. Imodoka ya kane ni iyihe?



Ifoto ya 54 – Gutondeka ibintu birutanwa ubunini ukoresheje imibare.

- Imibare nka kode: Fasha abana kumenya pulaki z'ibinyabiziga igihe batembera aho batuye; basabe gushushanya pulaki imwe. Zana amakarita yo kwishyuriraho mu nguni y'ubucuruzi.



Ifoto ya 55 - Ingero zo gukoresha imibare nka kode.

Igikorwa cya 7:

Ibindi bisobanuro by'imibare

- Waba ufite ibindi bitekerezo byerekeye uburyo bwo kwinjiza ibindi bisobanuro by'imibare (usibye ubwinshi) mu bikorwa bya buri muni yo mu ishuri? Bisangize bagenzi bawe.
- Bikwiye kujya mu bihe byigwa?

Igikorwa cya 8:


Nyuma yo kugerageza ibikorwa bimwe na bimwe mu mikino kandi bifasha abana bawe gutera intambwe no kwiyoungura ubumenyi mu kumva imibare, tekereza kuri ibi:

- Wagerageje iki? Wakoze ibihe bikoresho?
- Byagenze bite? Abana babyakiriye bate? Ese bigaga koko? Bashoboye kubyikorera ubwabo?
- Ni iki wifuza guhindura mu mikoreshereze y'ibikoresho n'igikorwa?

4.1.3. Ibimenyetso bihagararira imibare

Kumva imibare bikubiyemo kandi kwerekana mu nyandiko ikimenyetso gihagarariye umubare cyangwa ingano. Ibi ntibivuze ko dusaba abana kwigana imibare iri ku kibaho.

Abana biga bahereye ku bifatika bakanyura ku mashusho bajya ku bidafatika. Abana bahera ku kubara no gukoresha ibikoresho bifatika. Noneho bakamenya ko ingano y'ibintu ishobora "kwandikwa" cyangwa guhagararirwa n'ikimenyetso. Babanza kwiga uburyo bwo kwerekana ingano bakoresheje utudomo (bashushanya utudomo 5 iyo ubwinshi ari 5). Nyuma bakandika ikimenyetso cy'umubare cyangwa umubare nyirizina.



Imodoka 5 (ibintu bifatika) Ibikoresho bihagarariye n'ibikombe 5; Ubwa nyuma, biga **umubare**
nyuma bihagararirwa n'utudomo 5. nyirizina werekanwa
n'ikimenyetso.

Ifoto ya 56- Urugero rw'imikurire mu kumva imibare, uhereye ku bintu bifatika byerekanwa n'utudomo ujya ku mubare.

Umubare (ikimenyetso 5) ni wo usorezaho ikigishwa, ntabwo ari wo uheraho. Buri gihe ugomba guhagararira ingano. Gukoresha utudomo iruhande rw'umubare duhagarariye bigomba gukomeza kuva mu mashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

Hitamo **umubare w'icyumweru**, wandike hamwe n'utudomo tuwuhagarariye hagati ku rupapuro rumanitse (utudomo 2). Fatanya n'abana gushaka ingero zijyanye n'uyu mubare (urugero: Mwibande kuri "2": Abana bashobora kumenya ko bafite amatwi 2, ko igare rifite'amapine 2, ishuri rifite amadirishya 2, ...). Ongera igishushanyo cya buri rugero rw'umubare wahisemo kuri urwo rupapuro rumanitse.



Ifoto ya 57- Urugero rw'umubare wibandwaho mu bikorwa by'icyumweru. Muri uru rugero umubare wibandwaho ni 5. Abana bakusanya ingero z'ibintu 5: Intoki eshanu ku kiganza, inziga 5 mu kimenyetso cya Komite Olempiki, utudomo 5, inyenyeri ifite imitwe 5, imbutu 5 muri pome,



Ifoto ya 58 - Ingero z'amashusho yerekana imibare: Imibare, utudomo, umubare w'intoki, ibimenyetso by'imibare Guhora bahuza ibyo ibi bimenyetso bihagarariye imibare bifasha abana kumva neza imibare.



Igikorwa cya 9:

Ibimenyetso bihagarariye imibare

- Ni gute wakwigisha ibimenyetso bihagarariye imibare mu masomo yo kubara?
- Ubona hari uburyo bwo kwinjiza ibikorwa byo kumva imibare mu bindi byigwa?
- Ubigenza ute?

Igikorwa cya 10:

Nyuma yo kugerageza ibikorwa binyuze mu mikino bifasha abana kumva ibimenyetso bihagarariye imibare, tekereza ku bintu bikurikira:

- Wagerageje iki? Wakoze ibihe bikoresho?
- Byagenze bite? Abana babyakiriye bate? Ese bigaga koko? Bashoboye kubyikoresha ubwabo? Ni iki wifuza guhindura mu mikoreshereze y'ibikoresho n'igikorwa?

4.1.4. Ni gute wakangurira abana kuzamura ubushobozi mu mibare?

Mu bice byabanje, twarebye uburyo umwana azamura ubushobozi mu kubara, uko imibare ishobora kugaragazwa n'uburyo umwana akura mu bumenyi bw'imibare. Buri kimwe muri ibi cyarimo uburyo bw'imikino abarezi bashobora kwifashisha. Muri iki gice, tugiye guhuza integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi n'inshamake yoroshye y'ukuntu ushobora gutoza abana kumva imibare.

Abana barangije amashuri y'inshuke bagomba kuba bashobora:

1. Kubara neza kuva kuri 1 kugeza kuri 20
2. Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10
3. Guteranya, gukuramo no kugabanya ibintu bifatika bitarenze 10 (REB, 2015)

Uko bikorwa mu mwaka wa 1.

Mu **mwaka wa 1**: Ubushobozi bw'ingenzi: Koresha imibare mu ndirimbo, imivugo n'imikino migufi:

- Kuririmba indirimbo zo kubara;
- Gukoresha imivugo yo kubara;
- Gukina imikino ukoresheje imibare: gukoma amashyi ...
- Kubara abana mu bikorwa bihoraho bya mu gitondo;
- Guha abana ibikoresho byinshi bashobora kubara. Bafashe kubara (uzirikana intambwe z'imikurire mu ibara, reba urwego abana bagezeho. Reba 4.1.1., Kandi ubashishikarize gutera intambwe ikurikira yisumbuyeho mu mibare bakora ibikorwa biri ku rutonde).

Uko bikorwa mu mwaka wa 2.

Mu mwaka wa 2: Ubushobozi bw'ingenzi: Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5

- Kora ibiri ku rutonde rwo mu mwaka wa 1. Ibande ku gutondeka neza imibare.
- Fatanya n'abana kubara ibintu bifatika (urugero: Umubare w'abana, umubare w'amadirishya, amacupa ...). Reka abana babare.
- Reba aho abana bageze mu ntambwe zo Kubara zasobanuwe muri 4.1.1. maze ubafashe kugira ngo batere intambwe yisumbuyeho bakora ibikorwa biri ku rutonde.
- Injiza imibare (ibimenyetso by'imibare) mu isomo: tangira wandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5 ku kibaho cyangwa hanze mu mucanga. Soma kandi ugende werekana agaciro ka buri mubare.
- Fasha kumva buri mubare kuva kuri 1 kugeza kuri 5:
 - o Kwinjiza mu isomo umubare w'icyumweru. Urugero: 2.
 - o Kwinjiza umubare mu isomo (ikimenyetso cy'umubare) hamwe n'utudomo tuwuhagarariye. Urugero: utudomo 2
 - o Gukusanya ibintu bihwanye n'umubare watoranyijwe (urugero: Intebe 2, amakaramu 2, ibishyimbo 2 ...)
 - o Gutegura impapuro z'imibare zimanikwa (reba 4.1.2.) zerekana ibintu bifatika bihwanye n'umubare watoranyijwe. Urugero 2: Shushanya amaso abiri, pome ebyiri, igare ry'amapine 2 ...
 - o Nyuma yo kubona ko abana bumva umubare watoranyijwe, reba niba bashobora kubona imibare ibyara igiteranyo gihwanye na wo. Urugero: 2: Mfite igitoki 1, nkeneye ibitoki bingaha kugira ngo ngire 2? Ifashishe ibikoresho bifatika (mwirinde guteranyiriza ku rupapuro!)
- Ereka abana uko bandika umubare watoranyijwe.
 - o Reka abana babare ibintu bifatika bihagarariye umubare ushaka kwigisha. Urugero: 1
 - o Andika umubare ugamije kwigisha ku kibaho
 - o Saba abanyeshuri kureba uko umubare wanditswe n'imirongo iwugize, ikerekezo cyo gukurikira. Urugero: "Tangirira hano, uzamuke, hanyuma umanuke". Shushanya uwo mubare mu kirere ukoresheje urutoki mu gihe ubisobanura.
 - o Saba abanyeshuri gusubiramo umubare mu gihe uberekera uko wandikwa.
 - o Saba abanyeshuri kwandika umubare ahantu hatandukanye: Mu kirere, ku kibaho, mu mucanga. Reka bimenyereze kuwandika. Abana bashobora kubumba imibare mu ibumba, gukata imibare ku rupapuro, komeka imifuniko y'amacupa mu ishusho y'imibare, gutondekanya amabuye mu ishusho y'imibare n'ibindi bikorwa birenze ibikorwa ku rupapuro n'ikaramu y'igiti.
- Kina imikino yo ku kibaho, utange imirimo ijyanye no kubara (urugero: "Mu gikorwa gikurikira mugomba gukora amatsinda ya 5"...
- Shyira imibare mu nguni zose. Urugero: kora amakarita yo kwishyuriraho cyangwa kode za MoMo mu nguni y'ubucuruzi, shyira nomero ku mazu, genda urebe aderesi y'ishuri (nomero y'umuhanda, nomero y'inzu) ...



Ifoto ya 59 —Kwandika umubare hifashishijwe amabuye.

Uko bikorwa mu mwaka wa 3.

Mu mwaka wa 3: ubushobozi bw'ingenzi:

1. Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10
 2. Guteranya, gukuramo no kugabanya ibintu bifatika bitarenze 10
- Kora ibiri ku rutonde rwo mu mwaka wa 1 n' uwa 2. Ibande ku gutondeka neza imibare.
 - Fatanya n' abana kubara ibintu bifatika (urugero: umubare w' abana, umubare w' amadirishya, amacupa, ...). Reka abana babare.
 - Reba aho abana bageze mu ntambwe zo kubara zasobanuwe muri 4.1.1. maze ubafashe gutera intambwe yisumbuyeho bakora ibikorwa biri ku rutonde.
 - Bafashe kubara bahereye ku mubare uwo ari wo wose badahereye ku mubare wa mbere (kubara **mu buryo bunyuranye**). Urugero: Keza yabaze amabuye 5, ariko Maurice abona irindi. Si ngombwa kongera gutangira kubara kuva kuri 1. Dushobora gukomeza kubara ..." ... 5, 6". Cyangwa, niba Maurice afite ikirundo cy' amakarita 5 akongeraho abiri, nta mpamvu yo gutangira kubara 5 ya mbere. Ahubwo ashobora gukomeza kubara avuga ati: "Nari mfite 5... none mfite atandatu, arindwi". Aho kubara ibintu byose, umwana yiga kubara akomereje aho yasubikiye. Ibi ni byo umwana yubakiraho amenya guteranya imibare.
 - Injiza imibare (ibimenyetso by' imibare) mu isomo: tangira wandika imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10 ku kibaho cyangwa hanze mu mucanga. Soma kandi ugende werekana buri mubare uko ubara.
 - Fasha abana kumva buri mubare kuva kuri 1 kugeza ku 10 (komereza ku byakozwe mu mwaka wa 2):
 - Kwinjiza mu isomo umubare w' icyumweru. Urugero: 6.
 - Kwinjiza umubare mu isomo (ikimenyetso cy' umubare) hamwe n' utudomo tuwuhagarariye. Urugero: Utudomo 6

- Gukusanya ibintu bihwanye n'umubare watoranyijwe (urugero: Intebe 6, amakaramu 6, ibishyimbo 6 ...)
- Gutegura impapuro z'imibare zimanikwa (reba 4.1.2.) byerekana ibintu bifatika bihwanye n'umubare watoranyijwe. Urugero 6: shushanya amagi 6 mu kazu, pome 6, utudomo 6 ku gakarito kariho imibare bigiraho kubara ...
- Nyuma yo kubona ko abana bumva umubare watoranyijwe, reba niba bashobora kubona imibare ibyara igiteranyo gihwanye na wo. Urugero: 6: Mfite igitoki 1, nkeneye bingahe kugira ngo ngire 6? Naho niba mfite ibitoki 3? Ifashishe ibikoresho bifatika (mwirinde guteranyiriza ku rupapuro!)
- Ereka abana uko bandika umubare watoranyijwe.
 - Reka abana babare ibintu bifatika bihagarariye umubare ushaka kwigisha. Urugero: 6
 - Andika ku kibaho umubare ugamije kwigisha
 - Saba abanyeshuri kureba uko umubare wanditswe n'imirongo iwugize, ikerekezo cyo gukurikira. Urugero: "Tangirira hejuru, umanuke, hanyuma ukate". Shushanya uwo mubare mu kirere ukoresheje urutoki mu gihe ubisobanura.
 - Reka abanyeshuri basubiremo umubare mu gihe uberekera uko wandikwa.
 - Saba abanyeshuri kwandika umubare ahantu hatandukanye: mu kirere, ku kibaho, mu mucanga. Reka bimenyereze kuwandika. Abana bashobora kubumba imibare bakoresheje ibumba, gukata imibare ku rupapuro, komeka imifuniko y'amacupa mu ishusho y'imibare, gutondekanya amabuye mu ishusho y'imibare n'ibindi bikorwa birenze ibikorwa ku rupapuro n'ikaramu y'igiti.
- Kina imikino yo ku kibaho, utange imirimo ijyanye no kubara (urugero: "Mu gikorwa gikurikira mugomba gukora amatsinda ya 6" ...)
- Ha abana utubazo tw'imibare: twakora amatsinda angahe y'abanyeshuri 5 mu ishuri ryacu (kugabanya)? Ese dufite amakaramu y'igiti ahagije ku bantu bose? Ese ushobora kongera amagorofa abiri ku munara wawe? ...
- Shyira imibare mu nguni zose. Urugero: kora amakarita yo kwishyuriraho cyangwa kode za MoMo mu nguni y'ubucuruzi, genda urebe aderesi y'ishuri (numero y'umuhanda, numero y'inzu) ... Reka abana bakore inyemezabwishyu.

Ku **mugereka wa 4** urahasanga urugero rw'imiteguro y'amasomo y'ibikorwa bishimisha bifasha kumva imibare.

4.1.5. Ni gute wakangurira abana kumva imibare mu nguni y'ubucuruzi?

Igikorwa cya 11:

Inguni y'ubucuruzi

- Ufite inguni y'ubucuruzi mu ishuri?
- Inguni y'ubucuruzi iteye ite? Abana bayikoresha bate? Ni ibihe bikoresho wifashisha?

1. Guhuza inguni y'ubucuruzi n'intambwe z'imikurire mu kubara

Inguni y'ubucuruzi ni ahantu heza ho kwigisha inshoza y'imibare no gukora ibimenyetso by'ibara byoroshye(gukuramo no guteranya). Inguni y'ubucuruzi ni imwe mu nguni nyinshi zishoboka zo kwigiramo dusanga mu cyumba k'ishuri mu burezi bw'abana b'inshuke.

Habaho **amoko** menshi y'amaduka:

- Inkweto cyangwa imyambaro
- Ibiribwa
- Imigati
- Ibitabo
- Imbutu n'imboga
- Imitako
- Ibikoresho binyuranye byo kubaka
- Birashoboka kandi kugira amaduka menshi adasanzwe, nka resitora, akabari, farumasi, isoko cyangwa superimarishe.

Niba dushaka gukoresha amaduka mu gufasha abana kumva imibare, tugomba gutekereza neza ku buryo twerekana **amafaranga n'igiciro** dukurikije urwego umwana agezeho mu mibare. Si ngombwa gukoresha amafaranga nyakuri.

Imbonerahamwe ya 2- Gukoresha inguni y'ubucuruzi kugira ngo ukangurire abana kumva imibare kubihuza n'imikurire y'umwana. Ibiciro n'amafaranga bigomba guhinduka uko abana bagenda bakura mu mibare.

Umwana w'imyaka 3	Umwana w'imyaka 4	Umwana w'imyaka 5
<p>Ibiciro bishobora gusimburwa n'amakarita y'amabara cyangwa amakarita ariho ikimenyetso. Nta bimenyetso by'imibare (imibare) bikoreshwa.</p>	<p>Ibiciro by'ibintu bishobora gusimburwa n'utudomo turi ku ikarita nto.</p>	<p>Ibiciro byerekanwa bakoresheje amakarita ariho utudomo n'umubare.</p>
		
<p>Amafaranga ashobora kuba amakarita y'amabara nk'ayakoreshejwe mu kugaragaza igiciro. Abana bagurana ikarita 1 igicuruzwa 1.</p>	<p>Amafaranga ashobora kuba ibibarisho cyangwa amafaranga y'impapuro zifite agaciro gahwanye na 1. Abana bagomba gukoresha umubare nyawo w'ibibarisho cyangwa amafaranga y'impapuro kugira ngo bagure ibintu.</p>	<p>Amafaranga ashobora kuba ibibarisho bifite agaciro gahwanye na 1 n'amafaranga y'impapuro zifite agaciro gahwanye na 5. Ibi bifasha guteranya no gukuramo (kugarurira umukiriya).</p>
		 <p>Cyangwa</p>

Igikorwa cya 12:

Inguni y'ubucuruzi

- Kuki urugero rwatanzwe haruguru rudakoresha amafaranga y'u Rwanda, urugero: 1.000Frw, 2.000Frw cyangwa 5.000Frw?
- Ese urabona inzego zitandukanye mu rugero rwatanzwe haruguru?
- Inguni y'ubucuruzi wayihindura gute? Tangira gukora ibishushanyo by'amafaranga maze wereke amashusho bagenzi bawe.

Igisubizo: Iyi nguni y'ubucuruzi igamije cyane cyane gufasha abana kumva imibare (gusobanukirwa ingano). Imibare igomba kuba ku rwego rw'umwana. Ni yo mpamvu imibare yose ikoresheya iri muni ya 10. Ibi bituma abana bashobora gutahura ingano, bagatangira gukora ibikorwa bito "kugarurira umukiriya" (ari byo guteranya no gukuramo). Iyo iduka ryawe rifite amafaranga y'u Rwanda, uba urimo guteza imbere ubushobozi bw'ingenzi mu gupima no kugereranya.

2. Uko ushobora gukinira mu nguni y'ubucuruzi

Hari intambwe zitandukanye zo gukinira mu nguni y'ubucuruzi. Buri ntambwe ifasha abana kwiga bishimye ikabamo n'ibikorwa bishimisha. Itegereze urwego rw'abana kugira ngo ubashe guhuza umukino n'ibyo bakeneye n'ibibashimisha.

a. Intambwe ya 1: Hitamo ikintu cyo kugurisha

- Fatanya n'abana kureba ibikoresho biboneka iwacu maze ureke abana bahitemo ibyo bacuruzwa mu iduka. Ibi bishobora gushingira ku nsanganyamatsiko y'icyumweru.
- Toranya ibikoresho bikoresheya mu matsinda ari kumwe.
- Ibikoresho bishobora kuba amapaki y'ibintu ubusa bwoko bwose, nk'ibiryo, ibisuguti, amacupa arimo ubusa n'ibindi.

b. Intambwe ya 2: Gutondeka ibintu mu iduka

Umwana w'imyaka 3	Umwana w'imyaka 4	Umwana w'imyaka 5
Umwana ntashobora kwiyumvisha ibyo undi muntu batareba mu kerekezo kimwe abona. Umucuruzi ashyira ibicuruzwa inyuma ye, nyamara ku mukiriya bikaba biri imbere. Abana b'imyaka 3 bagomba kugenda bimuka muri buri mwanya kugira ngo bamenye uko ibintu bigaragara iyo umuntu arebeye mu byerekezo bitandukanye.	Umurezi ashobora kureba uko bigenda maze akareka abana bagataka iduka kugira ngo ribe ryiza.	Abana ubwabo bashobora gutunganya inguni y'ubucuruzi kandi bagakora impapuro zimanikwa zo gutaka iduka (berekana ibintu bigurishwa).

- c. Intambwe ya 3: Hitamo igiciro cya buri kintu kiri mu iduka. Ni igikorwa k'ingenzi kuko gifasha abana kumva agaciro: Ibiciro biterwa n'ubunini, uburemere Mu ntangiriro, umurezi afatanya n'abana (gukorera mu matsinda mato). Nyuma, abana bashobora kubyikoresha bonyine.

Umwana w'imyaka 3	Umwana w'imyaka 4	Umwana w'imyaka 5
Umurezi yerekana amakarita agasobanuraburyo akoreshwa.	Ibiciro bigarukira kuri 5. Umurezi aganira n'abana ku giciro cy'ibintu. Kuri uru rwego, akenshi abana batanga igiciro gihuye n'umubare w'ibintu bihari (urugero: Mu rugero rwo haruguru, batanga igiciro y'amafaranga "2" ku cyayi kuko babona ibikarito 2 by'icyayi; amacupa 2 manini bayaha igiciro cy'amafaranga 2 n'amacupa mato 5 bakayaha igiciro cya 5). Umurezi agomba kuganira n'abana akababaza impamvu utuntu duto dushobora kugira igiciro gihanitse kurusha ibintu binini.	Igiciro ntarengwa cya 10 gishobora gukoreshwa. Umurezi afatanya n'abana guhitamo igicirocy'ibintubitewe n'uburemereibirimo, uburebure, agaciro, n'ibindi. Ibi byose ni ingenzi mu mibare.

- d. Intambwe ya 4: Gukina umukino

Mu ntangiriro, umurezi aba umucuruzi naho abana bakaba abaguzi. Hakurikiraho ko abana baba abacuruzi naho umurezi akaba umuguzi. Nyuma, abana bakina bonyine mu iduka: Bamwe bagacuruza abandi bakagura. Umurezi ashishikariza abana kureba ko ibintu byose byishyuye neza.

Umwana w'imyaka 3	Umwana w'imyaka 4	Umwana w'imyaka 5
Abana bagurana ikintu 1 ikarita 1. Urugero: Baha umucuruzi ikarita y'umuhondo na we akabaha igikarito cy'icyayi.	Abana baagura ikintu 1 kandi bishyura amafaranga akwiye bakoresheje isano ya 1 - 1. Mu rwego rwo gufasha abana, ushobora gushyira ku meza ikarita iriho utudomo kugira ngo abana bashyire ikibarisho (cyangwa ikarita) kuri buri kadomo.	Abana bashobora kugura ibintu 2 cyangwa byinshi icyarimwe maze bakishyura igiteranyo. Ikibarisho (abacus) cyangwa ikaramu y'igiti n'urupapuro cyangwa ikarita ifite utudomo 10 bishobora kwifashishwa mu guteranya amafaranga yo kwishyura. Ku bana b'imyaka 5, hashobora kongerwamo ko umucuruzi yaguriza amafaranga umukiriyaagarurira umukiriya.



e. Intambwe ya 5: Gusuzuma umukino

Umurezi n’abana bashobora kuganira ku mukino wabo.

Umwana w’imyaka 3	Umwana w’imyaka 4	Umwana w’imyaka 5
Bashobora kuvuga ibyo barimo mu gihe bakina umukino.	Umurezi ashobora kubabaza ibyo baguze cyangwa niba hari amafaranga basigaranye.	Umurezi ashobora kumenya amafaranga basigaranye n’ikindi kintu bashobora kugura. Abana baba bafite igitekerezo cyo kwagura iduka no kurigira ryiza kurushaho? Abana ubwabo bashobora kandi gukora ibintu byo gucuruza cyangwa bakajya kubishaka.

Igikorwa cya 13:

Inguni y’ubucuruzi

- Witeguye gukina umukino wa butiki n’abana mu ishuri? Itegere mutangire.
- Byagenze bite?
- Ni iki wakora mu bundi buryo?

Ikitonderwa: Twagendeye ku myaka hano kugira ngo dutandukanye inzego z’imikurire y’umwana. Abana bakura ku bipimo bitandukanye (urugero: Abana bamwe biga kugenda bafite amezi 10, abandi ku mezi 18). Urwego ntirugaragazwa n’imyaka. Umurezi agomba kugendana n’izo nzego zitandukanye, ashyira abana bahuje urwego mu itsinda rimwe.



Ifito ya 60 - Ingoni y’isoko mu bikorwa

4.2. Ubumenyi ku bijyanye no gupima no kugereranya

Igikorwa cya 14:

Gupima

- Ni ibihe bikorwa ukora muri iki gihe bijyanye no gufasha abana kugira ubushobozi mu gupima?
- Gupima bisobanuye iki?
- Ese umuntu abitoza abana ate?

Abana barangije amashuri y'inshuke bagomba kuba bashobora:

1. Gutoranya no gushyira ibintu mu matsinda bakurikije ibigenderwaho bahawe nk'amabara, amashusho, imikoreshereze, imiterere, n'ibindi.
2. Gukoresha amagambo akwiye mu gihe bagereranya ibintu cyangwa babitondekanya bakurikije uburebure bwabyo, uburemere, ingano n'ubunini.
3. Gutandukanya iminsi y'icyumweru no kubahiriza gahunda y'ibikorwa bya buri muni hamwe n'ingengabihe y'icyumweru haba mu rugo no ku ishuri;
4. Gutondeka ibyabaye ukurikije igihe byabereye. Urugero: ejo twashushanyije imodoka; uyu muni twize indirimbo, ejo tuzakina umupira w'amaguru.
5. Kugaragaza ko bazi agaciro k'amafaranga bayakoresheya kandi bayafata neza.
6. Gupima ibintu bakoresheje uburyo gakondo (urugero: intambwe, ibirenge, ibiganza) batarenza inshuro 10; REB, 2015)

4.2.1. Iby'ingenzi abana bakeneye kumenya

1. Gukora ibirundo

Gukora ibirundo ni iki?

Ni ugushyira ibintu mu matsinda manini cyangwa mato ugendeye ku bibiranga. Ni ngombwa kubasha gusobanura impamvu yabyo. Urugero: abana bambaye amajipo bahagarare imbere, abana bambaye amakabutura bahagarare inyuma.

- Ibirango byifashishwa bishobora kuba byiza (kuba ikintu gihari) cyangwa bibi (kuba ikintu kibura, urugero: Amacupa adafite imifuniko). Tangira kuvuga ibintu bibura (urugero: Kubura kw'ikintu) ku banyeshuri bitegura gusoza amashuri y'inshuke.
- Abana bashobora kubanza gutondeka ibintu batagaragaje neza ibibiranga bagendeyeho.
- Rimwe na rimwe abana bato bava ku kintu kiranga bajya ku kindi mu gihe batoranya (urugero: Kubanza gutoranya bagendeye ku ibara, hanyuma bakagendera ku ishusho cyangwa ubunini)

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Tegura ibikoresho bishobora gukora ibirundo. Buri gakarito karimo ibikoresho by'ubwoko bumwe bishobora gukora ibirundo. Abana bato bashobora gukoresha ikirango kimwe (urugero: amacupa y'amazi mato n'amanini asa). Abakuze bashobora gukoresha ibiranga bibiri (urugero: Amacupa y'amazi mato n'amanini asa ariho imifuniko y'amabara atandukanye; amababi manini n'amato ku giti kimwe ...).
- Gukora ibirundo bifasha gukura mu mitekerereze - **baza ibibazo maze uvuge** ku byo abana barimo gukora



Ifoto ya 61 - Igikarito kirimo ibikoresho bishobora gukora ibirundo bagendeye ku biranga bitandukanye. Gifite amashusho ngero 4, amabara 3, ibinyamubyimba 2. Ukeneye ibintu 48 byose hamwe (4 x 3 x 2 x 2).



Ifoto ya 62 - Ibikoresho wakoze ubwawe byo gukora ibirundo. Gifite amabara 4 ((ubururu, icyatsi, umuhondo, umutuku), imibare 4 (1, 2, 3, 4), ubunini 2 (ibinini n'ibito), uburebure 2 (kigufi, kirekire). Ukeneye ibintu 64 byose hamwe (4 x 4 x 2 x 2).

Igikorwa cya 15:

Gutondeka

- Teganya ibikoresho byo gutondeka. Byavamo uwuhe mukino? Wutekerezeho uwunozze maze ukusanye ibikoresho
- Fata ishusho maze uyisangize bagenzi bawe.


2. Gutondeka

Gutondeka ni iki?

Ni gukora umurongo w' ibintu ugendeye ku kirango kigenda gihinduka. Urugero: guhera kuri bike ujya ku byinshi, ku byoroshye ujya ku biremereye, kuva ku kigufi ujya ku kirekire cyangwa ushingiyeye ku gaciro k'umubare gashobora kwiyongera cyangwa kugabanuka (urugero: kuva ku gito ujya ku kinini cyangwa kuva ku kibyibushye ujya ku kinanutse).

- Abana bato bakenera ibintu bifite itandukaniro rigaragara; abana bakuze bashobora kubona itandukaniro rito.
- Mu bikorwa byo gutondeka ushobora **kwinjiza mu isomo amagambo** yerekana urukurikirane. Urugero: *icya mbere, icya nyuma, icyo hagati*. Ku bana bakuze koresha n'amagambo nka: *kibanziriza icya nyuma, icya kabiri uturutse inyuma* (kugeza ku 10);
- Reka abana batondeke uko bashaka (urugero: gutondeka imbuto bakurikije uburyohe: izo bakunda cyane/buhoro.)

Ifoto ya 63 - Urupapuro rwo gukoreraho. Abana bahuza inzovu iruta izindi n'akadomo karuta utundi.




Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Kora ibikarito byo gutondeka. Buri gakarito karimo ibikoresho bishobora gutondekwa. Urugero:



Ifoto ya 64 - Amacupa yo gutondeka: abana batondeka amacupa bahereye ku ririmo ubusa kugera ku ryuzuye.



Ifoto ya 65 - Urugero rw'igikorwa kigenewe abana bakuru ku rupapuro. Inyenyeri iruta izindi ni iyihe? Zitondeke ukurikije uko zirutanwa.

- Koresha ubu bumenyi mu nguni y'ubucuruzi: tondeka ibintu uhereye ku bihendutse ujya ku bihenze.
- Tondeka ibitabo uhereye ku bito ujya ku binini.

Igikorwa cya 16:

Gutondeka

- Tekereza ibikoresho byo gutondeka. Byavamo uwuhe mukino? Wutekerezeho uwunoze maze ukusanye ibikoresho
- Fata ishusho maze uyisangize bagenzi bawe.

3. Kuzirikana

Abana bato bakeka ko ibintu bitubuka iyo bigaragajwe mu yindi shusho. Urugero:



Ifoto ya 66 – Gusuzuma uburyo abana bazirikana. Umwana abona ko mu birahure bibiri harimo ibintu bingana (intambwe ya 1). Ibiri mu kirahure kimwe bigasukwa mu kirahure kirekire, gifunganye (intambwe ya 2) umwana abireba. Umurezi abaza umwana ikirahure kirimo amazi menshi kurusha ikindi (intambwe ya 3). Umwana atekereza ko ikirahure kirekire ari cyo kirimo amazi menshi. Ni nako bigenda ku muguzi. Umwana ashobora gutekereza ko umuguzi urambuye usumba umuguzi uzinze. Aba bana baba bataramenya kuzirikana.

Kuzirikana ni iki?

Kuzirikana ni gusobanukirwa ko ingano idashingiye ku miterere y'ahantu, ku ishusho y'ikintu, ku ibara cyangwa ku ntera.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

Reka abana bakine bifashishije ibikoresho, bareke babare cyangwa bapime ibikoresho bigaragara mu buryo butandukanye. Ibi bibafasha kuvumbura iri hame.

- Amazi, umucanga, ameza. Tanga ibikombe n'amacupa binyuranye byo kuzuza no kumaramo ibyashyizwemo.
- Inguni yo kubaka: Tanga amatafari akoze mu giti (urugero: amacupa y'amata) hanyuma ureke abana babitondeke mu makarito, cyangwa bakore ikirundo.

Igikorwa cya 17:

Kuzirikana

- Tekereza ibikoresho byo gutondeka. Byavamo uwuhe mukino? Wutekerezeho uwunoze maze ukusanye ibikoresho
- Fata ishusho maze uyisangize bagenzi bawe.

4.2.2. Wakangurira ute abana kumenya gupima no kugereranya?

Mu mashuri y'inshuke, abana ntibakeneye gukoresha ingero zo gupima (urugero: Santimetero, kiogarama ...). Bakeneye gukoresha ibipimo bisanzwe nyuma bagatangira gukoresha **amagambo** akoreshwa mu gupima. Gupima bishimangira imikurire mu mibare. Ni ngombwa kureka abana bato bagakora ibikorwa byinshi byo gupima no kugereranya.

Igikorwa cya 18:

Gupima no kugereranya

- Ni gute wigisha abana gupima no kugereranya?
- Ese ushobora gusangiza abandi umuteguro w'isomo cyangwa igikorwa cyo gupima no kugereranya?
- Ese wigisha gupima no kugereranya mu bindi bikorwa cyangwa mu bindi byigwa? Gupima no kugereranya bikorwa?

1. Ibikorwa byo gupima no kugereranya

Ikitonderwa: Muni turakoresha amagambo "muto" na "mukuru". Ibi ntibivuze imyaka ahubwo ni intambwe y'imikurire. Abana bakura ku bipimo bitandukanye (urugero: Abana bamwe biga kugenda bafite amezi 10, abandi ku mezi 18). Urwego ntirugaragazwa n'imyaka. Umurezi agomba kugendana n'izo nzego zitandukanye. Guhuriza abana bahuje urwego mu itsinda rimwe byafasha.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

Abana bato

Abana bakeneye gukoresha ibikoresho bitandukanye (binyuranye mu bunini, imiterere, uburemere, ...)

- Abana bashobora gukina bifashishije amacupa yuzuye cyangwa arimo ubusa, kuzuzwa ibikarito birimo ubusa hanyuma bakagerageza kubyimura, gupima uburebure bw'igitambaro cyangwa umugozi, kuzuzwa inkono bashyiramo ibikombe by'umucanga (bitandukanye mu bunini), gutwikira ahantu bakoresheje impapuro, amababi, n'ibindi. bitandukanye mu bunini.
- Abana bato batangira kumva neza inshoza z'ibintu by'ibanze nka: *Cyuzuye - kirimo ubusa, kiremereye - kitaremereye, kigari - gifunganye, cyo hasi - cyo hejuru, gito - cyagutse kandi kigufi - kirekire*
- Reka abana bagereranye umubare w'ibintu cyangwa imiterere yabyo hanyuma babitondeke (urugero: Imiterere, ibara, uburemere, ibiyumvo, amajwi....)



Ifoto ya 67 - Muri uru rugero, abana bapima uburebure bw'igitambaro bagereranya n'umurongo w'umutuku uri kuri buri gikarito. Bashyira igitambaro mu gakarito bijyanye.

Abana bakuru

- Binyuze mu gutondeka ibintu bitandukanye buhoro abana babasha kubona aho bitaniye.
- Hari ukuntu abana bakuze bavumbura isano iri hagati y'ibintu binyuze mu kubigereranya. Urugero: "Agnes asumba Fred", "aka gakarito koroshye kurusha kariya".
- Koresha amagambo nka: *kirekire kurusha- kigufi kurusha, kiremereye kurusha – cyoroshye kurusha, kinini kurusha – gito kurusha ...*
- Koresha amagambo nka: *Kigufi kurusha ibindi, kiremereye kurusha ibindi, cyoroshye kurusha ibindi ...*
- Tondeka ibintu ukurikije ubunini cyangwa uhereye ku kijimye ujya ku gikeye, ku gishyushe ujya ku gikonje, ku kiriyoshye ujya ku kitaryoshye.



Ifoto ya 68 - Uyu ni umwitozo ukomeye wo gutondeka usaba kwitonda no gutekereza: ni amakaramu y'igiti menshi agomba gutondekwa kuva ku ngufi ujya ku ndende.



Ifoto ya 69 - Abana bapimanye maze berekana ku rukuta uburebure bwabo. Buri mwana yashyizeho izina cyangwa ikimenyetso cyangwa akarongo cyangwa umurongo kugira ngo yerekane uburebure bwe.

- Uzuzwa imyanya yo ku gishushanyo ukoresheje impapuro, tampo, irangi ...
- Gutoza abana gusobanukirwa inshoza nka: *Igice, kitananutse cyane, kigari nka.*
- Bashobora kandi kurebera icyarimwe ibiranga byinshi. Urugero: *Iki gitabo ni kinini kuruta icyo ariko ni gito kuruta ikingiki.*

Gupima nyirizina:

- Koresha ibipimo byoroheje nka:
 - o Intambwe ngufi n'indende mu gupima ubunini bw'ishuri: Intambwe ndende zingaha/intambwe ngufi zingaha)?
 - o Kuri tapi ntoya hakwirwaho abana bangahe? Hajyaho ibipupe bangahe (cyangwa impapuro)?
 - o Muri iri cupa hajyamo ibikombe bangahe by'umucanga (ibikombe bito/ibikombe binini)?
 - o Aya meza yatwikirwa n'impapuro zingaha?
 - o Iki gikinisho gipima kimwe n'amatafari akoze mu giti angaha?
- Koresha ingero zisanzwe zatoranyijwe n'abana. Urugero: gupima icyumba cy'ishuri bakoresheje intambwe ndende cyangwa ngufi, gupima bakoresheje umunzani ukoze muri porutemanto (portemanteau), gufatisha impapuro zikase zirutanwa ubunini ku gipurizo ...
- By'umwihariko ku bana b'inshuke bakuze, tangira kubamenyereza ibikoresho byo gupima (bikoreye ubwabo)
- Ku bijyanye n'ubuso, gutwikira ni bwo buryo bukwiye: dukeneye ibitambaro bangahe byo gutwikira iyi mbonerahamwe?



Ifoto ya 70 - Umunzani abana bikoreye ubwabo muri porutemanto. Ni iki kiremereye kurusha ikindi hagati y'urukweto n'igikinisho?



Ifoto ya 71 - Abana bashobora gupima ubwabo, bakoresheje ingero zisanzwe (urugero: bakoresha imineke). Mu ishuri hari umwana urusha uburebure imineke 6? Cyangwa upima munsu yayo?



Ifoto ya 72 - Iri cupa n'andi macupa bipimwa hifashishijwe urugero rusanzwe. Hano hakoreshejwe itafari ribaje mu giti.




Ifoto ya 73 - Ibikoresho byo gupima bikoreye.



Ifoto ya 74 - Gupima umubyimba wa buri mwana, bakoresheje ingero zisanzwe nk'amatafari abaje mu giti. Hakenewe amatafari abaje mu giti angahe kuri buri mwana?

- Shyira ibintu byo gupima mu nguni zinyuranye: ibitekwa mu gikoni, urutonde rw'ibiciro by'amafunguro mu nguni iyo gukina bigana igihe abana bigana abacuruzi ba resitora ...
- Tangira kwigisha abana bakuru n'abo mu wa 1 ibimenyetso $>$, $=$, $<$ mu buryo bushimisha gusa: ingona ishonje irya buri gihe ikiruta ibindi cyangwa ntirya iyo bigana (= ni umunwa ubumbye):



Ifoto ya 75 – Gutangira kwigisha ibimenyetso nka $<$, $>$ na $=$ mu buryo bwo gukina. Ingona irashonje kandi buri gihe ni yo irya ibyinshi.

Kugereranya:

- Mu gupima, abana bashobora kandi kwitoza kugereranya: mbere yo gupima, baza abana inshuro z'igipimisho ziva mu cyo bapima ("Ukeka ko ishuri ryacu ripima intambwe zingahe?").
- Ushobora kubaza n'ibindi bibazo nka "kuki wumva harimo cyangwa haravamo izo nshuro?"
- Nyuma yo gupima nyirizina, gereranya ikigereranyo n'ibipimo hanyuma ubaze ibibazo nka "ni kinini/gito kurushaho, byinshi/bike kurushaho?", n'ibindi...

Igikorwa cya 19:

Gupima

- Ni iki gishya cyagufashije muri iki gice?
- Ni iki wifuza kugerageza?
- Kusanya ibikoresho bikenewe hanyuma utangire gukora igikoresho wahisemo.
- Uzakoresha ute icyo gikoresho?
- Fata amashusho maze uyasangize bagenzi bawe.

Igikorwa cya 20:

Gupima

- Ubona hari uburyo bwo kwinjiza ibikorwa byo gupima no kugereranya mu bindi byigwa?
- Bikorwa bite?

2. Kubara igihe

Igihe ni inshoza itoroshye kumva. Ntushobora kubona cyangwa gufata igihe. Kumva igihe bigenda biza uko umwana akura. Tugomba guha abana uburyo bwo kumenya igihe no kugisobanukirwa.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Koresha kalendari mu bikorwa bya buri muni: reba 2.2.2 na 2.6.1 aha hagomba kuba ahari ishusho itagaragara
 - o Kalendari y'umunsi: kurikirana ibikorwa bya buri muni
Ku bana bakuze hashobora gukoreshwa kalendari irimo gahunda nyinshi. Abana bakuze bashobora gutangira gutozwa kubara isaha. Ushobora gushyira isaha muri kalendari rwagati.
 - o Kalendari y'icyumweru: kurikirana iminsi y'icyumweru.
 - Buri muni urangwa n'ibara, ikimenyetso n'umubare byihariye.
 - Abarezi bigisha mu mashuri y'inshuke ku kigo kimwe bagomba gukoresha ibimenyetso bimwe, amabara amwe.
 - Ku bana bakuru: ongeraho izina ry'umunsi.
 - o Kubara iminsi isigaye: kubara iminsi isigaye mbere y'ibirori, isabukuru, umunsi mukuru, gutangira ibiruhuko.
- Kora igikoresho cyo kubara igihe: Iki gikoresho gifasha guhuza ibintu bibiri. Kimwe cyuzuye umucanga. Iyo ugicuritse hejuru y'ikindi ukabihuza, umucanga ugenda umanuka bukebuke ujya mukidacuritse byahujwe. Kugirango igicuritse gishiremo umucanga, bifata igihe runaka. Ibi bishobora gukoreshwa ugafasha abana kureba igihe byafashe. Kandi byakoreshwa mu



kugaragaza igihe igikorwa runaka kimara (urugero: Ushobora kubwira abana uti: “ Igikoresho gicuritse nigishiramo umucanga, turahagarika igikorwa turimo gukora”) .

- Fata amacupa abiri ya palasitike angana arimo ubusa.
- Tobora umwenge hagati mu mufuniko wa buri cupa.
- Koresha kore (colle) ufatanye imifuniko iteranye umugongo.
- Shyira umucanga muri rimwe muri aya macupa.
- Fatisha amacupa yombi ku mifuniko.
- Igihe umaze gutegura igikoresho cyo kubara igihe babara gishobora guhinduka bitewe n’ubunini bw’umwenge hamwe n’ingano y’umucanga.



Igikorwa cya 21:

Nyuma yo kugerageza ibikorwa binyuze mu mikino ifasha abana gutera intambwe ikurikira mu kumva ibijyanye no gupima no kugereranya, tekereza ku bintu bikurikira:

- Wagerageje iki? Wakoze ibihe bikoresho?
- Igikorwa cyawe gifitanye isano n’ubuho bushobozi bw’ingenzi?
- Byagenze bite? Abana babyakiriye bate? Ese bigaga koko? Bashoboye kubyikoresha ubwabo?
- Ni iki wifuza guhindura mu mikoreshereze y’ibikoresho n’igikorwa?

Ubumenyi shingiro ku bijyanye no gupima no kugereranya Kubijyanye na buri mwaka w’ishuri

Mu mwaka wa 1:

- Gutoranya no gukora ibirundo by’ibintu bihujye ibibiranga ukurikije ibigenderwaho byatanzwe.
- Kugereranya ibintu bibiri ugendeye ku burebure n’ubunini bwabyo.
- Gukora ibikorwa mu gihe byagenewe no gukoresha indamutso zijyanye n’ibihe bitandukanye by’umunsi.
- Gutandukanya amafaranga n’ibindi bintu no kuvuga akamaro k’amafaranga.

Mu mwaka wa 2:

- Gutoranya no guhuza ibintu bakurikije nibura ibintu bibiri bigenderwaho bihitanyemo.
- Kugereranya nibura ibintu 3 bitandukanye ukurikije uburebure, ubuhagarike, ubunini, ingano no kubitondeka.
- Kuvuga iminsi y’icyumweru no gukoresha neza imigereka y’igihe nka: Ejo hashize, uyu munsi n’ejo hazaza.
- Gutandukanya ibiceri n’inoti no gukoresha amagambo ajyanye n’amafaranga akoreshwa n’abacuruzi n’abaguzi.

Mu mwaka wa 3:

- Gutondeka ibintu bisa bakurikije nibura ibintu bibiri bigenderwaho bihitiyemo.
- Gutondeka nibura ibintu bitatu bitandukanye bakurikije uburebure, ubuhagarike, uburemere, ingano n'ubushobozi.
- Gutondeka ibikorwa byabo bya buri muni n'iby'icyumweru no kugaragaza imyitwarire ikwiye bubahiriza gahunda y'ibikorwa buri muni.
- Kugura ibintu ukoresheje amafaranga atarenze 100; kuvuga akamaro k'amafaranga n'uburyo bwo kuyabungabunga.

(REB, 2015)

Ku mugereka wa 4 urahasanga urugero rw'umuteguro w'isomo ku gikorwa cyo gupima.

4.3. Ubumenyi ngiro mu mashusho ngero

Ubumenyi ngiro mu mashusho ngero bujyanye no kumenya imiterere (uruziga, mpandenye ndinganire ...), urukurikirane rw'ibintu (gusubiramo ikintu nka AABAAB cyangwa umuhondo umuhondo umutuku umutuku umuhondo umuhondo umuhondo umutuku umutuku), ikerekezo (ibumoso, hejuru, hepfo ...) no kwerekana ikerekezo.

Igikorwa cya 22:

Amashusho ngero, uruhererekane rwisubiramo n'amerekezo

- Ni ibihe bikorwa ukora muri iki birebene n'amashusho ngero, uruhererekane rwisubiramo n'amerekezo?
- Amashusho ngero, uruhererekane rwisubiramo, amerekezo ni iki?
- Ese umuntu abyitoza ate?

Abana barangije amashuri y'inshuke bagomba kuba bashobora:

1. Gutandukanya amashusho ngero (urukiramende, mpandeshatu n'uruziga) no gukoresha neza indangahantu n'ibyerekezo kugira ngo avuge aho we ubwe ari cyangwa aho ibintu biri.
2. Gukomeza urukurikirane rw'ibintu bagendeye ku rugero rwatanzwe. (REB, 2015)

4.3.1. Amashusho ngero

Abana barushaho gusobanukirwa inshoza y'amashusho ngero iyo bayakoresha kenshi mu mikino biyoboyemo kandi bakayashakisha hirya no hino aho batuye. Batangira kubona itandukaniro mbere y'imyaka 4, cyane cyane itandukaniro riri hagati y'urukiramende n'ishusho ya muviringo. Nyuma, batangira kwita ku bintu bito biranga amashusho kandi bakamenya ururimi rwo kubisobanura.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Reka abana bakore ibikorwa byo gukina bakoresheje amashusho ngero atandukanye kandi bayagereranye.
 - o Koresha amashusho atandukanye. Urugero: mpandeshatu ifite impande 2 ndende n'urundi rumwe rugufi cyangwa inguni irengeje 90°. Genda uhindura ibyerekezo amashusho arebamo (si ngombwa amashusho areba hasi gusa).



Ifoto ya 76 - Mpandeshatu zitandukanye zifite inguni zigiyeye zirutana kandi zireba mu byerekezo bitandukanye.

- Ereka abana amashusho atari ingero, kugira ngo urusheho kugaragaza ibintu byangombwa biyaranga (urugero: Bereke mpandeshatu ifite impande zihese cyangwa inguni za muviringo).
- Iyo usobanura ibiyaranga: zirikana guteza imbere ubushobozi bwo kubara. Abana bato cyane bashobora kunanirwa kubara impande/inguni ...
- Gushakisha amashusho: Ni he twabona urukiramende mu ishuri ryacu? Ese hari ingero z'uruziga dufite mu ishuri?
- Kangurira abana kujya bamenya amashusho y'ibintu igihe bahuye na byo mu nzira bataha.



Ifoto ya 77 - Gushakisha amashusho aho dutuye bidufasha kubona ingero zishimishije: hano dufite urusengero rufite amashusho menshi anyuranye.

Igikorwa cya 23:

Amashusho ngero


- Ni iki wifuza kugerageza?
- Ubona uburyo bwo kwinjiza ibikorwa by'amashusho ngero mu bindi byigwa?
- Ubigenza ute?

4.3.2. Uruhererekane rwisubiramo


Uruhererekane rwisubiramo ni amashusho yagenewe gukoreshwa mu kubara. Abana bagomba kubona aho amashusho atandukaniye n'aho ahuriye. Ubushobozi bw'abanyeshuri mu guhindura insanganyamatsiko bava ku kubara ibintu kimwekimwe bakagera aho bamenya imiterere y'itsinda ry'ibintu ni ingirakamaro mu mizamukire y'ubumenyi bwabo mu kubara.

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Ku bana bato cyane, tangirira ku ruhererekane rwisubiramo rworoshye cyane nko gushyira ku rudodo amasaro ahuje ibara; gutondekanya amatafari abaje mu giti ku rusika rutambitse)
- Tanga umwitoto urushijeho gukomera ugizwe n'impererekane zisubiramo zoroshye (ABABA...)
- Reka abana bakomeze gukora uruhererekane rwisubiramo rurushijeho gukomera banihimbire uruhererekane rwabo.
 - o ABC (ivatiri, ikamyo, indege, ivatiri, ikamyo, indege)
 - o AABB (ikaramu y'igiti y'ibara, ikaramu y'igiti y'ibara, ikaramu y'igiti isanzwe, ikaramu y'igiti isanzwe, ikaramu y'igiti y'ibara, ikaramu y'igiti y'ibara, ikaramu y'igiti isanzwe, ikaramu y'igiti isanzwe)
 - o AAB (Umwembe, Umwembe, Umuneke, Umwembe, Umwembe, Umuneke)
 - o ABB (kandagira cyane, koma amashyi, koma amashyi, kandagira cyane, koma amashyi, koma amashyi)



Ifoto ya 78 - Uruhererekane rwisubiramo rugizwe n'amatafari: kibe y'umuhondo, kibe y'umutuku, umwiburungushure w'ubururu



Ifoto ya 79 - Uruhererekane rwisubiramo rukeneye kuzuzwa: Ni iyihe shusho yagombye kuba ahari umurongo utukura? Reka abana barangize buri gice cy'uruhererekane rwisubiramo. Ongeramo ishusho igomba kubamo



Ifoto ya 80 - Uruhererekane rwisubiramo ku myenda

- Erekanwa impererekane zisubiramo ubona hafi yawe, urugero: Imyenda
- Kora igikorwa kirimo uruhererekane rwisubiramo. “Reka dukore uruhererekane rwisubiramo mu buryo **tugenda**. Simbuka. Tera intambwe. Simbuka. Tera intambwe.
- Kora uruhererekane rwisubiramo rw’amajwi wifashishije ibikoresho by’injyana. Vuza cyane, vuza buhoro, vuza buhoro, vuza cyane, vuza buhoro, vuza buhoro. Tangira ukora uruhererekane rwisubiramo maze ubwire umwana agende akwigana.
- Kora impererekane zisubiramo zitandukanye wifashishije imifuniko y’amacupa
- Kora uruhererekane rwisubiramo wifashishije amatereyi y’amagi.



Ifoto ya 81 - Amatereyi y’amagi ni meza cyane mu gukora impererekane zisubiramo z’imifuniko y’amacupa

- Kora uruhererekane rwisubiramo wifashishije ibikoresho ukura mu bintu bigukikije n’ibikoresho byo mu rugo bisanzwe
- Kora uruhererekane rwisubiramo rw’ibiceri by’amafaranga

Uruhererekane rwisubiramo rw’imifuniko y’amacupa ifatanyijwe n’umugozi rukorwa rute?

- Kusanya imifuniko y’amacupa myinshi ishoboka maze uyipfumure hagati
- Fata umugozi maze uzirikire hamwe imifuniko igize uruhererekane rumwe (urugero, ku bana bato cyane: imifuniko 2 y’ubururu, imifuniko 2 y’umutuku; ku bana bakuru: icyatsi kibisi-ubururu-umutuku-umutuku). Pfundika umugozi kugira ngo imifuniko itava ku ruhererekane ntangarugero.
- Ha abana agakarito karimo imifuniko y’amacupa n’akandi karimo imigozi iriho impererekane zisubiramo zo kureberaho ari na zo abana bashobora guhitamo. Huza ingorane n’ikigero cy’abana.



Ifoto ya 82 - Uruhererekane rwisubiramo rwakozwe hifashishijwe imifuniko y'amacupa iboneka iwacu: icyatsi kibisi-ubururu-oranje-umutuku-icyatsi kibisi ni uruhererekane rwo gutangiraho amabwiriza (rukomejwe n'ipfundo); noneho abana bagasubiramo urwo ruhererekane.

Igikorwa cya 24:

Uruhererekane rwisubiramo

- Ni iki wifuza kugerageza?
- Ese ubona hari uburyo bwo kwinjiza ibikorwa by'uruhererekane rwisubiramo mu bindi byigishwa?
- Byakorwa bite?

Igikorwa cya 25:

Uruhererekane rwisubiramo

- Ese wakora uyu mwitoto w'uruhererekane rwisubiramo? Tondekanya amabara ane ku buryo, buri bara riza inshuro imwe kuri buri rusika rutambitse Buri bara riza inshuro imwe mu gace kagizwe na mpendenye ndinganire enye
- Ese ibi abana bawe babikora? Shushanya uru ruhererekane rwisubiramo ku rupapuro. Fatisha imifuniko igize uruhererekane ku rupapuro. Ha abana imifuniko y'amabara akwiye maze bayishyire mu myanya irimo ubusa.

■		■	■
	■	■	
	■	■	■
■		■	

4.3.3. Kuyobora no kuranga

Kugira ngo abana bamenye ikerekezo bitangirira aho bari. Batangira kugenda bamenya imbago n'inzira (urugero: Uko baja kwituma). Koresha abana ibikorwa bijyanye n'ikerekezo bibafasha kugenda biyumvisha icyo amagambo nka "munsi", "inyuma" ...asobanuye. Sobanura mu magambo aho mugiyeye ("turatangira tujya imbere, noneho dukatire ibumoso") cyangwa aho ikintu gihereye (muragisanga mu gikarito ku mpera z'ikirundo)

Ingero z'ibikorwa binyuze mu mikino:

- Tegura isiganwa ririmo inzitizi mu ishuri cyangwa hanze: Sobanura icyo abana basabwako gukora kunyura mu ipine, gusimbuka ibirundo by'ibyatsi...



Ifoto ya 83 - Isiganwa ry'abana ririmo inzitizi zakozwe hifashishijwe ibikoresho biboneka iwacu.


- **Kwihishana no gushakashakana:** Reka abana bamwe bihishe, abandi bage kubahishura wari wihishe munsi y'ameza", inyuma y'urugi
- **Gushakisha ibyahishwe:** Hisha ikintu mu ishuri abana bagishakishye
- **Hagarara-Genda:** Abana ni nka robo. Bashobora kugenda ari uko bahawe amabwiriza cyangwa babitegetswe na mudasobwa. Amabwiriza ashobora gutangwa n'imyamba n'ibimenyetso nka "↑ = intambwe 1 imbere", "→→ = intambwe 2 iburyo". Ibi bitegura abana kuba bakora ibikorwa byoroshye bijyanye no gukoresha za kode, nk'ibyo muri sikarace (Scratch).
- Fata urugendo maze usobanure neza aho ugiye.
- **Udukarito tuyobora:** Abana babiri bafite udukarito tubiri tumeze kimwe kandi dutatse, urugero: Nk'inzu. Umwana A n'Umwana B bicaye umwe imbere y'undi. Buri mwana afite agakarito imbere ye. Umwana A ashya igipupe mu cyumba. Umwana A asobanurira umwana B aho icyo gipupe gihereye mu cyumba. Undi agomba kugerageza gushyira

igikinisho aho ngaho havuzwe. Niwitegura ugereranye aho ibipupe byashyizwe urebe ko byakozwe neza. Ishusho iraburamo




Ifoto ya 84 - Agakarito kayobora. Kora udukarito tubiri tumeze kimwe maze ureke abana bakine mu matsinda ya babiri babiri, buri wese afite agakarito imbere ye, ariko adashobora kubona agakarito ka mugenzi we.

- Gutekereza **uko ikintu cyagaragara ukirebeye ahandi**
 - o Abanyeshuri bakuru: shushanya igikoresho uhereye hejuru. Imodoka igaragara ite uyirebeye hejuru? Naho ijage?
 - o Ahantu umwana ashobora kugeza amaso mu bikorwa arimo gukora (reba 2.6.2.): Reka abana bahagarare ku mpande zitandukanye z'isi. Umwana A ahe umwana B amabwiriza ajyanye n'uburyo bwo kwimura iyo modoka.




Ifoto ya 85- Gufata ikerekezo mu gihe ukinira mu isi ntoya: umwana A yereka umwana B uko yimura imodoka cyangwa ikamyo.

- Inguni yo **kubaka**: Gukina wifashishije amatafari
 - o Kora inyubako nurangiza ukore imbata y'iyonyubako
 - o Kora inyubako ukurikije imbata:
 - Imbata yerekana ingano nyayo igaragaza buri tafari rigize inyubako
 - Imbata yerekana ingano nyayo ariko itagaragaza buri tafari rigize inyubako
 - Imbata ni ntoya ugereranyije n'amatafari nyayo



Ifoto ya 86 - Imbata yerekana ingano nyayo igaragaza buri tafari rigize inyubako





Ifoto ya 87 - Imbata yerekana ingano nyayo ariko itagaragaza buri tafari rigize inyubako



Ifoto ya 88 - Imbata ni ntoya ugereranyije n'amatafari nyayo

- **Kubangikanya ibisa:** (abiga bakuru): Saba abiga kurangiza igishushanyo mu buryo busa.



Ifoto ya 89 - Ibikorwa ku kubangikanya ibisa: kurangiza igishushanyo mu buryo busa.

Igikorwa cya 26:


Kuyobora no kuranga

- Ni iki wifuza kugerageza?
- Ese ubona hari uburyo ibikorwa bijyanye no kuyobora byashyirwa mu bindi byigwa?
- Byakorwa bite?

Igikorwa cya 27:

Uruhererekane rwisubiramo no kwerekana uko ibintu bikorwa

- Kora uyu mwitoto wo kwerekana uko ibintu bikorwa Fata amatafari yo kubakisha (nk'udukarito tw'amata) maze wubake umunara ukurikije amabwiriza.
- Ibi abana bawe babikora?



Igikorwa cya 28:

Nyuma yo kugerageza ibikorwa bimwe na bimwe binyuze mu mikino ifasha abana bawe gutera intambwe ikurikira mu bumenyi bw'amashushongero, tekereza kuri ibi bintu:

- Ni iki wagerageje? Ni ibihe bikoresho wakoze?
- Abana babyakiriye bate? Ese barimo kwiga? Ese bashobora kubyikoresha?
- Ni iki ubona gikwiye guhinduka mu bijyanye n'imikoreshereze y'ibikoresho n'igikorwa ubwacyo?

Ubumenyi bw'ingenzi mu mashushongero hakurikijwe ibyiciro

Mu mwaka wa 1:

- Kuvuga aho ibintu biri ukoresheje indangahantu zikwiye

Mu mwaka wa 2:

- Kugaragaza aho ibintu biri/abantu bari ukoresheje indangahantu zikwiye
- Gukora amashusho y'urukiramende, mpandeshatu n'uruziga wifashishije ibikoresho bitandukanye
- Kuvumbura uruhererekane rwisubiramo mu buryo ibikoresho wahawe bitondekanyije no gukomeza urwo ruhererekane rwisubiramo ukurikije urugero wahawe.

Mu mwaka wa 3:

- Gushushanya, kubaka no kuvuga kuri mpandenye ndinganire, mpandeshatu n'uruziga.
- Gukoresha indangahantu zikwiye mu kugaragaza aho ibintu biri cyangwa aho abantu bari no gukoresha indangahantu n'uburyo bwo kuyobora mu myitoto yo kwandika no gusoma no mu buzima bwabo bwa buri muni.
- Gukora uruhererekane rwisubiramo bihitiyemo bahereye ku rworoshye baja ku rukomeye cyangwa gukurikiza urugero rw'umurezi; kubona uruhererekane rwisubiramo mu buzima bwabo bwa buri muni: Umunsi/ijoro, ingengabihe za buri muni, amabara y'imyenda, n'ibindi (REB, 2015)

Ku mugereka wa 4 urahasanga urugero rw'umuteguro w'isomo ry'igikorwa gishimisha cy'amashusho ngero.

4.4. Gusuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri mu mibare

Isuzumabumenyi ni ikusanyamakuru ku myigire y'abana. Mu mashuri y'inshuke, isuzumabumenyi rikorwa mu buryo bufatiweho, urugero mu kwitegereza, kubwira abana gukora ikintu, kureba ibyo umwana akora. Ubwo ni bwo buryo abarezi bagira igitekerezo ku byo abanyeshuri bazi kandi bashobora gukora. Isuzumabumenyi ni igice cy'ingenzi mu kwigisha no kwiga kandi ritanga amakuru ku myigishirize no ku myigire.

4.4.1. Umurezi nk'umuntu witegereza kandi ubika amakuru

Igikorwa cya 29:

Isuzumabumenyi mu mashuri y'inshuke

- Ukorerwa ute isuzumabumenyi abo wigisha?
- Amakuru ukusanyije uyakoresha iki?
- Ushobora gutanga urugero rufatika rw'uko wakoresha isuzumabumenyi?

Mu mutwe wa 2.3 twarebye uruhare rw'umurezi mu myigire y'abana mu mashuri y'inshuke binyuze mu mikino. Umurezi nk'umuntu witegereza kandi ubika amakuru. Kwitegereza no kubika amakuru ni bimwe mu bigize isuzumabumenyi. Kwitegereza ni bwo buryo bwonyine isuzumabumenyi mu mashuri y'inshuke rishobora gukorwamo.

Mu mashuri y'inshuke, nta gihe cy'ibizami kibaho, nta bazwa ribaho. Isuzumabumenyi rikorwa buhoro buhoro binyuze mu kwitegereza. Isuzumabumenyi rikorwa mu buryo bukomatanyije kandi bushingiye ku bisobanuro byimbitse aho gushingira ku bipimo by'imibare. Abana bagereranywa n'ibipimo by'imikurire aho kubagereranya hagati yabo.

Abarezi bashobora kwitegereza **huri muni** uko abana batera imbere mu bwenge ndetse bikanakorwa **hagati no mu mpera z'igihembwe** mu rwego rwo kubika amakuru mu buryo bwemewe. Amakuru yakusanyijwe afasha abarezi **kuba bahindura** aho abana bigira, ibikorwa, ibikoresho cyangwa imikoranire.

4.4.2. Uburyo bwo kwitegereza no kubika amakuru

Muri iki gice turareba:

- Ibikorwa by'isuzumabumenyi bya buri cyumweru
- Isuzumabumenyi ryo hagati mu gihembwe n'iryo ku mpera z'igihembwe bifasha gukora raporo igaragaza iterambere ry'imyigire n'imyitwarire by'umwana
- Kwikorera isuzumabumenyi no kurikorera n'abana bagenzi be

Nyuma tuzareba uko ibi byose bituma habaho dosiye y'umwana. Tuzanareba kandi uko isuzuma ry'uko abana batera imbere rishobora gufasha umurezi kuba yagorora ibikorwa mu ishuri.

1. Kwitegereza buri muni no mu buryo buhoraho

Iyo abana biga binyuze mu mikino, umurezi asubira inyuma akitegereza ko abana **bamerewe neza**. Muri uko kwitegereza, umurezi amenya byinshi ku byo bakunda no ku byo bakeneye. Binyuze mu kwitegereza, abarezi bahuza ibyo abana bakunda n'ibyo bakeneye n'intego zikubiye mu nteganyanyigisho. Kwitegereza ni ishingiro ryo kuzana impinduka mu gikorwa hakurikijwe ibibashishikaje n'ibyo bakeneye.

Kumererwa neza ni iki?

Abana bafite imibereho myiza yo ku rwego rwo hejuru baba banezerewe kandi bakagaragaza imbaraga kimwe n'umutuzo n'amahoro. Barangwa no kuvuga ibintu ntacyo bahisha kandi bakakira neza ibyo babwirwa mu buryo bwiyoheje. Aba bana barangwa no kwigirira ikizere ku rwego rwo hejuru kandi bakishimira uko bameze. Barangwa n'ubutwari bwo kuba bo ubwabo no kwihagararaho. Baba bazi kwirwanaho kandi bakamenya uko bifata mu bintu bije bitunguranye.

Abana barangwa na:

- Ibyishimo n'umunezero
- Gushabuka
- Umutuzo n'amahoro yo mu mutima
- Kuvuga ibintu ntacyo bahisha, kwakira neza ibyo babwiwe no kudatsimbarara
- Kwibwiriza no kwisanzura
- Kwigirira ikizere no kwihesha agaciro

Ibi bishobora kugaragazwa mu buryo bukurikira:

1. **Umutuku**: Umwana ari mu bihe bigoye
2. **Umuhondo**: Umwana akenshi ntabwo yumva ameze neza
3. **Ubururu**: urebye umwana aba yumva ameze neza
4. **Icyatsi kibisi**: umwana akenshi/buri gihe yumva ameze neza cyane

**Isuzuma ry'umwana (Laevers e.a., 2012) rikoresha igipimo cy'amanota 5 hano cyahujwe n'ibyifuzo bya REB bijyanye no gukora isuzumabumenyi buhoro buhoro.*

Kugira uruhare ni iki?

Abana bagira uruhare mu byo bakora mu rwego rwo hejuru baba bashishikariye ibyo bakora cyane. Biba bigaragara ko bashishikaye kandi barangiza umukoro bahawe bishimye cyane. Ni yo mpamvu badacika intege. Isura y'abana mu maso n'uko bahagaze byerekana ko ubwenge bwabo bukora cyane. Bagira ibiyumviro n'ibisobanuro byuzuye. Kumva banyuzwe cyane bituruka ku kuba bageze ku bucukumbuzi bwabo. Iyo abana bagira uruhare mu byo bakora, tuzi ko bahura n'imbogamizi ariko zibubaka. Baba bakorera ku mipaka y'ubushobozi bwabo.

Abana berekana:

- Ko bahuze cyane
- Ko bashishikaye cyane kandibafite ubushake
- Gukoresha ubwenge cyane
- Kunyurwa cyane
- Gukorera ku mipaka y'ubushobozi bwabo

Ibi bishobora kugaragazwa mu buryo bukurikira:

1. **Umutuku**: Umwana ntakunze kugira uruhare mu gikorwa
2. **Umuhondo**: Akenshi ntarangiza ibyo yasabwe gukora.
3. **Ubururu**: Umwana arahuze ariko ntiyatwawe cyane
4. **Icyatsi kibisi**: Umwana akenshi agira uruhare

**Isuzuma ry'umwana (Laevers e.a., 2012) rikoresha igipimo cy'amanota 5 hano cyahujwe n'ibyifuzo bya REB bijyanye no gukora isuzumabumenyi buhoro buhoro.*

Kwitegereza imibereho myiza y'umwana n'uruhare rwe bihita biha abarezi igitekerezo cy'uko abana biga. Iyo abana bafite imibereho myiza yo mu rwego rwo hejuru baba biga. Iyo imibereho iri ku rwego rwo hasi ntabwo baba biga.

Umurezi ashobora gukora ibi bikurikira:

- Kwitegereza igihe abana bari mu nguni y'imikino bitegereza bamwe muri bo batoranyijwe. Ibi bishobora gutuma ashaka ibisubizo byihuse akaba yagira n'ibyo ahindura. Urugero: umurezi ashobora kwitegereza abana bari mu nguni yo kubaka akabona abana babiri badashishikaye mu buryo bugaragara, bameze nk'aho byabarambiye. Umurezi areba icyo yongera ku nguni yo kubaka cyangwa akazana ibindi bikoresho bituma ba bana babiri bakanguka bakagira uruhare mu gikorwa.
- Kwitegereza abana bose mu gihe runaka. Ibi bisobanuye ko umurezi yitegereza by'umwihariko niba abana bamerewe neza kandi bafite uruhare mu bikorwa, ni uko akandika ayo makuru. Mu gusesengura ibyagaragaye, umurezi ashobora kumenya niba hari ibikeneye guhindurwa ku bikorwa byo mu ishuri.

Igikorwa cya 30:

Kwitegereza ko abana bamerewe neza kandi bafite uruhare mu bikorwa

- Ongera urebe ibisobanuro by'imibereho myiza no kugira uruhare
- Itegereze umwana umwe mu ishuri ryawe maze usobanure urwego rw'imibereho ye n'uruhare rwe.
- Kuki wahisemo kumushyira muri icyo kiciro?
- Uzakora iki kugira ngo arusheho kumererwa neza no kwitabira ibikorwa?

Iyo umurezi amaze kwitegereza asesengura ibyo yabonye maze akagira ibyo ahindura ku miterere n'ibiranga aho abana bigira, ibikorwa, ibikoresho cyangwa imikoranire.

Abana bafite imibereho n'uruhare byo mu rwego rwa mbere n'urwa 2 ntibababakora neza kandi baba bari mu bihe bitaborohereza kwiga neza. Umurezi aba agomba kugira icyo abikoraho. Abana bo mu kiciro cya 3 cy'imibereho n'uruhare bakeneye kwitabwaho by'akarusho. Bashobora kuba mu bihe bitaboroheye.

Urugero:

Mu gihe cyo gukorera mu nguni, umurezi abonye ko uruhare rwa Yasenta mu bikorerwa mu nguni yo kubaka ari ruto. Yasenta ntagaragara nk'ushishikajwe no gukina n'udutafagari yubaka, imodoka n'amakamyoy. Umurezi azana ibipupe mu nguni yo kubaka, asaba Yasenta kubaka inzu y'ibipupe, maze biramushishikaza, uruhare rwe ruhita ruzamuka ako kanya!

Muri uru rugero, kwitegereza uko umwana amerewe n'uruhare rwe byafashije umurezi kumenya ibyo akunda n'ibyo akeneye bituma amufasha mu myigire ye akoresheje ibisubizo bikangura bifite icyo bisobanuye. [Umwana yungukira byinshi ahantu hakoma imbarutso ku bintu akunda, bifite akamaro kandi bifite igisobanuro.](#)

Ifishi ikurikira ifasha mu kwitegereza kumererwa neza no kugira uruhare

Igikoresho kifashishwa mu kugenzura kumererwa neza no kugira uruhare

Nimero	Izina	Imyaka	Igitsina	Kumererwa neza					Kugira uruhare					Ibyagaragaye	
				?	1	2	3	4	?	1	2	3	4		
1															
2															
3															
4															
5															
6															
7															
8															
9															
10															

Uretse kwitegereza uko abana bamerewe n’uruhare rwabo, abarezi bashobora no kwitegereza **intego zo kwiga zihariye cyangwa uko abana batera imbere mu byigishwa**. Ibi bashobora kubikora umunsi ku wundi no mu bikorwa bafashamo abana aho bagenda bandika ibyo bakora n’ibyo bavuga.

Urugero:

Mu kiganiro mu itsinda rinini ku nsanganyamatsiko ibikoresho dufite mu rugo, umurezi yanditse abana bashobora kugira uruhare rugaragara mu kiganiro n’abana batitabira cyangwa badasubiza iki kibazo.

Inama zijyanye no kwitegereza

- Ni byiza buri gihe kuba umurezi afite urupapuro n’ikaramu kugira ngo agire ibyo yandika
- Twibuke ko ibyo yandika mu gihe yitegereza bigomba kuba bifite ishingiro kandi bitabogamye (urugero: Wikwandika “Aleziya yarambiwe.” Ahubwo andika “Aleziya asubiramo igikorwa kimwe iyo arebera hanze mu idirishya.”
- Ushobora kumara igihe witegereza umwana umwe unandika ibyo ubona n’ibyo wumva muri icyo gihe.
- Gukoresha kwitegereza mu isuzuma (turabireba nyuma) ry’imyigire y’abana, abarezi bagomba kubandikira.
- Ibyandikwa mu gihe cyo kwitegereza bigomba kuba bifite ishingiro kandi bifatika.

Ingero z’ibyandikwa mu gihe cyo kwitegereza:

Umwaka wa 1, Umukino abana biyoboyemo mu bikorwa bihoraho bya mu gitondo Aleziya yerekana ikarita iriho izina rye agira ati: “Ririya ni izina ryange.”

Isuzumabumenyi: Alezia ashobora kumenya ikarita iriho ikimenyetso kiranga izina rye.

Umwaka wa 1, Inguni y’ubugeni

Aruturu ashushanyije igiti maze aravugaga ati :“Ibiti bigira amababi. Bifite ibara ry’icyatsi kibisi. Binagira imbuto.”

Isuzumabumenyi: Aruturu ashobora gushushanya akanasobanura ibyo ashushanyaga. Agakora interuro ngufi.

Umwaka wa 2, igikorwa cyo mu matsinda

Keza abaze abana bagize itsinda rye (6) maze afate amakaramu y’igiti 6, ahe buri mwana imwe.

Isuzumabumenyi: Keza ashobora kubara kugeza kuri 6 no guhuza ibintu kimwe ku kindi.

2. Isuzumabumenyi ryo hagati mu gihembwe no ku mpera z'igihembwe: ifishi y'isuzuma rihoraho

Isuzumabumenyi ryo hagati mu gihembwe no ku mpera z'igihembwe na ryo rishobora gushingira ku kwitegereza kandi hagakoreshwa ifishi yabugenewe. Isuzumabumenyi rikorwa ku byigwa bitandatu hashingiwe ku **byitezwe byihariye** bikubiye mu ntegananyigisho:

- Ubumenyi bw'ibidukikije
- Imibare
- Indimi: Ikinyarwanda n'icyongereza
- Ubugeni n'umuco
- Ibonezabuzima
- Iterambere mu mbamutima no mu mibanire n'abandi

Mu gusuzuma iterambere muri ibi byigwa kimwe ukwacyo, abarezi bitegereza buri gihe abana maze **bagakusanya ibimenyetso**. Ibyo bimenyetso wabisanga mu byandikwa mu gihe cyo kwitegereza (reba haruguru), ibyo abana bakoze biri mu ikusanyanyandiko, mu mashusho cyangwa amajwi yafashwe y'ibikorwa by'abana, cyangwa mu bihe byihariye ariko bifite igisobanuro kandi bijyanye n'ubuzima busanzwe byakozwe n'umurezi aho umwana asabwa gukoresha ubumenyi bumwe na bumwe. Amabwiriza ajyanye n'umukino ndetse n'intonde bishobora gukoreshwa. Ubu bwose ni uburyo bw'isuzuma bwifashishwa, bukaba bushobora guhindurwa bugahuzwa n'itegeko zo kwiga mu gihe cyagenwe, urugero: icyumweru, igihembwe.

Rimwe na rimwe, ibyo bimenyetso **birasesengurwa kugira ngo harebwe** aho umwana ahagaze **hakurikijwe ibipimo ngenderwaho by'ibikorwa byagenwe**. Ibi byanditswe ku **ifishi y'isuzuma rihoraho**. Ifishi y'isuzuma rihoraho ikoresha uburyo bw'amabwiriza akurikizwa hifashishijwe igisobanuro cy'amabara. Ibi kandi bikoreshwa mu gushyikirana neza n'ababyeyi:

- Icyatsi kibisi: Umwana agaragaza ubushobozi muri iki kigwa mu buryo buhoraho;
- Ubururu: Umwana ararushaho gutera imbere ariko ntaragera neza kuri ubu bumenyi ngiro;
- Umuhondo: Umwana akomeje gukora kuri ubu bumenyi ngiro kandi butangiye kwiyongera
- Umutuku: Umwana azakenera ubufasha kugira ngo akomeze kongera ubu bumenyi ngiro; Ubu bumenyi ngiro ntiburagaragara.

Igikorwa cya 31:

Ifishi y'isuzuma rihoraho

- Ese usanzwe ufite ibyifashishwa mu isuzuma rihoraho mu ishuri ryawe? Ayo mafishi ateye ate?
- Ni iki wumva wahindura?

*Munsi hari urugero rw'ifishi y'isuzuma rihoraho ikubiyemo intambwe z'ingenzi cyangwa ubumenyi bw'ingenzi mu **mibare** ku bana bafite imyaka kuva kuri 3 kugeza kuri 6.*

UMWAKA W'AMASHURI

UMWAKA: 3

IGIHEMBWE:

Izina ry'umwana:

Izina ry'umurezi:



Icyatsi kibisi Umwana agaragaza ubushobozi ngiro muri iki kigwa mu buryo buhoraho

Ubururu Umwana ararushaho gutera imbere ariko ntaragera neza kuri ubu bumenyi ngiro

Umuhondo Umwana akomeje gukora kuri ubu bumenyi ngiro kandi butangiye kwiyongera

Umutuku Umwana azakenera ubufasha kugira ngo akomeze kongera ubu bumenyi ngiro; ubu bumenyi ngiro ntiburagaragara.

	Ubumenyi bw'ingenzi mu MIBARE	Ibara	Impugukirwa	Ibisobanuro n'ibitekerezo
Imibare	Gushyira ibintu mu matsinda: kuvangura no gushyira mu matsinda ibintu bifite icyo bihuriyeho hakurikijwe ibigenderwaho byagenwe nk'amabara, ishusho ngero, kamer byabyo			
	Gushyira ibintu mu matsinda: Gutandukanya no kuvuga amazina y'amabara			
	Gushyira ibintu mu matsinda: Kugereranya no kuvangura ibintu ukurikije ubwinshi n'ingano yabyo			
	Gushyira ibintu mu matsinda: Kuvangura no guhuza ibikoresho hakurikijwe nibura ibintu ngenderwaho bibiri bihitiyemo			
	Kubara: Gukoresha imibare mu ndirimbo, imivugo n'imikino migufi			
	Kubara: Guhuza imibare n'ibintu bifatika			
	Kubara ukurikiranya neza imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10			
	Gusoma no kwandika imibare bakoresha umubiri wabo, kwandika mu mucanga, gusiga irangi, n'ibindi kuva kuri 1 kugeza kuri 5.			
	Gusoma no kwandika imibare bakoresha umubiri wabo, kwandika mu mucanga, gusiga irangi, n'ibindi kuva kuri 1 kugeza ku 10			
	Ibimenyetso by'ibara: Guteranya, gukuramo no kugabanya ibintu bifatika bitarenze 10			

	Ubumenyi bw'ingenzi mu MIBARE	Ibara	Impugukirwa	Ibisobanuro n'ibitekerezo
Gupima no kugereranya	Kugereranya ibintu bibiri ukurikije uburebure n'ingano yabyo			
	Kugereranya nibura ibintu 3 ukurikije uburebure, ubuhagarike, ingano, ubunini bwabyo noneho ukabitondekanya.			
	Gutondeka nibura ibintu bitatu bitandukanye ukurikije uburebure, ubuhagarike, uburemere, ingano n'ubunini			
	Gukoresha amagambo akwiye mu kugereranya ibintu hakurikijwe ibintu ngenderwaho byatanzwe nk'amabara, ishushongero, akamaro, kamere,...			
	Gupima ibintu hakoreshejwe uburyo bwa gakondo (urugero: intambwe, ibirenge, intoki) bitarenze inshuro 10			
	Amafaranga: Gutandukanya amafaranga n'ibindi bikoresho no kuvuga akamaro k'amafaranga			
	Amafaranga: Gutandukanya ibiceri n'inoti no gukoresha amagambo ajyanye n'amafaranga akoreshejwe n'abacuruzi n'abaguzi			
	Amafaranga: Kugura ibintu hakoreshejwe amafaranga y'u Rwanda atarenze 100; kuvuga akamaro k'amafaranga n'uko abikwa neza.			
	Igihe: Gukora ibikorwa mu gihe cyagenwe no gukoresha indamukanyo zijyanye n'ibice bitandukanye by'umunsi			
	Kuvuga iminsi y'icyumweru nta gutegwa no gukoresha imigereka y'igihe nka: ejo hashize, uyu munsi n'ejo			
Kuvuga ibikorwa byabo by'umunsi n'iby'icyumweru no kugaragaza imyifatire ikwiye mu gukurikiza gahunda y'ibikorwa biri kuri gahunda y'umunsi. Urugero: Ejo hashize twashushanyije imodoka; uyu munsi twize indirimbo; ejo tuzakina umupira w'amaguru.				

	Ubumenyi bw'ingenzi mu MIBARE	Ibara	Impugukirwa	Ibisobanuro n'ibitekerezo
Amashushongero n' amerekezo	Kumenya aho ibintu biri hakoreshejwe indangahantu zikwiye. Urugero: amakaramu y'amabara ari mu gakarito ku itajeri yo hasi, kugenda ukagera ku mpera z'icyumba			
	Kwerekana aho ibintu biri/aho abantu bari ukoresheje indangahantu zikwiye			
	indangahantu zikwiye mu kugaragaza aho ibintu biri cyangwa abantu bari no gukoresha indangahantu n'uburyo bwo kuyobora mu myitotozo yo kwandika no gusoma no mu buzima bwabo bwa buri muni.			
	Gutandukanya amashushongero (inkiramende, mpandeshatu, inziga)			
	Gukora amashusho y'urukiramende, mpandeshatu n'uruziga wifashishije ibikoresho bitandukanye			
	Gushushanya, kubaka no kuvuga kuri mpandenye ndinganire, mpandeshatu n'uruziga.			
	Kuvumbura uruhererekane rw'isubiramo mu buryo ibikoresho wahawe bitondekanyije no gukomeza urwo ruhererekane rwisubiramo ukurikije urugero wahawe			
	Gukora uruhererekane rw'isubiramo bihitiyemo bahereye ku rworoshye baja ku rukomeye cyangwa gukurikiza urugero rw'umurezi; kubona uruhererekane rw'isubiramo mu buzima bwabo bwa buri muni: umunsi/ijoro, ingengabihe za buri muni, amabara y'imyenda, n'ibindi.			

3. Isuzuma ry'umwana ku giti ke no kuri bagenzi be

Gutuma abana bagira uruhare mu isuzumabumenyi ni ingenzi cyane. Bibafasha kumenya imbaraga zabo n'intege nke zabo. Ibikorwa byo kwisuzuma bifasha abiga guhindura uburyo bwabo bwo kwiga kugira ngo bahuze n'intege ziteganyijwe n'ibisabwa by'ibanze.

Nyuma y'igikorwa umurezi ashobora kubaza abana uko bakibonye. Akoresheje ibimenyetso bigaragara bikurikira; uva i bumoso ugana i buryo: arababaye - ntacyo bimubwiye - ni byiza - arishimye -arishimye cyane



Abana na bo bashobora gufasha mu isuzuma ry'ibikorwa byakozwe na bagenzi babo. Batekereza iki ku byakozwe? Ese bafite ibitekerezo by'uko byarushaho kunozwa? Ni uburyo bwiza cyane bwo guteza imbere imibanire yabo n'abandi no gushyikirana n'abandi ndetse n'ubumenyi mu mitekerereze. Abarezi bashobora gufasha abana gushima iby'abandi bakoze no kugira ibitekerezo byubaka.



4. Dosiye y'umwana


Amasuzumabumenyi aba ari muri dosiye y'umwana. Iyo dosiye iba ikubiyemo ibi bikurikira:

Ibyagaragaye mu gihembwe kuri buri mwana binyuze mu gakuru, bishobora kuba birimo kwitegereza imibereho y'umwana n'uruhare rwe

- Impapuro ziriho **ibyo umwana yakozwe (cyangwa ikusanyanyandiko ryose)**
- Ibyanzuriwe mu nama n'ababyeyi
- **Ibyifashishijwe mu isuzuma ry'ukwezi/igihembwe/umwaka**
- **Ifishi y'isuzuma rihoraho rya buri mwana** igenewe gukoreshwa n'umurezi.

5. Kwisuzuma no kunoza

Gusuzuma ko umwana amerewe neza, uruhare rwe n'uko atera imbere mu myigire bigira akamaro ari uko amakuru abonetse akoreshejwe mu kunoza ibitagenda mu myigishirize



Ishusho ya 4 - Inzira yo kwisuzuma Gutegura-Gukora-Kwitegereza-Gutekereza

Kugorora hashingiwe ku kwitegereza bishobora gukorwa ako kanya igikorwa kirimo gukorwa cyangwa bigakorwa ku bikorwa bizaza no mu rwego rwo kugorora ibijyanye n'aho abana bigira.

Igikorwa cya 32:

Nyuma yo kugerageza ibikorwa by'isuzumabumenyi nk'uko bisobanurwa muri uyu mutwe, tekereza ku bintu bikurikira:

- Ni iki wegerageje?
- Byagenze bite?
- Wigiyeye iki ku busesenguzi bw'amakuru yavuye mu isuzuma?
- Uzahindura ute ibikorwa bikorwa mu ishuri ryawe kugirango urusheho kubonera igisubizo kiza ibyo abana bawe bakeneye?

Ushaka kumenya byinshi kurushaho ku biri muri uyu mutwe

Hari ibindi bishobora kugufasha kumenya byinshi kurushaho ku bijyanye n'iyi ngingo.

- Rwanda Education Board (2015). Curriculum for pre-primary school from 3-6 years, Ministry of Education, Republic of Rwanda.
- Rwanda Education Board (2015). Teacher's Guide for Pre- Primary Curriculum. Inyoborabarezi ku Nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke, Ministry of Education, Republic of Rwanda.
- Rwanda Education Board (2016). Teacher's Guide for Pre- Primary Curriculum. Inyoborabarezi ku Nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke, Ministry of Education, Republic of Rwanda.
- Rwanda Basic Education Board (2020). Numeracy in pre-primary schools grade 1, 2, 3. Teacher's book. Imibare. Amashuri y'Inshuke: Igitabo cy'Umwarimu, Umwaka wa 1, 2, 3. Ministry of Education, Republic of Rwanda.
- Rwanda Basic Education Board (2021). A handbook for new teachers in Rwanda, Kigali.
- Twigire Mumikino Rwanda (VSO) Schools App: Module 3: CBC; Module 8: School readiness; Module 12: Assessment

Umutwe wa 5: Ni gute wakomeza kunoza imyigire binyuze mu mikino?


Muri uyu mutwe urigamo:

- Gukoresha ibikoresho bijyanye no kwitegereza no kungurana ibitekerezo hagamijwe kuvugurura no guhora twiyungura ubumenyi
- Gufatanya, kwigana n'abandi no kwigira ku bandi
- Kunoza imikorere yawe binyuze mu kugerageza no gutekereza kuri iryo gerageza (kugerageza kenshi)

Mu mitwe ibanza wize ibijyanye no kwiga binyuze mu mikino no mu mibare. Wagerageje kugira ibyo ugorora mu buryo utegura ishuri ryawe, ibikoresho ukoresha, ibikorwa utegura n'uko usabana n'abana bawe. Ndagushimira kuba waragerageje ibintu bishya.

Warangije? Oya. Kunoza ni uguhozaho. Kunoza ibintu bitangirira mu gutekereza ku byakozwe.

5.1. Kwisuzuma no kunoza bishingiye ku kwitegereza no gutekereza ku byakozwe



Ishusho ya 5 - Inzira yo kwisuzuma Gutegura-Gukora-Kwitegereza-Gutekereza

Ni ngombwa gutekereza ku byo ukora n'uburyo bigenda. Ni ayahe makuru ushobora gukoresha?

1. Gusuzuma ko umwana amerewe neza, uruhare rwe n'uko atera imbere mu myigire

Kwitegereza umwana mu ishuri bishobora kukumenyesha byinshi ku buryo ushobora kunoza imikorere yawe. Reba ku mutwe wa 4.4 uburyo basuzuma imibereho y'umwana, uruhare rwe n'uko atera imbere mu myigire

2. Isesengura ry'imiterere y'aho wigishiriza

Ifashishe ifishi yo kwitekerezaho mu gusuzuma imikorere yawe bwite. Cyangwa usabe mugenzi wawe agufashe. Ushobora gusaba mugenzi wawe mbere ngo azitegereze ikintu runaka kihariye: Ni iki wumva wakwibandaho? Ni iki wifuza guhabwaho ibitekerezo?

- Watunganyije gute aho abana bigira?
- Ibikoresho bikoreshwa bite mu ishuri ryawe?
- Usabana ute n'abana?

Ushobora gukoresha igice cya 1 cy'umugereka wa 5

3. Gusesengura ibiranga umukino

Ese ibikorwa byawe ubikora kuburyo:

- Bitera ibyishimo?
- Bifite igisobanuro?
- Bifasha abana gusabana?
- Birashishikaje?
- Bituma abana basubiramo kenshi?

Ushobora gukoresha igice cya 2 cy'umugereka wa 5 mu gusuzuma niba ibikorwa byawe n'uburyo ubikoresha biteye nk'umukino.

4. Ni gute wakangura ubushobozi nsanganyamasomo mu bikorwa byo kubara?

Mu bikorwa byo kubara, ubumenyi nsanganyamasomo bwinsi bushobora gushyirwa mu ngiro. Ni gute wakangurira abana gutekerezanya ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo? Ushobora gukoresha igice cya 3 cy'umugereka wa 5

Igikorwa cya 1:

Kwitekerezaho no kwitegereza

- Gerageza gukoresha ibikoresho byavuzwe haruguru
- Wakuyemo iki? Hari icyo wumva wahindura mu mikorere yawe?
- Ese usanzwe ufite ibyifashishwa mu isuzuma rihoraho ry'abana mu ishuri ryawe? Ayo mafishi ateye ate?
- Ni iki wumva wahindura? Sobanura.
- Uzabyifatamo ute?

5.2. Kwiga birushaho koroha iyo ubikorana n’abandi

Igikorwa cya 2:

Kwigira hamwe

- Ese hari imikorere yo mu ishuri ya kinyamwuga wigiye kuri bagenzi bawe? Iyihe?
- Ese hari icyo mugenzi wawe yaba yarakwigiyeho? Ate?
- Wumvise bimeze bite?
- Wiganye n’abandi ute?

Iyo uri hamwe n’abandi wiga byinshi kurusha iyo uri wenyine. Iyo uri hamwe n’abandi, mushobora gushakira ibisubizo ibibazo muhura na byo. Buri wese ashobora kwigira kuri mugenzi we.

Dore bumwe mu buryo bwo gukoresha gahunda nkarishyabumenyi mu mwuga ku ishuri ryanyu hagamijwe guteza imbere imyigire y’imibare binyuze mu mikino:

1. Mu nama z’ishuri/z’umurenge:
 - a. **Sangiza abandi ikintu cyabaye** mu ishuri ryawe. Sobanura byose intambwe ku ntambwe: Ni iki witegereje, ni izihe nzitizi n’ibibazo wahuye na byo, ni iki wahinduye? **Saba** bagenzi bawe ibindi bitekerezo. “Nagerageje iki n’iki, ariko nifuzaga ko mwanfungura inama”. Saba bagenzi bawe kubigenza gutyo mu nama itaha. Muge mubigenza gutyo muri buri nama y’ishuri.
 - b. **Ibikorwa byo kwigirwaho:** Ibande ku gikorwa cyo kubara gishimisha maze usangize abandi umuteguro w’isomo n’imfashanyigisho. Ese wigeze utekereza gufata amashusho ya videwo cyangwa amafoto yo kwifashisha usobanura uko igikorwa cyakozwe? Buri wese asabe mugenzi we gutanga ibitekerezo birimo udushya!
 - c. Imurika ry’**imikorere myiza:** Bagenzi bawe bose bamanike impapuro bateguye ziriho ibisobanuro by’impinduka nziza mu ishuri ryawe, uko izo mpinduka zatangiye n’ingaruka zagize. Musomere hamwe ibiri kuri izo mpapuro mubiganireho, hanabeho umwanya w’ibibazo n’ibisubizo.
 - d. **Umwanya w’ibibazo n’ibisubizo.** Sangiza bagenzi bawe ikibazo maze ubasabe gushaka ibisubizo n’ibitekerezo. Hitamo ibitekerezo bishoboka. Muganire uko mushobora kubishyira mu bikorwa.
2. Kwitegereza imikorere ya bagenzi bawe:
 - a. Ese ukunda uko mugenzi wawe yigisha? Mubaze niba ushobora kumusura mu gihe yigisha. Itegereze uko akoresha ingingo yihariye y’ibikorwa. Gerageza kumenya ingaruka bigira ku mibereho myiza n’uruhare rw’abana mu myigire yabo. Nyuma yo kwitegereza, ganira na bagenzi bawe ku isomo wakuyemo.
 - b. Ese urashaka kumva **uruhare rwa mugenzi wawe** ku byo urimo gukora? Musabe kuza kwitegereza ibibera mu ishuri ryawe mu gihe wigisha. Muvugane ku byo wifuza ko yitegereza. Bishobora kuba uko usabana n’abana, uruhare rwawe nk’umurezi ku mibereho myiza n’uruhare by’abana bamwe mu myigire yabo, cyangwa se kwiga binyuze mu mikino n’ibindi. Nyuma yo kwitegereza, ganira na mugenzi wawe ku byo yabonye. Ni irihe somo wakuramo? Hari ibyo wamwigiraho wazakora ubutaha?

3. Amahuriro agamije gusangira ubumenyi:

Ese hari abarezi uzi ku kigo cy'ishuri ryawe cyangwa umurenge wawe na bo bashaka kurushaho kumenya ibijyanye no kwiga binyuze mu mikino? Ibi bishobora kuba ari mu ishuri ry'inshuke cyangwa ishuri ribanza kuko kwiga binyuze mu mikino bireba izo nzego z'amashuri zombi. Kora itsinda muge muhura kenshi. Mushobora gufatanya gukora gahunda y'inama. Mwaba mwifuzaga gufashanya mu kwimakaza ibikorwa byo kubara binyuze mu mikino? Mwaba se mushaka gushakira hamwe uko mwanoza ibikorwa mu ishuri? Ahubwo se buri wese muri mwe yaba yifuza kwigira kuri mugenzi we? Byakorwa bite? Mushobora gukora ibi byose byavuzwe haruguru. Byose bigamije **kwigirana no kwiganana**.

4. Ingendo shuri zigamije kunoza umwuga:

Hari ishuri waba uzi bakoresha ibikorwa byo mu ishuri myiza cyane? Iryo shuri ryiteguye kuba ryakwakira? Uzageyo urebe. Uburyo butandukanye bukoreshwa n'iryo shuri bushobora gutuma wiyungura inama z'uko wakemura ibibazo uhura na byo. Uzategure urugendo rwawe mbere cyane kandi uzabe usobanukiwe neza n'ibyo ugamije kwiga. Ibyo bizakongerera amahirwe yo kwiga. Ntuzibagirwe kubaza ishuri uzasura uko bigana bakamigira bamwe ku bandi.

5. Murandasi n'imbuga nkoranyambaga:

Wigeze utekereza kwigira ku bandi bantu bo hirya no hino ku isi? Kuri Youtube na Pinterest hari ingero nyinshi z'ibikorwa byo mu mashuri y'inshuke, uburyo bwo gutegura icyumba bigiramo n'imfashanyigisho. Hari ibintu byinshi byiza umuntu yakwifashisha n'ibikoresho bitandukanye.

Wigeze utekereza kuganira no kungurana ibitekerezo n'abandi barezi bo mu Rwanda cyangwa ku isi yose? Koresha WhatsApp, Twitter cyangwa Facebook wihuze na bo muganire.

Ntuzibagirwe kuganiriza umuyobozi w'ishuri ryawe ibitekerezo byawe bijyanye no kwiga hagamijwe kunoza umwuga kugira ngo azagufashe kubishyira mu bikorwa.

Igikorwa cya 3:

Kwigira hamwe

- Ni iki wakwifuzaga kwigana na bagenzi bawe cyangwa kubigiraho?
- Ni gute wakwifuzaga kwigana na bagenzi bawe cyangwa kubigiraho?
- Hitamo uburyo wakwifuzaga kwigana n'abandi maze utangire.
- Sangiza uguhugura ibyavuye mu myigire yawe

Ushaka kumenya byinshi kurushaho ku biri muri uyu mutwe

Hari ibindi bishobora kugufasha kumenya byinshi kurushaho ku bijyanye n'iyi ngingo.

- Rwanda Education Board (2016). School-Based Mentor Program Framework, 2017-2022, Kigali.
- Rwanda Basic Education Board (2021). A handbook for new teachers in Rwanda, Kigali.

Umutwe wa 6: Uruhare rw'ababyeyi mu gufasha abana kwiga binyuze mu mikino

Muri uyu mutwe urasangamo:

- Kuki uruhare rw'ababyeyi ari ngombwa mu gufasha abana kwiga binyuze mu mikino?
- Kwereka ababyeyi akamaro ko kwiga binyuze mu mikino
- Gushishikariza ababyeyi gahunda yo kwiga binyuze mu mikino yo mu rugo
- Kunoza imikorere yawe binyuze mu mu gusubiramo kenshi umukoro.

Igikorwa cya 1:

Imikino n'ababyeyi

- Waba warigeze kubazwa n'ababyeyi ibibazo bijyanye n'uburyo bwawe bwo kwigisha n'ibikorwa ukora mu ishuri?
- Wabyifashemo ute?

Abarezi b'amashuri y'inshuke n'abayobozi b'ishuri bashimangira uruhare rw'ababyeyi, umuryango n'abaturage mu burezi bw'abana b'inshuke (ECE) hagamijwe guteza imbere imyigire myiza y'abana bato mu mashuri no mu rugo.

Iki gice ntikigamije gusobanura byimbitse uruhare rw'ababyeyi n'ubufatanye bwabo, ahubwo gishimangira amabwiriza asanzwe ariho kuri iyi ngingo n'ibyifuzo byihariye bijyanye no **kwiga binyuze mu mikino**.

6.1. Kwerekana uko biga binyuze mu mikino

Abarezi bazi akamaro k'imikino kandi n'ababyeyi babona abana babo bakinira mu rugo. Ariko rimwe na rimwe ababyeyi ntibaba biteze ko abana bakinira ku ishuri, ahubwo baba biteze ko biga. Ababyeyi n'abandi bashinzwe kurera abana akenshi baba batekereza ko kwiga bishingiye ku murezi kandi bikibanda ku byigwa bisanzwe. Iyo ababyeyi babonye abana bakinira mu ishuri bumva batengushywe.

Nk'umurezi, ibi bikurikira ni ingenzi:

- Gusobanura icyo abana baba biga mu gihe biga binyuze mu mikino
- Kwereka ababyeyi icyo umwana yiga igihe akina.
- Ereka ababyeyi uko umurezi yigisha yifashishije umukoro (akoresheje umukino we ubwe ayoboye, ashira inzitizi mu mukino, cyangwa abinyujije mu bikorwa byo gukina yifashishije imfashanyigisho yateguye).
- Ereka uko abana batara imbere mu myigire
- Sobanura impamvu kwiga binyuze mu mikino bifasha umwana mu mikurire ikomatanyije (iyubigereranyije n'uburyo bwo kwigisha budashingiye ku mikino)
- Shishikariza ababyeyi uburyo bwo kwiga binyuze mu mikino ku ishuri.

Igikorwa cya 2:

Imikino n'ababyeyi

- Nyina wa Maurice aje ku ishuri kumutwara maze abona abana bakinira mu nguni. Abana bose bari mu bikorwa byo kubara. Nuko nyina wa Maurice ati "Abana barimo kwikinira. Kuki utabigisha kwandika imibare no guteranya kandi twishyura amafaranga y'ishuri? Uzi neza ko Maurice agomba gutegurirwa kuzajya mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza vuba aha, none abana barimo kwikinira gusa!"
- Ni gute wasubiza iki kibazo?

Igikorwa cya 3

Imikino n'ababyeyi

- Manika urupapuro rwerekana akamaro k'umukino n'ibiranga umukino. Wakwifashisha imbonerahamwe zikurikira.



Ishusho ya 6 Ibiranga kwiga binyuze mu mikino



Ishusho ya 7 -Ingeri 5 z'imukurire nk'uko zisobanurwa mu Nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi (CBC)

Ifasha kugirana ibiganiro n'ababyeyi mu buryo buhoraho no mu buryo bufatiweho. Batumire mu ishuri ryawe cyangwa ubasabe ubufasha. Ababyeyi bamwe bashobora kuza mu ishuri gusangiza ibijyanye n'akazi kabo? Abandi babyeyi bashobora kugufasha gukora ibikoresho byo gukina n'imfashanyigisho? Abandi babyeyi bashobora kugufasha gukora ingendo (urugero: kugenda n'amaguru ugasura ahakorerwa ubuhinzi/ubworozi) cyangwa bakagufasha mu bikorwa byo kwiga binyuze mu mikino ku ishuri (urugero: Kwigisha imbyino zo muri ako gace)?

Igikorwa cya 4:

Imikino n'ababyeyi

- Wakwinjiza ute ababyeyi mu bikorwa byo kwiga binyuze mu mikino ku ishuri? Baguha ubuhe bufasha?
- Shakisha ibitekerezo.
- Hitamo igitekerezo kimwe ugishyire mu bikorwa.


6.2. Gushishikariza abana gukina mu rugo

Nyuma y’amasomo, abana basubira iwabo. Ariko ni ngombwa ko bakomeza kwiga binyuze mu mikino n’igihe bari mu rugo.

Mu rwego rwo guteza imbere gukomeza kwiga biciye mu mikino mu rugo, abarezi bashobora:

- Gusobanurira ababyeyi agaciro k’imikino
- Kwereka ababyeyi ibyo abana baba biga binyuze mu mikino
- Tanga ingero z’ibikorwa binyuze mu mikino ababyeyi bashobora gukorana n’abana mu rugo

Ingero z’ukuntu ababyeyi bashobora gukangura buri ngeri y’imikurire y’abana bifashishije ibikorwa binyuze mu mikino.



Kuririmba no kubyina:

- Biteza imbere imikurire mu mikoreshereze y'indimi bikanateza imbere ibiranga umuntu mu rwego rw'umuco, imibanire, imyitwarire ndetse na roho.
- Ni uburyo bwiza cyane bwo kunga ubumwe.
- Bishobora gukangurira umwana gukunda umuziki ubuzima bwe bwose.
- Kumva umuziki bigira uruhare mu mibereho myiza y'umwana (Urugero: Biruhura mu mutwe kandi bigatuma umwana yumva afite amahoro akanasinzira ...).



Kubara inkuru:

- Ibi bishobora kuba imigani, inkuru zo mu gitabo, cyangwa inkuru abana bihimbiye.
- Ibi bikangura imitekerereze y'umwana, guhanga bikanateza imbere imikoreshereze y'indimi.
- Ni uburyo bwiza cyane bwo kunga ubumwe.
- Bikangurira abana gukunda ibitabo bakazanakunda gusoma mu gihe kizaza.
- Byongera ubushobozi bwo gutega amatwi witonze, abana biga kuvuga ibyo batekereza (badategwa, cyangwa ngo bagire ubwoba), kandi biga kuvuga mu buryo yuzuye.



Imikino ifite amabwiriza ngenderwaho:

- Imikino itandukanye nko kwihishana no gushakashakana, imikino yo ku kibaho, umupira w'amaguru, ...yose ifite intego zo kwiga zihariye
- Ingeri zose z'imikurire zishobora gukangurwa: mu gihagararo, mu mibanire n'abandi n'imbamutima, mu bwenge.
- Abana barishimisha bakanoza ibijyanye no kwigenzura no kwigirira ikizere.



Umukino abana biyoboyemo:

- Ha abana umwanya bakine biyoboye, bihimbiye imikino yabo bwite bayikine
- Ibi byubaka ikizere mu bana, bakisanzura mu mikino kandi bigakangura n'izindi ngeri z'imikurire
- Reba neza niba aho bakinira n'ibikoresho bakinisha nta kibazo byatera unarebe ko bazi amabwiriza (bashobora gukinira he, bakinana na nde, igihe kingana iki ...)



Kwiga imibare binyuze mu bikorwa bya buri muni:

Buri muryango ufite ibikorwa birimo imibare ushobora gukangurira abana gukora. Kubera ubufasha bahawe n'ababyeyi, ibi bishobora kuba uburyo bwiza butoza abana kwiga binyuze mu mikino. Ingero:



- Kuvangura imyenda yo kumesa ukurikije amabara n'ubwoko bwayo (urugero: shyira amasogisi yose hamwe, reka tubanze dufate ibitambaro by'amazi by'umweru) (gukora ibirundo)
- Gutunganya imbuto cyangwa imboga ukurikije ubunini bwazo
- Gushyira ibiyiko ku meza bihagije abagize umuryango wose (turi bangahe? Dukeneye ibiyiko bangahe?)
- Mujyane ku isoko cyangwa guhaha, muvuge ibijyanye n'ubunini, imiterere, uburemere, igiciro cy'imbuto n'imboga.

Igikorwa cya 5:

Imikino n'ababyeyi

- Nyina wa Maurice yashimye igisubizo cyawe. Yasobanukiwe n'agaciro k'imikino. Nuko arabaza ati "Na Maurice yagombye gukinira mu rugo? Ate?"
- Ibi wabivugaho iki?
- Reba urutonde rw'ibikorwa by'imikino bishobora gukorerwa mu rugo. Ese hari ibindi bitekerezo ufite? Ibihe?

Ushaka kumenya byinshi kurushaho ku biri muri uyu mutwe

Hari ibindi bishobora kugufasha kumenya byinshi kurushaho ku bijyanye n'iyi ngingo.

- Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (2016). Inyoborabarezi ku Nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke, Minisiteri y' uburezi, Repubulika y'u Rwanda.
- Twigire mu mikino Rwanda (VSO) Schools App: Igitabo cya 13: Uruhare rw'ababyeyi.

Umutwe wa 7: Ni gute abayobozi b'ikigo k'ishuri ryange bakangurira abana kwiga binyuze mu mikino?

Muri uyu mutwe urasangamo:

- Gutahura ubutumwa bw'ingenzi ku bijyanye n'uburezi bw'abana b'inshuke no kwiga binyuze mu mikino
- Gushyiraho uburyo butuma kwiga binyuze mu mikino bishoboka
- Gufata inshingano zitandukanye mu gushyigikira imyigire inyuze mu mikino mu kigo cy'ishuri ryawe
- Gushyigikira amahugurwa y'abarezi ku kwiga binyuze mu mikino
- Gushishikariza abarezi kwigana no kwigira bamwe ku bandi
- Guhugura abarezi no kubashyigikira muri gahunda yabo yo kwihugura
- Kunoza imikorere yawe ubinyujije mu kugerageza no gutekereza kuri uko kugerageza kwawe (=gusubiramo kenshi)

Kwiga binyuze mu mikino ni uburyo bunozwe bwo guteza imbere imikurire ikomatanyije y'abana ku nzego zose mu mashuri y'inshuke.

Ariko rero uburyo bwo kwiga binyuze mu mikino butandukanye n'uburyo busanzwe bumenyerewe bwo kwiga. Kwiga binyuze mu mikino bisaba gufashwa kwigira ku bidukikije biboneka aho umwana atuye. Kwita ku byo umurezi akeneye mu guteza imbere ubumenyi bwe ni ingenzi. Ni ngombwa kandi ko ababyeyi binjizwa muri iyo gahunda.

Uyu mutwe ureba mbere na mbere abayobozi b'amashuri. Uduce twa 7.3, 7.4 na 7.5 twa muri rusange tureba abayobozi b'amashuri n'abandi bose bagira uruhare mu kigo cy'amashuri. Abo ni nk'abagenzuzi b'uburezi ku rwego rw'umurenge n'abafashamyumvire b'abarezi (SBMs)

7.1. Ubutumwa bw'ingenzi ku bijyanye n'uburezi mu mashuri y'inshuke no kwiga binyuze mu mikino.

Igikorwa cya 1:

Ikigo cy'amashuri y'inshuke

- Hari ubuvugizi ukorera uburezi bw'abana b'inshuke?
- Ubona ute uburezi mu mashuri y'inshuke ku birebana n'ibikorwa bitegurirwa abana, imfashanyigisho zifashishwa, aho bigira n'uburyo basabana?
- Ibi waba ubishyigikiye?

1. Amakuru rusange ku burezi bw'abana b'inshuke mu Rwanda:

Uburezi bw'amashuri y'inshuke mu Rwanda buhabwa abana bari hagati y'imyaka 3 na 6. Buteganya ko habaho ibyiciro bitatu: Ikiciro cya 1: Abana b'imyaka 3-4, Ikiciro cya 2: Abana b'imyaka 4-5, Ikiciro cya 3: abana b'imyaka 5-6. Uburezi bw'amashuri y'inshuke bugenewe guteza imbere imikurire ikomatanyije y'abana, haba mu gihagararo, mu bwenge, mu mibanire n'abandi, mu mbamutima, ururimi, mu myifatire no kuri roho hagamijwe gutegura umwana kwinjira mu mashuri abanza.

Integanyanyigisho y'amashuri y'inshuke ishingiye ku bushobozi (CBC) ikubiyemo ibyigwabitandatu (6) kandi inyigisho zigomba gushingira ku mikurire y'abana ikomatanyije:

1. Ubumenyi bw'ibidukikije
2. Imibare
3. Indimi: Ikinyarwanda n'Icyongereza
4. Ubugeni n'umuco
5. Iterambere mu mbamutima n'imibanire n'abandi
6. Ibenezabuzima

2. Ibdanago by'ingenzi by'abarezi bo mu mashuri y'inshuke:

1. Integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi (CBC) mu mashuri y'inshuke ku rwego rw'igihugu. Iyi Nteganyanyigisho yerekana iby'ibanze bizigishwa n'uburyo bwo kubyigisha. Ikubiyemo: Amasomo n'ibice binini biyagize agomba kwigishwa kuri buri kiciro; ubumenyi-ngiro bw'ingenzi abana bagomba guhabwa, intego zigaminjwe, ibikorwa biteganyijwe, uburyo isuzumabumenyi ku myigire y'abana rigomba gukorwa, ibikoresho abarezi bakenera, hamwe n'igihe buri somo na buri gice cyaryo bigomba kumara.
2. Inyoborabarezi
Iki gitabo kirimo amakuru ajyanye n'integanyanyigisho n'uburyo ishikirwa mu bikorwa. Gitanga umurongo unoze ugaragaza uburyo inyigisho zitangwa, uburyo bw'imyigire n'uburyo isuzumabumenyi rikorwa mu mashuri y'inshuke. Gitanga ibitekerezo ku buryo bwo gukora no kwifashisha ibikoresho biboneka iwacu, kwigisha abana ibyo bakeneye mu buryo bwihariye no gukorana n'ababyeyi muri icyo myigishirize.
3. Isaranganyamasomo
Isaranganyamasomo ni ikidanago cy'umurezi kigaragaza ibyigwa n'inyigisho bigomba kwigishwa mu gihe runaka. Isaranganyamasomo rishobora kugaragaza ibizigishwa mu gihe cy'igihembwe, cyangwa umwaka muri buri kigwa.
4. Umuteguro w'umurezi wa buri muni
Iki ni ikidanago gikubiyemo amasomo ya buri muni umurezi aba ateganya kwigisha, akagikoresha yandikamo buri somo rya buri muni.
5. Gahunda y'umuni n'icyumweru iba ishingiye ku nsanganyamatsiko zikubiye mu byigwa byose bigaragara mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi.
6. Ikayi yo guhamagariramo abana
7. Ikusanyirizo ry'amakuru y'imyigire y'umwana n'indi myitwarire
Iryo kusanyirizo ryerekana imyigire y'umwana n'ibyo agenda ageraho muri buri kigwa bigafasha umurezi kwita ku byo abana bakeneye binyuze mu kunoza ibikorwa abategurira, aho bigira, uburyo bakorana n'ibikoresho bikoreshwa mu ishuri.

8. Ibyifashihwa mu isuzuma: Umurezi kandi yakoresha ibyifashishwa mu isuzuma mu gukusanya amakuru ajyanye n’imyigire y’umwana (Reba urugero dusanga 4.4). Isuzuma rikorwa umurezi nyitegereza uko umwana yishimiye ibikorwa. Urugero: Isuzuma rishobora gukorwa umurezi yitegereza uko umwana yishimiye ibitabo by’inkuru byemejwe na REB.

Ibidanago bireba ubuyobozi bw’ikigo k’ishuri

9. Igitabo cy’abashyitsi cyandikwamo serivisi ziba zatanzwe, amatariki n’umukono w’umukozi ushinze ubuzima
10. Amakarita y’igenzura ry’ubuzima bw’abana
11. Amafishi y’iyandikikwa ry’abana akubiyemo amakuru ku buzima, inkingondetse na terefoni yakwifashishwa mu gihe bibaye ngombwa
12. Ibipimo n’imirongo ngenderwaho by’ibanze mu burezi bw’amashuri y’inshuke mu Rwanda

4. Akamaro ko kwiga binyuze mu mikino:

Gukina ni igice cy’ingenzi cy’uburezi mu mashuri y’inshuke. Bifasha umwana mu ntambwe z’imikurire guhera umwana avutse: Kwiga akorakora ku bintu binyuranye, ashakisha kumenya uko biteye we ubwe yiyoboye. Byubaka ubumenyi ngiro mu ngeri zose z’imikurire y’umwana kandi bimufasha kugera ku ntego zo kwiga.



Ishusho ya 8 - Ingeri 5 z’imikurire y’umwana nk’uko zavuzwe mu Nteganyanyigisho Ishingiye ku bushobozi

5. Ibiranga kwiga binyuze mu mikino:

Kugira ngo imikino igere ku ntego zo kwiga igomba kuba irangwa n'ibi bikurikira:

1. Kuba itera ibyishimo: Imikino ituma habaho kwishima
2. Kuba ifite icyo isobanuye: Abana babona ibisobanuro mu byo biga iyo babihuza n'ibintu basanzwe bazi.
3. Gufasha gusabana n'abandi: Abana barakorana, bakavugana, bakubaka ubucuti.
4. Gushishikariza gukora: Abana bahita biyumva mu gikorwa kandi ugasanga badapfa kurangara.
5. Gutuma habaho gusubiramo kenshi: Abana baragerageza, bagakora amakosa, bakongera bagasubiramo.



Ishusho ya 9 - Ibiranga kwiga binyuze mu mikino

Mu mutwe wa 1 wahasanga ibisobanuro by'aya magambo. Mu mutwe wa 2 wasangamo ibindi bisobanuro by'uko bategura ibikorwa byo kwiga binyuze mu mikino. Ishuri ritangirwamo amasomo yo kwiga binyuze mu mikino ritandukanye n'ishuri rikoreshe uburyo bushingiye ku murezi. Haba harimo urujya n'uruza rwinshi, urusaku rwinshi ndetse n'imikoranire ikiyongera. Ni ngombwa ko umuyobozi w'ishuri aba azi neza ibijyanye no kwiga binyuze mu mikino n'uburyo bishobora gukorwa.

7.2. Uruhare rwawe ni uruhe mu gushyigikira kwiga binyuze mu mikino ku ishuri uyobora?

Igikorwa cya 2:

- Ni gute wagaragaza uruhare rwawe muri gahunda yo kwiga binyuze mu mikino? Uruhare rwawe ni uruhe? Ita ku bintu 5 biranga ubuyobozi bwiza bw'ishuri.
- Reba urutonde rukurikira ugire ibitekerezo wongeramo.

Ku barezi	<ul style="list-style-type: none"> • Gushishikariza abarezi kugira uruhare rufatika muri gahunda yo guhora biyungura ubumenyi mu mwuga wabo (CPD) ku bijyanye no kwiga binyuze mu mikino hanyuma bashyire mu bikorwa impinduka zibayeho • Gushyiraho igihe cyo guhora biyungura ubumenyi mu mwuga wabo (CPD) ku kwiga binyuze mu mikino • Guteza imbere ubufatanye no kwigiranaho • Gutanga ibikoresho bya ngombwa bikenerwa mu mikino • Guteza imbere ubufatanye mu kwihugura, nko mu gusangizanya ubumenyi (CoP) ku bijyanye no kwiga binyuze mu mikino • Gushyira uburezi bw'abana b'inshuke muri gahunda y'iterambere ry'ishuri, imirimo ya SBM na gahunda yo guhora biyungura ubumenyi mu mwuga (CPD) • Gukora igenzura ry'ireme ry'uburezi n'uburyo abarezi bakora ubushakashatsi • ...
Ku bana	<ul style="list-style-type: none"> • Gukora ibikenewe byose kugira ngo abana bagire imibereho myiza • Gukorana na serivisi zibishinzwe kugira ngo abana bahabwe ibyo bakeneye • Gushyiraho ingamba zo kugira imyitwarire iboneye; kugira ikerekezo kiza kandi guha umwanya abagukeneye bese • ...
Ku babyeyi no ku baturanyi b'abana	<ul style="list-style-type: none"> • Kubamenyesha ko bagomba kwita ku mibereho myiza y'abana no ku mikurire yabo igihe bari imuhira • Kuganira no gukorana, kugaragaza uruhare rwa buri wese • Gukora ubuvugizi bukenewe ku kwiga binyuze mu mikino no kubigaragaza ku ishuri ndetse n'imuhira •

Igikorwa cya 3:

Nyina wa Maurice aje ku ishuri ryawe. Aravuze ati “Nishyurira umwana wange, ariko mbona iyo ari mu ishuri aba yikinira. Tukwishyura amafaranaga yacu, mu gihe cya vuba Maurice akeneye gutegurirwa kwinjira mu kiciro cya 1 cy’amashuri abanza, ariko mbona hano nta kindi abana bakora uretse kwikinira. Ntibinshimishije.”

- Uzamusubiza iki?
- Soma Umutwe wa 6 urebe uko warushaho kunoza igisubizo cyawe.
- Ese Umutwe wa 6 hari icyo ugufashije ku birebana n’ibikorwa wategurira abandi babyeyi? Uzakora iki?

Igikorwa cya 4:

Umurezi Molly yinjiye mu biro byawe. Ati “Mfite impungenge kuri Jerome. Iyo nitegereje ubuzima bwe n’uburyo yitabira amasomo, nsanga byombi biri ku rwego rwo hasi. Akunze kurira kenshi cyane ndetse ntashaka ko hari uwamukoraho. Afite udusebe ku maboko ye. Nyina yambwiye ko ajya yitura hasi kenshi, ariko nge numva ahubwo byaba biterwa n’ikindi kintu kitari icyo. Twakora iki?”

- Uramusubiza iki?

Igikorwa cya 5:

Umurezi Yasenta yinjiye mu biro byawe. Ati “Ndagerageza pe! Usanga ari imibare. Bimeze nk’aho buri gihe mba ndi kubarisha abana. Turaririmba tukanabyina kandi ni byiza. Bazi kubara neza cyane, ariko wagira ngo ni nk’indirimbo. Mu by’ukuri bigaragara ko ari nk’aho nta kintu gishya bari kwiga. Birabarambira. Ndumva ntazi uburyo nzashobora kubageza ku ntera ikurikiraho mu kwiga kwabo. Ndumva ntazi uburyo nabigisha imibare binyuze mu mikino. Ese mushobora kumfasha?”

- Uramusubiza iki?

Igikorwa cya 6:

Umurezi avuye mu mahugurwa yagenewe abarezi bo mu mashuri y’inshuke. Azanye igikarito kiza kirimo ibikoresho binyuranye, harimo igitabo n’ibindi bikoresho byo kwigishirizamo n’ibyifashishwa mu kwiga. Umuyobozi w’ikigo ashaka iyo karito kugira ngo abanze yandike ibikoresho birimo. Umurezi mu mashuri y’inshuke we yifuza guhita atangira kwifashisha ibyo bikoresho agashyira mu bikorwa ibyo yize. Aratinya ko iyo karito itazigera yongera kuva mu biro by’umuyobozi w’ikigo kuva uwo muyobozi avuze ko igomba kujyanwa mu biro bye.

- Ni ibihe bikoresho ukunze kubika mu biro byawe?
- Ni ibihe bikoresho abarezi bakoresha?
- Ni ibihe bikoresho biguma mu ishuri?
- Ni ubuhe buryo bwiza bwo kubika ibikoresho, mu gihe ari bimwe mu bigize uburyo bwo kubaka ubushobozi?
- Uramusubiza iki?

Igikorwa cya 7:

Umurezi Karabo yinjije mu biro by'umuyobozi w'ikigo afite ikibazo kimugoye: Yifuza kuba yagira ibitabo by'inkuru byinshi kurushaho, ariko nta mafaranga afite yo kugura ibitabo. Afatanyije n'umuyobozi w'ikigo arashaka kuganira ku ruhare rw'ababyeyi mu gufasha ishuri kugira ibitabo by'inkuru byinshi kurusha ibihari.

- Uzamusubiza iki?
- Uruhare rw'abaturage rwaba uruhe? Uruhare rwawe se ni uruhe?

7.3. Gutegura aho kwigira hafasha abarezi muri gahunda yo kwiyungura ubumenyi mu buryo buhoraho (CPD)

Nubwo ubumenyi bushya n'ubumenyi-ngiro bushobora gushyirwa mu mahugurwa, gusangira ubumenyi (COP) cyangwa ibikorwa abarezi baturiramo bigamije kunoza umurimo binyuze mu gusoma iyi nyandiko, kwiga nyabyo ubundi bibera ku ishuri, mu cyumba k'ishuri, aho abarezi bihatira gushyira mu bikorwa ibyo bize. Gukora amahugurwa ku buryo bwo kunoza ururimi no gusabana mu ishuri ni intambwe ya mbere yo kwiga hagamijwe kugera ku mpinduka nziza.

Igikorwa cya 8:

Aho kwigira hafasha umurezi uhora yiyungura ubumenyi mu mwuga (CPD) ku kwiga binyuze mu mikino

- Aho kwigira hafasha umurezi haba hameze hate?
- Ni iki wowe ubasha gukora?

Ahantu umurezi yumva afite **umutekano** umufasha mu bikorwa bye byo kwigisha, agerageza **kugaragaza impinduka** mu byo akora, aho yumva afite ubufasha akeneye kandi **ashyigikiwe**, aho hantu niho hitwa *aho kwigira hakwiye*. Imbonerahamwe ikurikira isobanura kurushaho ibintu by'ingenzi mu bigize uburyo bufasha kwiga.

Igikorwa cya 9:

Aho kwigira hafasha umurezi uhora yiyungura ubumenyi mu mwuga (CPD) ku kwiga binyuze mu mikino

- Waba ushyiriraho abarezi bawe uburyo bubafasha gutera imbere, aho bashobora kwibwiriza kugira ibyo bakora kandi bakiyobora ubwabo mu kwiga kwabo, ndetse bakumva ko bashyigikiwe?
- Shaka ibyafasha mu kugira ngo birusheho kunozwa.

Uburyo bufasha umurezi kwiga bukubiyemo ibi bikurikira:

- Kugira ikizere, umutekano n'icyubahiro: Umurezi agomba kugirirwa ikizere n'abayobozi ndetse na bagenzi be.
- Ubuyobozi busangiwe kandi bugera kuri benshi: Abarezi bashobora gufata ubuyobozi mu byo bafitemo ubumenyi bwihariye
- Umuco w'ubufatanye: Hariho umuco wo gukorera no kwigira hamwe
- Ibisobanuro, ikerekezo n'intego bisangiwe: Abarezi bose bagira imyumvire imwe ku birebana no kwiga binyuze mu mikino
- Guhana amakuru mu buryo busobanutse: Hari uguhana amakuru bisobanutse ku bitegerejwe kugerwaho, uguhanga udushya no kugira impinduka
- Ubufasha buyujijwe muri uko gushaka impinduka bikagera ku kwiga binyuze mu mikino

Ni gute nategura neza ahantu ho kwigira?

- Shyiraho ikerekezo cyagutse k'ishuri ku kwiga binyuze mu mikino mu kigo cyawe cy'amashuri y'inshuke.
- Shyiraho uburyo bwo kwiyungura ubumenyi mu bijyanye no kwigisha binyuze mu mikino CPD mu iteganyabikorwa no mu ikurikiranabikorwa.
- Menya ibyo abarezi bakeneye mu kwiyungura ubumenyi ndetse n'ubundi bufasha bakeneye.
- Shyiraho umuco wo kwiga uganisha ku gukorana mu kwiga, ku guteza imbera ubushake bwo kugira no kubaka ubushobozi; abarezi barigana kandi bakigiranaho. Umuyobozi w'ishuri (umuyobozi mukuru, umufashamyumvire w'abarezi (SBM) ashigikira uko kwiga afasha mu gushyiraho uburyo bwo gutanga ibitekerezo bya kinyamwuga (guhuriza abarezi hamwe kugira ngo batekereze ku byavuzwe n'abiga ku birebana n'ishuri ry'umurezi ndetse babifateho ingamba) no gushaka ibisubizo by'ibibazo bibayeho. Ibi bishobora no kubamo kwigira ku bandi hagati y'ibigo by'amashuri.
- Umwanya wo kwibwiriza kw'abarezi; kureka abarezi ubwabo bakigeragereza imikorere mishya banayihuza na gahunda n'imikorere isanzwe.
- Gushyiraho uburyo bwo gukoreramo butanga umutekano aho abarezi bashobora kuganira ku mbogamizi bahura na zo, ibibazo bibagoye hamwe n'ibitekerezo byabo, aho bashobora kugerageza, bagakora amakosa kandi bakayakosora bo ubwabo.
- Gukora ukwitegereza kugamije gusa kumenya ibibera mu ishuri (imiterere y'ishuri, ibikoresho, imikoranire, ibikorwa), bikandikwa kandi ibyagezweho byiza bigashimwa hagamijwe kugera ku buryo bwisumbuyeho ku bijyanye n'imibereho myiza y'abana, ku kwitabira kwiga kwabo no kubigiramo uruhare rugaragara. Wakoresha ibyo ukeneye nk'uko byashyizwe ku mugereka wa 5.
- Shyiraho ingamba zifatika zigomba gushyirwa mu bikorwa hatangwa ibikenewe, ibikoresho, hashyirwaho ahantu ho gukorera hakanatangwa n'igihe ku barezi kugira ngo bige kandi batere imbere.
- Tanga ubufasha n'amahugurwa (reba ibiri buze gukurikiraho).

Igikorwa cya 10:

Umurezi Karori aje mu biro byawe. Yigisha mu mwaka wa 6 w’amashuri abanza. Ati “Sinzi ibyo umurezi Makurata (umurezi mu mashuri y’inshuke) akora mu ishuri rye. Sindabona na rimwe abana bicaye ku ntebe zabo bandika mu makayi yabo. Baba biyicariye mu dutsinda duto biganirira. Ubundi ugasanga hari n’ibikorwa bimwe na bimwe baja gukorera hanze y’ishuri. Ese mu by’ukuri turi ikigo cy’amashuri? Ubwo se ibi turimo ni ibiki koko?”

- Ni iki uzasubiza Karori?

7.4. Shishikaririza abarezi kugira ubufatanye mu kwiga

Muri iki gitabo turavugaga ku mikorere mishya n’ibitekerezo bishya no kubishyira mu bikorwa mu ishuri, bivuze guhindura imikorere. Guhindura ibyari bimenyerewe ntibyorohye. Amahirwe ariko ni uko abarezi batari bonyine. Bashobora gukorera hamwe. **Kwiga birushaho koroha iyo ubikorana n’abandi.**

- Abarezi bashobora gusangira ibyo bagiye bahura na byo mu kazi kabo.
- Abarezi bashobora kwigira ku byo bagenzi babo bagiye bahura na byo
- Abarezi bashobora gufatanya bakagira icyo bakora, bakagitunganya neza, ndetse bakakigerageza

Iyo abarezi bari hamwe bamenya byinshi kurushya bari umwe ukwe undi ukwe, Iyo abarezi batari hamwe bashobora kubona umuti w’ibibazo bahura na byo bigoranye. Bashobora guhana ibitekerezo by’uko bakora neza akazi kabo.

Nk’umuyobozi w’ikigo cy’amashuri ushobora gushishikariza abarezi gukorera hamwe, bamwe bakigira ku bandi.

Soma umutwe wa 5 kugira ngo wunguke ibindi bitekerezo.

Igikorwa cya 11:

Umurezi Karori yakoze amahugurwa ku kwiga binyuze mu mikino. Arimo kugerageza bimwe mu bikorwa bishya ariko akumva atizeye ko hari icyo azageraho. Urashaka kumushyigikira umushishikariza kwiga afatanyije n’abandi. Uzabigenza ute? (Koresha ibitekerezo byatanzwe mu mutwe wa 5).

7.5. Gutanga ubufasha no guhugura

Ubundi buryo bw'imikorere bufite ingufu mu guhora wiyungura ubumenyi mu mwuga ukora (CPD) ni ikiganiro ngarukirane n'umurezi nyuma y'ukwitegereza yakorewe mu ishuri rye. Iki kiganiro ngarukirane kigira ingufu iyo kifashisha amashusho ya videwo kandi gifite **intego** isobanutse.

Ikigamijwe:

Ijambo ry'ingenzi muri gahunda yo kwiyungura ubumenyi mu buryo buhoraho (CPD) muri rusange no mu guhugura by'umwihariko ni *ikigamijwe/intego*. Niba ukwitegereza kwihariye wakoze kwari gufite intego isobanutse, ni nako uko kwitegereza no guhugura byakurikiyeho bizagira isomo rifatika bitanga. Ibuka ko umuntu witegerejwe akanahugurwa ari we ugomba gushyiraho intego. Ariko ibi nanone bigakorerwa hamwe mu bufatanye.

Urugero:

Ikigamijwe mu kwitegereza k'uyu muni kwakorewe umurezi Karori ni ibiranga kwiga binyuze mu mikino nk'uko byagaragariye mu kwiga binyuze mu mukino wakorewe mu nguni. Umufashamyumvire w'abarezi (SBM) (ari we uhugura) ntatinda ku mitako iri mu ishuri, ahubwo yibanda ku kureba niba ibigize umukino byose bihari. Umuyobozi w'ishuri akoresha ibiranga kwiga binyuze mu mikino yifashishije ifishi ikoreshwa mu kwitegereza no kwisuzuma hanyuma akandika ingero zakoreshejwe.

7.5.1. Kwitegereza imyigishirize mu ishuri

Uku kwitegereza imyigishirize mu ishuri ntikuri mu bigize igenzura ry'umurezi, ahubwo rigamije gusa gufasha umurezi gutera imbere mu myigishirize ye. Mu kwitegereza imyigishirize, abayobozi b'amashuri/abafashamyumvire b'abarezi bafasha umurezi ku giti ke cyangwa se amatsinda mato y'abarezi mu gutera imbere mu mwuga wabo.

Mu mbonerahamwe ikurikira harimo ibintu bimwe bigomba kwitabwaho hamwe n'uburyo budasanzwe bwafasha mu gukemura ibibazo biba birimo. Ushobora kandi gukoresha iyi mbonerahamwe nk'urutonde rugufasha kwibuka ibyo ugomba kwitaho.

Mbere yo kwitegereza imyigishirize:

- Nshyiraho ibituma habaho umwuka w'ubwisanzure, w'umutekano n'ubuvandimwe ufasha kugira ngo habeho kwiga.
- Nsobanura neza ko uku kwitegereza atari igenzura rikorewe umurezi.
- Nkorana n'abarezi kugira ngo tumenye ibyo bakeneye cyane gufashwamo no guhugurwamo. Ibi nkabikoresha nk'intangiriro y'ukwitegereza imyigishirize ngiye gukora n'ukwiga k'umurezi. Uku kwitegereza imyigishirize gushobora kandi kugaragaza ibikenewe mu kwiga k'umurezi.
- Twemeranya ku ntego isobanutse y'uguhugurwa k'umurezi n'ukwitegereza ngiye kumukorera.
- Twemeranya ku **ifishi ikoreshwa mu kwitegereza no kwisuzuma** (cyangwa se kuri bimwe mu biyigize) izakoreshwa.
- Nsaba umurezi uburenganzira bwo gufata amashusho ya videwo nkoresheje terefone y'umurezi azakoreshwa cyanecyane mu nama nyumguranabitekerezo tuzakora nyuma yo kwitegereza imyigishirize.

Ifishi ikoreshwa mu kwitegereza no kwisuzuma mu ishuri

Ifishi ikoreshwa mu kwitegereza no kwisuzuma mu ishuri ni ifishi igufasha kuguma ku kigamijwe mu gihe cyo kwitegereza imyigishirize. Iyo fishi igomba rero kuba ihuje n'ikigamijwe kugerwaho mu kwitegereza imyigishirize. Izindi ntego zizanoza ubushobozi bwo kwiga mu gikorwa cya TPD.

Urugero:

- Ku mugereka wa 5 hagaragara Ifishi ikoreshwa mu kwitegereza no kwisuzuma mu ishuri ry'inshuke. Iyi fishi isobanura ibijyanye no kwitegereza ibyiciro byose by'imyigishirize mu ishuri ry'inshuke (aho abana bigira, ibikorwa binyuze mu mikino, imikoranire, ibikoresho)

Izo nyandiko zombi zishobora gukoreshwa uko zakabaye cyangwa se hagakoreshwa gusa ibice bimwe na bimwe birebana n'intego yo kwitegereza imyigishirize n'igikorwa cyo guhugura umurezi.

Mu gihe cyo kwitegereza imyigishirize:

- Nshyiraho ibituma habaho umwuka w'ubwisanzure, w'umutekano n'ubuvandimwe ufasha kugira ngo habeho gusangira ibitekerezo, gukorana no kwiga.
- Nkoresha **ifishi ikoreshwa mu kwitegereza**
- Nitegereza uburyo umurezi yitwara mu bikorwa by'abana (imvugo n'ibitari imvugo).
- Nandika ibyo nabonye/numvise (ibyo nitegereje), atari ibyo nshatse kumva cyangwa ibyiyumvo nagize.
- Mfata amashusho n'amajwi bigufi bigaragaza ibyiza nabonye, hamwe n'ibishobora kunozwa.
- Nita cyane ku ntego zashyizweho mu gihe cyo kwitegereza.

Nyuma yo kwitegereza imyigishirize:

- Nshimira umurezi ku byo nabonye.
- Twumvikana ku mwanya wo kuganira ku byagaragaye mu myigishirize.
- Ndeba mu byo nanditse (ibyo nitegereje) hanyuma nkakuramo:
 - o Ingero nziza zo kwiga binyuze mu bikorwa by'imikino.
 - o Ibyagaragaye nk'ibikenewe gukomeza kwigwa binyuze mu bikorwa by'imikino.
- Mpitamo uduce tw'amashusho n'amajwi twafashwe tugaragaza ibikenewe cyane kwigwa bijyanye n'intego yo kwitegereza imyigishirize twari twihaye.

Igikorwa cya 12:

1. Fatanya n'umwe mu barezi b'ikigo cyawe mutegurane ukwitegereza imyigishirize.
2. Ifashishe inyandiko zibanziriza iyi.
3. Nyuma yo kwitegereza imyigishirize ushobora gukoresha ibintu bigomba kwitabwaho hamwe n'uburyo budasanzwe ndetse n'udukoryo bifasha mu gukemura ibibazo, kugira ngo utagira ibyo wibagirwa. Ni ibihe wakoze neza? Ni ibihe bisaba kongera kubikora neza kurushaho?
4. Teganya nibura ibikorwa 3: "Ubutaha, nza...."

7.5.2. Ikiganiro cyo guhugura no gushyigikira

Iki kiganiro ntikigamiye gushimagiza umurezi cyangwa kumugenzura. Gifite akamaro cyane mu guteza imbere ubumenyi bw'umurezi mu myigishirize. Umuyobozi w'ishuri afasha umurezi ku giti ke cyangwa amatsinda mato y'abarezi gutekereza, kumenya ibintu bigomba kuzamurirwa urwego no gutera indi ntambwe mu kwihugura mu mwuga wabo no kuwuteza imbere.

Aho gutanga amabwiriza y'ako kanya, uhugura aba agamiye gufungurira uwo ahugura uburyo bwo gukoresha ku kigero cyo hejuru gishoboka ubushobozi afite bwo gukora umurimo we. Ni ukubafasha kwiga aho kubigisha. Nk'umutoza, **ntukeneye gutanga ibisubizo** cyangwa umuti w'ibibazo cyangwa ubujyanama mu ntangiriro y'ikiganiro. Mu by'ukuri ufasha uwo uri guhugura gushaka no kubona ibisubizo n'inzira agomba kunyuramo agana imbere.

Mbere y'ubujyanama ngarukirane:

Reba "Nyuma" yo kwitegereza imyigishirize.

Mu gihe cy'ubujyanama ngarukirane:

- Nshimira umurezi ku gikorwa cyo kwitegereza imyigishirize cyarangiye.
- Mfata umwanya wo kugirana ikiganiro na we kandi nkarasa ku ntego.
- Mu gihe hakenewe gukoresha amashusho n'amajwi byafashwe: Turebera hamwe ayo mashusho
- Nsaba abarezi kwikorera igenzura ryabo ubwabo hanyuma bakavuga ibyo bishimiye ko bakoze neza hamwe n'ibyo batishimiye ko batanogeye, birebana n'ntego zemejwe gukurikiza muri gahunda yo kwiga binyuze mu bikorwa by'imikino.
- Mbasangiza ibyo nitegereje aho byaba biri bugire icyo bibafasha.
- Mbasaba kugumana ibibazo byabo. Mpuza imibereho myiza y'abana n'uburyo bitabira kwiga n'ibikorwa by'umurezi.
- Mfasha abarezi gukomeza kugendera ku ntego yemejwe no gutekereza byimbitse ku byabonywe mu kwitegereza imyigishirize. Mvuga ibintu bigaragara kandi ngakoresha ingero zifatika z'ibyo nitegereje (ibikorwa by'abarezi n'icyo byatumye abana bageraho).
- Nsaba abarezi kuvuga uko bumva ibintu byanzwe /bigahuzwa n'imyigire inyuze mu bikorwa by'imikino.
- Mfasha abarezi kugera ku buryo bwihariye kandi bushoboka bwo gukomeza bajya imbere.
- Mbaza abarezi kuvuga ubufasha bakeneye ku bizakurikiraho.
- Mpuza ibyagezweho mu kwitegereza imyigishirize n'ibindi bishobora kuzigwaho hagamiywe guteza imbere umwuga w'uburezi:
 - o Nsangira ibitekerezo n'abarezi kandi tukaganira ku mfashanyigisho nk'amashusho arimo n'amajwi, imiteguro y'amasomo, ...
 - o Abarezi bahabwa umwanya wo ugerageza imyigishirize mishya yavuye mu bitekerezo byatanzwe kandi yahujwe na gahunda ziriho
 - o Abarezi bashobora kurebera ku mikorere myiza ya bagenzi babo (muri icyo kigo cyangwa se ahandi mu Karere) bafite ubunararibonye muri icyo myigishirize (urugero: Uyu murezi ashoboye kubaza neza ibibazo bifunguye kandi bisobanutse)
 - o Abarezi bashobora gukorana n'abandi mu kwigira hamwe ibindi bijyanye n'ibyigwa baba bahisemo
- Mbaza abarezi uko bakiriye ikiganiro ngarukirane: "Hari icyo nanoza mu buryo nakoresheje muri iki kiganiro?" "Ni iki cyazabaho mu kwitegereza imyigishirize no mu kiganiro kizakurikiraho ubutaha, kugira ngo bizakubere umwanya w'ingirakamaro kurushaho mu kwihugura kwawe?"

Nyuma y’ubujyanama ngarukirane:

- Nshyiraho uburyo n’igihe abarezi bakoresha bagerageza/bashyira mu bikorwa imyigishirize mishya yabafashije.
- Mpuza ibyagezweho mu kwitegereza imyigishirize n’ibindi bishobora kuzigwaho hagamijwe guteza imbere umwuga w’uburezi:
 - o Nsangira ibitekerezo n’abarezi kandi tukaganira ku mfashanyigisho nk’amashusho arimo n’amajwi, imiteguro y’amasomo ...
 - o Abarezi bahabwa umwanya wo kugerageza imyigishirize mishya yatanzwe kandi yanogejwe
 - o Abarezi bashobora kurebera ku mikorere myiza ya bagenzi babo muri icyo kigo cyangwa se ahandi mu Karere) bafite ubunararibonye muri icyo myigishirize (urugero: uyu murezi ashoboye kubaza neza ibibazo bifunguye kandi bisobanutse)
 - o Abarezi bashobora gukorana n’abandi mu kwigira hamwe ibindi bijyanye n’ibyigwa baba bahisemo
- Nkurikirana ishyingira mu bikorwa ry’ibyo twumvikanyeho.
- Nshishikariza abarezi gukora bagamije kugera ku ntego kandi nkabashimira ibyo baba bagezeho.
- Ntanga ibitekerezo ku guhugura abarezi nkora nsubiza ibibazo mba nabajijwe binyuze “mu gikorwa cyo gushyira ibibazo mu gasanduku”.

Iki kiganiro ngarukirane kigira akamaro cyane iyo gishyizwe mu bikorwa hifashishijwe amashusho ya videwo.

Guhugura hifashishijwe amashusho ya videwo

Guhugura hifashishijwe amashusho ya videwo ni uguhugura hadakoreshejwe gusa amakuru yanditswe n’uwitegereje imyigishirize ahubwo hifashishijwe n’amashusho ya videwo aba yafashwe mu gihe cyo kwitegereza imyigishirize. Ikiganiro gihugura kiba kiza kurushaho kubera ko umurezi aba ashobora kwibonera na we ubwe ibyo uwitegereje imyigishirize (uhugura, umuyobozi w’ishuri) aba yabonye. Umurezi atekereza kurushaho ku byabaye, hanyuma n’uhugura akabona umwanya wo guteza amatwi kurushaho. Mu kurebera hamwe ayo mashusho, abarezi babona neza ibyo bazanoza ubwabo.

Abarezi bashobora gufata amashusho ajyanye n’amajwi ubwabo cyangwa bagasaba mugenzi wabo cyangwa uhugura kubikora. Uhugura n’umurezi barebera hamwe ayo mashusho hanyuma bakagirana ikiganiro ngarukirane bayifashishije.

Icyakora, abarezi ntibakunda kumva buri gihe bishimiye gufatwa amajwi n’amashusho.

Wabigenza ute?

- Saba uburenganzira umurezi. Ubahiriza icyo umurezi ahisemo.
- Koresha *terefone igendanwa y’umurezi* muri uko gufata amajwi n’amashusho. Ubikoze gutyo umurezi ni we ugumana ayo mashusho ajyanye n’amajwi akaba ari aye bwite.
- Fata amashusho n’amajwi by’iminota mike bigaragaza ibyiza wabonye, hamwe n’ibikeneye kunozwa.

Igikorwa cya 13:

1. Fatanya n’umwe mu barezi bo ku kigo cyawe mutegure ubujyanama ngarukirane.
2. Ifashishe inyandiko ibanziriza iyi ikuyobore.
3. Nyuma yo kwitegereza imyigishirize ushobora gukoresha ibintu bigomba kwitabwaho hamwe n’uburyo budasanze bifasha mu gukemura ibibazo, kugira ngo utagira ibyo wibagirwa. Ni ibihe wakoze neza? Ni ibihe ugomba kunoza?
4. Teganya nibura ibikorwa 3: “Ubutaha, nza....”

Ushaka kumenya byinshi kurushaho ku biri muri uyu mutwe

Hari ibindi bishobora kugufasha kumenya byinshi kurushaho ku bijyanye n’iyi ngingo.

- Rwanda Education Board (2015). Curriculum for pre-primary school from 3-6 years, Republic of Rwanda.
- Rwanda Education Board (2016). School-Based Mentor Program Framework, 2017-2022, Kigali.
- Rwanda Basic Education Board (2021). A handbook for new teachers in Rwanda, Kigali.
- Rwanda Basic Education Board (2020). Professional standards for effective school leadership in Rwanda, Kigali.

Inyandiko zifashishijwe

- Booth, T., & Ainscow, M. (2016). *Index for inclusion: a guide to school development led by inclusive values (4th ed.)*. Cambridge: Index for Inclusion Network.
- Boelen, V. (2021). *Interview about the link between numeracy curriculum in Flanders, Belgium and a powerful learning environment*.
- Duerloo, M. & Merckx, A. (2015). *Pre-maths in pre-school. Presentation adapted and used during VVOB training workshop 26 - 28 July 2016, Chongwe, Zambia*.
- Jensen, H., Pyle, A., Zosh, J. M., Ebrahim, H. B., Zaragoza, Scherman, A., Reunamo, J., & Hamre, B. K. (2019). *Play facilitation: the science behind the art of engaging young children (white paper)*. The LEGO Foundation, DK.
- Laevers, F., Moons, J., & Declerq, B. (2012). *A process-oriented child monitoring system for the early years (POMS)*. Leuven: CEGO Publishers.
- Ministry of General Education Zambia (2020). *ECE emergent Literacy manual, Zambia*.
- Ministry of Education Zambia (2021). *Learning through play in Early Education, teacher's manual, Zambia*.
- Ministry of Health Kenya (2018). *PATH, Stages of child development, Kenya. Sense (s.d.). Making play inclusive. A toolkit for play settings*.
- Pyle, A. & Danniels, E. (2017). *A Continuum of Play-Based Learning: The Role of the Teacher in Play-Based Pedagogy and the Fear of Hijacking Play, Early Education and Development, 28:3, 274-289, DOI: 10.1080/10409289.2016.1220771*.
- Right to Play (2021). *Play Opportunities for Wellness and Education Resource*.
- Rwanda Basic Education Board (2020). *Teacher's guide on making teaching and learning materials for pre-primary schools. Inyoborabarezi yo gukora imfashanyigisho n'ibikinisho mu mashuri y'inshuke*, Ministry of Education, Republic of Rwanda.
- Rwanda Basic Education Board (2020). *Numeracy in pre-primary schools grade 1, 2, 3. Teacher's book. Imibare. Amashuri y'Inshuke: Igitabo cy'Umwaramu, Umwaka wa 1, 2, 3*. Ministry of Education, Republic of Rwanda.
- Rwanda Basic Education Board (2020). *Professional standards for effective school leadership in Rwanda*, Kigali.
- Rwanda Basic Education Board (2021). *Guidance on assessment and documentation in nursery schools*. Presented on 22/11/2021.
- Rwanda Basic Education Board (2021). *Overview on the Early Childhood Education (ECE) in Rwanda*. Presented on 11/9/2021.
- Rwanda Basic Education Board (2021). *A handbook for new teachers in Rwanda*, Kigali.
- Rwanda Basic Education Board (2021). *Learning through play. A Guide for Rwandan primary school teachers*, Ministry of Education, Republic of Rwanda.

- Rwanda Education Board (2015). *Curriculum for pre-primary school from 3-6 years*, Ministry of Education, Republic of Rwanda.
- Rwanda Education Board (2015). *Teacher's Guide for Pre- Primary Curriculum. Inyoborabarezi ku Nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke*, Ministry of Education, Republic of Rwanda.
- Rwanda basic Education Board (2021). *Teacher's Guide for Pre- Primary Curriculum. Inyoborabarezi ku Nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke*, Ministry of Education, Republic of Rwanda.
- Rwanda Education Board (2016). *School-Based Mentor Program Framework, 2017-2022*, Kigali.
- Verhelst, M. (Ed.) (2009). *Framework of reference for Early Second Language acquisition*, Strasbourg: Council of Europe.
- VVOB (2018). *Putting SDG4 into practice: Learning through play*. Technical Brief Nr 3.
- VVOB (2019). *Gender-Responsive Pedagogy in Early Childhood Education: A toolkit for teachers and school leaders*.
- VVOB (2020). *Ensuring children's wellbeing and involvement in Vietnamese preschools: A practical guide for reflective teachers*, Vietnam.
- VVOB (2020). *Supporting school-based Teacher Professional Development - A practical source book for TPD facilitators*. Da Nang, Vietnam.
- VVOB (2021). *Language Rich Interactions in the Preschool – A Guide for Preschool Teachers*, Vietnam.
- VVOB (2021). *Materials for Learning through play in Primary Schools*, Vietnam.
- Zosh, J. M., Hopkins, E. J., Jensen, H., Liu, C., Neale, D., Hirsh-Pasek, K., Solis, S. L., & Whitebread, D. (2017). *Learning through play: a review of the evidence (white paper)*. The LEGO Foundation, DK.
- Zosh JM, Hirsh-Pasek K, Hopkins EJ, Jensen H, Liu C, Neale D, Solis SL and Whitebread D (2018). *Accessing the Inaccessible: Redefining Play as a Spectrum*. *Front. Psychol.*9:1124. doi: 10.3389/fpsyg.2018.01124
- <https://www.cdc.gov/ncbddd/actearly/milestones/index.html>, consulted on 21/09/2021
- <https://pz.harvard.edu/sites/default/files/Playful%20Learning%20Assessment%20Tool.pdf>, consulted on 18/09/2021
- <https://www.legofoundation.com/en/why-play/skills-for-holistic-development/>, consulted on 21/09/2021
- <https://www.legofoundation.com/media/2869/learning-through-play-experience-tool-v28-final.pdf>
- <https://www.legofoundation.com/en/learn-how/knowledge-base/accessing-the-inaccessible-redefining-play-as-a-spectrum/>, consulted on 21/09/2021
- https://www.researchgate.net/figure/Play-conceptualized-as-a-spectrum-captures-playful-experiences-that-differ-along-a_fig1_326795314, consulted on 21/09/2021
- <https://www.scottishautism.org/services-support/support-families/information-resources/play>, consulted on 21/09/2021

<https://www.simplypsychology.org/piaget.html>, consulted on 13/01/2022

<https://www.unicef.org/sites/default/files/2018-12/UNICEF-Lego-Foundation-Learning-through-Play.pdf>, consulted on 10/08/2021

























Imigereka
















Umugereka wa 1: Intambwe z'imikurire y'umwana

Intambwe z'imikurire y'umwana kuva ku mwaka 1 kugeza ku myaka 5

Kata iyi mbonerahamwe mo ibice hanyuma ukore umukino wo guteranya amashusho

Ibyiciro by'imikurire y'umwana

	Amezi 3	Amezi 6	Imyaka 1	Imyaka 2	Imyaka 3	Imyaka 5
Imikorere rusange y'ingingo	 Yegura umutwe	 Aricara afashe n'amaboko	 Arakambakamba, agahaguruka	 Agenda afashe ku kintu	 Ashobora kwiruka	 Azamuka ingazi n'intambwe ndende
Imikorere y'ingingo yoroheje	 Aba yakora ku kintu kimwegereye	 Afata ibintu mu kiganza	 Afata ibintu mu maboko, abiherekanya mu biganza	 Yakubaka ibintu byoroheje mu bikinisho	 Ashobora gukora amahurizo yoroheje	 Atera akanafata umupira, yigana ibishushanyo
Imibanire n'abandi	 Amenya nyina akamusekera	 Yigana ibimenyetso byoroheje	 Yigana ibikorwa byoroheje	 Atangira gukinira hamwe n'abandi	 Akina akanasangira ibikinisho n'abandi	 Akinana n'itsinda, atandukana na nyina byoroshye
Kumva	 Aratuza iyo yumvise ijwi ridasanzwe	 Ahindukirira kureba aho ijwi yumvise riturutse	 Yishimira kumva indirimbo	 Yerekeza aho ibintu bisakuriza akanabitunga urutoki	 Yumvira amabwiriza yoroheje	 Agira amatsiko, akurikirana ibisobanuro ahabwa

	Amezi 3	Amezi 6	Imyaka 1	Imyaka 2	Imyaka 3	Imyaka 5
Kureba	 Areba ibintu bibengerana	 yitegereza ibibengerana n'ibinyeganyega	 Akururwa akagerageza gufata ibibengerana	 Agira amatsiko, yegera ibyo yitegereza	 Avangura ibintu akabishyira mu byiciro bimwe	 Amenyera ibintu n'ahantu mu ntera ndende.
Kuvuga	 Araseka akanasohora amajwi	 Asubiramo amajwi yoroshye	 Amenya amazina y'abantu, asubira mo amajwi n'amagambo yoroshye	 Akora interuro zoreshye zigizwe n'ijambo rimwe cyangwa abiri (Amazi)	 Aba ashobora kubaza ibibazo akanasubiza ibisubizo byoroheje (Ngwino) (Yego, ndaje)	 Aba azi amagambo menshi, abara inkuru, asobanura imiterere y'ikintu
Kwiyitaho	 Aronka	 Arya ibiryo byoroshye / binombye	 Anywera ku gikombe	 Yikarabya intoki, akanarisha ikiyiko	 Ashobora kwiyambika no kwiyambura	 Ashobora gukora imirimo yo mu rugo yoroheje

Niba umwana wawe adashobora gukora kimwe cyangwa byinshi muri ibi bikorwa bijyanye n'imyaka ye, mujyane ku kigo nderabuzima akorerwe isuzumwa.

Intambwe z'imikurire y'umwana kuva ku mwaka 4 kugeza ku myaka 8

Kata iyi mbonerahamwe mo uduce hanyuma ukore umukino wo guteranya amashusho

Imyaka 4-8	Imyaka 4	Imyaka 5	Imyaka 6-8
Ubwenge	<p>Ashobora kubara</p> <p>Ashobora gushushanya umuntu ugizwe n'imirongo</p> <p>Ashobora kuvuga ibiza gukurikiraho mu nkuru</p> <p>Ashobora gukina imikino yo ku kibaho yoroshye</p> <p>Ashobora kuvuga amwe mu mabara, imibare, n'inyuguti nkuru</p>	<p>Gushushanya "abantu"</p> <p>Kubara kugeza ku bintu 10</p> <p>Ashobora gukoporora inyuguti, imibare, n'amashusho yoroheje</p> <p>Yumva uko ibintu byoroheje bikurikirana</p> <p>Ashobora kuvuga izina na aderesi</p> <p>Azi amabara menshi</p>	<p>Ashobora kubahiriza amabwiriza agizwe n'intambwe 3 cyangwa nyinshi</p> <p>Ashobora kubara asubira inyuma</p> <p>Azi gutandukanya ibumoso n'iburyo</p> <p>Ashobora kuvuga isaha</p>
Imibanire n'imbamutima	<p>Ashobora gukina imikino irimo inshingano.</p> <p>Urugero: umubyeyi n'umwana</p> <p>Akina n'abandi bana. Ntabo abarebera</p> <p>Avuga ibyo bakunda n'ibyo yanga</p> <p>Azi kwigana; ashobora kutamenya gutandukanya iby'ukuri n'ibyiganano</p>	<p>Azi ibyerekeye ibitsina</p> <p>Akunda gukina n'inshuti</p> <p>Azi kuririmba, kubyina, kandi ashobora gukina udukinamico tw'abana</p> <p>Arahindagurika: Kwemera cyangwa kwinangira</p> <p>Ashobora gutandukanya ikintu k'igihimbano n'icy'ukuri</p>	<p>Afatanya kandi akina n'abandi</p> <p>Ashobora gukina n'abana b'ibitsina binyuranye</p> <p>Yigana imyitwarire y'abakuze</p> <p>Agira ishyari</p> <p>Ashobora kudasobanukirwa neza ibyerekeye imibiri</p>
Ururimi kavukire	<p>Ashobora kuvuga ibibera mu kigo cyangwa ku ishuri</p> <p>Akoresha interuro mu kuvuga</p> <p>Ashobora kumenya cyangwa kuvuga imivugo</p> <p>Ashobora kuvuga amazina ye yombi</p>	<p>Ashobora kubara inkuru ifite injyana</p> <p>Asubiramo imivugo y'inshuke cyangwa aririmba indirimbo</p> <p>Ashobora kuvuga inyuguti n'imibare</p> <p>Ashobora gusubiza ibibazo byoroshye ku nkuru</p>	<p>Ashobora gusoma ibitabo byo ku rwego rw'umwaka yigamo</p> <p>Yumva ijambo (imbwirwaruhame) kandi avuga neza</p>

Imyaka 4-8	Imyaka 4	Imyaka 5	Imyaka 6-8
Kunyeganyega/ Igihagararo n'ingufu	Ashobora gutsindagira umusumari w'igiti mu mwenge Ashobora kugenda ikijyanyuma Kurira ingazi atikanga Ashobora gusimbuka Ashobora gusuka ibisukika bamufashije	Ashobora gukina gatebegatoki Ashobora gukoresha imikasi Ashobora gusimbuka cyangwa guhagarara ku kaguru kamwe amasegonda 10 Ashobora kwicunda ku myicungo Ashobora kwiyana mu bwihereho	Ashobora gusimbuka umugozi cyangwa gutwara igare Ashobora gushushanya cyangwa gusiga irangi Ashobora koza amenyo, gusokoza umusatsi no gukora imirimo y'ibanze yo kwitunganya Ashobora gukora ibikorwa yubaka umubiri kugira ngo arushaho kwimenya

Ivomo: <https://www.cdc.gov/ncbddd/actearly/milestones/index.html>

Umugereka wa 2: Amagambo yerekeye igitsina




Kata iyi mbonerahamwe mo ibice hanyuma ukore umukino wo guteranya amashusho

Amuga	
Igitsina	Imimerere y'umubiri abantu bafite nk'ibinyabuzima ibagaragaza nk'abazaba abagabo cyangwa abagore
Igitsina	Ibiranga umuntu, imibereho n'imibanire ye bifitanye isano no kuba ari igitsina gabo cyangwa igitsina gore.
Kwiyumva mu bantu b'igitsina runaka	Uburyo umuntu yiyumva muri we nk'umugabo cyangwa umugore.
Inshingano zigenewe abantu b'igitsina	Ibikorwa, imirimo n'inshingano bigenewe itsinda ry'abantu hagendewe ku gitsina cyabo. Urugero: Abagabo bajya mu giporisi; abagore bamesa imyenda.
Kubusanya inshingano zishingiye ku gitsina runaka	Iyo umuntu adahuza n'inshingano zisanzwe zigenewe igitsina ke. Urugero: Umukobwa uvugiriza, umuhungu urira, umugore akina rugubi (rugby) ...
Ibogama rishingiye ku gitsina runaka	Itandukaniro ribangamye mu buryo abagore cyangwa abagabo, abakobwa cyangwa abahungu bafatwa.
Imyumvire y'ivangura rishingiye ku gitsina	Imyizerere yerekeye ibiranga umuntu, imyitwarire n'inshingano z'itsinda runaka, hashingiwe ku gitsina cyabo. Urugero: Abagore bagomba kwita ku bana naho abagabo bagatunga umuryango.
Ivangura rishingiye ku gitsina	Kubuza umuntu amahirwe yo kwiga, kubona akazi gafatika, kugira uruhare muri politiki cyangwa gutera imbere mu bukungu hashingiwe ku gitsina ke. Urugero: Abagore ntibemerewe gutora.
Ihame ry'uburinganire	Kuba abagore, abagabo, abakobwa n'abahungu bose bagira uruhare rungana mu nzego zose za sosiyete, haba mu mashuri ndetse n'aho bakorerwa.
Uburinganire bw'ibitsina byombi	Kuba nta vangura rishingiye ku gitsina cy'umuntu. Ibi bivuze ko sosiyete ibona ko abantu bose bangana, hatitawe ku gitsina cyabo.
Ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi	Ni inzira yo kudatsikamira abagore, abagabo, abahungu n'abakobwa. Kugira ngo bigerweho, akenshi hafatwa ingamba zo kuziba icyuho cyabayeho hagati y'abagore n'abagabo kubera amateka, cyagiye kibabuza gukorera ku rwego rumwe.
Kwita ku buringanire	Gahunda n'ibikorwa bikemura ibibazo bitandukanye kandi byita ku byifuzo by'abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa, cyangwa gufata ingamba zo gukosora cyangwa gukumira ibogama, ihohoterwa n'ivangura rishingiye ku gitsina hagamijwe kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye.
Imyigishirize yita ku buringanire	Imyigishirize n'imyigire yita ku bintu byihariye abakobwa n'abahungu bakeneye. Mu byitabwaho twavugaga: Gutegura amasomo, kwigisha, gutunganya no gucunga ishuri hamwe no kuyobora ibindi bikorwa.

Umugereka wa 3: Intambwe z'imikurire mu kumva imibare

Kata iyi mbonerahamwe mo ibice hanyuma ukore umukino wo guteranya amashusho

Inshoza	Igisobanuro	Wabikora ute? (Ibikorwa)
Kubara mu magambo	Iyo umwana abara avuga bimufasha kumenya amagambo avuga imibare n'uburyo ikurikirana	Indirimbo Imivugo 1, 2, 3 mushiki wange yitwa Mariya, Ashobora gukoma amashyi, Ashobora gutera intambwe, 1, 2, 3 mushiki wange yitwa Mariya
Ibara ryitiranya imibare	Umwana atangira kubona isano iri hagati y'ingano y'ibintu n'umubare wabyo ariko aba ataramenya ihame ryo guhuza ibintu kimwe kimwe Ni ngombwa ko: <ul style="list-style-type: none"> - Abana bakoresha ibintu bifatika muri iki kiciro. - Buri mwana agomba gukoresha ibikoresho bifatika kugira ngo yitoze kubara ibintu (ntabwo arebera abandi babara) 	Gukoresha ibikoresho bifatika, ibikorwa byo kubara
Ibara rifite injyana	Kubara no kwerekana ibintu binyuze mu: <ul style="list-style-type: none"> - Kubyimura - Kubyerekana - Kubireba gusa Kudasimbuka ibintu cyangwa kutabara ibintu kabiri Umwana yamenye ihame ryo guhuza ibintu kimwe kimwe	Imikino yo ku kibaho yoroshye bakoresheje ibibarisho cyangwa agakarito kariho imibare bigiraho kubara bishobora gufasha guteza imbere ihame ryo guhuza ibintu kimwekimwe. Ibiyega birafasha. Urugero: Ishusho y'imbata igenda ku rubaho

Inshoza	Igisobanuro	Wabikora ute? (Ibikorwa)
Ibara nganagiteranyo	<p>Uzi ko...</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ushobora kubara ikintu cyose inshuro imwe. - Ikivuzwe bwa nyuma = igiteranyo - Imibare ikurikirana uko irutanwa - Aho watangirira hose ntacyo bitwaye - Si ngombwa ko ibintu biba ari bimwe - Uburyo ibintu bitondetse ntacyo bivuze - Buri mubare ufite umwanya wihariye Abana bumvise ihame ry'ibara nganagiteranyo. 	
Kubara ibintu bitondetse kuri gahunda	Gutondeka ibintu bakurikije uruhererekane rwisubiramo mu gihe ubara	
Ihame ryo kuzirikana	<p>Ibintu binyanyagiye cyangwa bitondetse neza; ibintu bito cyangwa binini: Intera cyangwa ingano ntibihindura umubare w'ibintu</p> <p>Kugira ngo abana babyumve, bakeneye kubasha kubara ibintu byinshi bitandukanye...</p>	

Inshoza	Igisobanuro	Wabikora ute? (Ibikorwa)
Kubara mu buryo bunyuranye	<p>Kubara mu buryo bunyuranye ni ubumenyi bugora abana benshi. Abana bamwe bashobora kunguka bumwe muri ubwo bumenyi mu mwaka wa 1.</p> <p>Hakubiyemo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kubara uhereye ku mubare utandukanye na rimwe - Kubara ibintu mu matsinda agizwe n'ibintu 2 cyangwa 10 (cyangwa undi mubare) - Kubara usubira inyuma 	<p>Imikino ifite amabwiriza</p> <p>Iyo ugiye gutangira ikintu: 3, 2, 1, genda!</p>

Umugereka wa 4: Urugero rw'umuteguro w'isomo ku bikorwa by'imibare binyuze mu mikino

1. Urugero rw'umuteguro w'isomo rya 1: kubara ibintu bifatika, gutangira kwigisha umubare 5

Ishuri	Umwaka w'amashuri	Igihembwe	Icyumweru	Itariki	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Umwaka wa 2						
Ikigwa	Imibare					
Insanganyamatsiko y'icyumweru	Ibigo n'imirimo					
Umutwe	Umutwe wa 1: Imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Abana bashobora gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5					
Umutwe w'isomo	Kumenya umubare 5					
Ubushobozi nsanganyamasomoni n'ingingo nsanganyamasomo	<ul style="list-style-type: none"> - Gutekerezanya ubushishozi binyuze mu gushyira ibintu mu matsinda bakurikije umubare bamaze kwiga; kumenya umubare mushya - Kwigisha abana amahoro no guha abandi agaciro binyuze mu kumvikana ku bitekerezo bitandukanye. - Gusubiza ibibazo binyuze mu kumenya no gusoma umubare bamaze kwiga bahereye ku mibare bize mbere. 					
Intego ngenamukoro	Binyuze mu kugenda bahuza ibikoresho bifatika kimwe kimwe, abana bashobora kubara neza ibintu kuva kuri 1 kugeza kuri 5 binyuze mu gufatanya gukina no kuririmba.					
Imfashanyigisho	Igikarito kirimo amacupa, igikarito kirimo amabuye yo gukinisha, igikarito kirimo imifuniko y'amacupa, igikarito kirimo amakaramu, igikarito kirimo amatafari abaje mu giti.					
Ibibazo byihariye abana bafite mu myigire byo kwitabwaho mu isomo n'umubare w'abanyeshuri muri buri kiciro						
Ibikorwa by'umurezi n'ibikorwa by'abana						

Igihe n'intambwe	Ibikorwa by'umurezi	Ibikorwa by'abana
<p>Intangiriro Iminota 3</p> <p>Gukina "Indirimbo y'imibare"</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gukina "Indirimbo y'imibare". Saba buri mwana guhaguruka maze urebe neza ko ujyana n'abana ku buryo babasha kugukurikira no kwigana ibyo ukora. - Fatanya n'abanyeshuri gukina indirimbo y'imibare - Kuririmba indirimbo ukora ibimenyetso no gushishikariza buri mwana kujyana n'umurezi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Buri mwana arahaguruka akigana ibyo umurezi akora kandi bajyana. - Abana baririmba indirimbo y'imibare: Indirimbo "1-2 Simbuka! 3-4 Simbuka! 4-5 Simbuka! - Kuririmba indirimbo no gukora ibimenyetso hamwe n'umurezi. Baririmba kandi bakina bahindukira, bakoma amashyi, banasimbuka!
<p>Kurambura isomo (iminota 25)</p>	<p>Kubara ibintu (1-4)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Saba abana kwicara mu matsinda 5 bareba umurezi. - Buri tsinda rihabwa igikarito 1 n'ibibarisho (itsinda rya 1: Igikarito kirimo amacupa, itsinda rya 2: Igikarito kirimo amabuye yo gukinisha, itsinda rya 3: Igikarito kirimo amacupa, itsinda rya 4: Igikarito kirimo amakaramu, itsinda rya 5: igikarito kirimo amatafari abaje mu giti) - Saba abana gufata mu gakarito kabo, "imifuniko 2/amatafari abaje mu giti 2/ amabuye yo gukinisha 2/...". Bafashe kubara mu gihe bafata ibintu. Andika umubare 2 ku kibaho mu gihe utanga amabwiriza. Reka abana bongere babare ibintu bakuye mu gakarito. - Reka abana basubize ibikoresho mu gakarito - Subiramo umubare 1 na 3 - Saba abana gufata mu gakarito kabo, "imifuniko 4/amatafari abaje mu giti 4/ amabuye yo gukinisha 4/...". Bafashe kubara mu gihe bafata ibintu. Andika umubare 2 ku kibaho mu gihe utanga amabwiriza. <p>Gutangira kwigisha 5</p> <ul style="list-style-type: none"> - "Ubu tumaze kubara kugeza kuri 4. Nyuma ya 4 hakurikiraho iki?" Tangira kubara "1... 2... 3... 4...?" Tegereza urebe niba hari 	<p>Kubara ibintu (1-4)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Abana bicara ku ruziga bareba umurezi - Abana bakura mu gakarito umubare umurezi aberetse kandi babara. - Abana bongera ibikoresho bakuyemo "1... 2" - Abana basubiza ibikoresho mu gakarito. <p>Gutangira kwigisha umubare 5</p> <ul style="list-style-type: none"> - Abana bakura mu dusanduku ibintu 5 umurezi avuze kandi babibara. - Abana bakora amatsinda menshi y'ibintu 5.

	<p>umwana ubasha kuvuga “5”. Andika umubare 5 ku kibaho mu gihe usobanura uko 5 yandikwa.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Saba abana gufata mu gakarito kabo, “imifuniko 5/amatafari abaje mu giti 5/ amabuye yo gukinisha 5/...”. Bafashe kubara mu gihe bafata ibintu. - Reka abana mu matsinda bakore ibirundo by’ ibintu 5 bakuye mu makarito yabo, kugeza ibintu byose babirangije. Hasigaye ibintu bingahe? <p>Gukora ku bintu biri mu ishuri</p> <ul style="list-style-type: none"> - Saba buri wese guhaguruka. Umurezi avuga ibintu biri mu ishuri, abana bakiruka bakabikoraho (urugero: Umurezi: Aamakaramu atanu!" amakaramu y’amabara atanu, inkweto eshanu, abana 5, n’ibindi ...). - Saba abana gusubiza ibikoresho byose mu gikarito hanyuma bicare ku ruziga - Ibi bishobora no gukorerwa hanze <p>Gutegura urupapuro rumanikwa rwanditseho umubare 5</p> <ul style="list-style-type: none"> - Fata urupapuro rumanikwa/igipapuro kinini (flip chart) maze wandike umubare 5 hagati - Baza abana niba bafite ingero z’ibintu biboneka ari 5? Ushobora gukangura ibitekerezo byabo ubereka ikiganza cyawe: mfite intoki zingahe? Eshanu (5). Ubwo bivuze ko ikiganza kigira intoki 5. Reka nshushanye ikiganza ku rupapuro rwacu rumanitse! Mushobora gutekereza ibintu bigizwe n’ibindi bitanu? (ingero: umuryango w’abantu 5, umuntu wujuje imyaka 5, ikirenge gifite amano 5, inka ifite utudomagure 5 ... - Niba hari ibitekerezo bije, bishushanye ku rupapuro rumanitse. Niba abana nta bitekerezo, nta kibazo. Manika urupapuro ku rukuta maze ufatanye n’abana gukusanya ibitekerezo mu minsi ikurikiye. 	<p>Gukora ku bintu biri mu ishuri</p> <ul style="list-style-type: none"> - Buri mwana wese arahaguruka agakora ku bitabo bitanu! amakaramu atanu! amakaramu y’amabara atanu, inkweto eshanu, n’ibindi ...). - Gukusanya no gusukura ibikoresho - Kwicara ku ruziga <p>Urupapuro rumanitse rwanditseho umubare 5</p> <ul style="list-style-type: none"> - Abana batekereza ingero zijyanye n’umubare 5 aho batuye/mu bidukikije.
--	--	---

	Baza buri wese ibibazo bijyanye n'imibare bize (1...2..3...4...5)	
Gusoza Iminota 2	<ul style="list-style-type: none"> - Saba abana gukomeza gushakisha ingero zijyanye n'umubare 5 - Soza n'indirimbo imwe; shimangira umubare 5 	- Abana baririmba indirimbo y'imibare Indirimbo 1 - 2 Simbuka! 3-4 Simbuka! 4-5 Simbuka! Abana basubiramo indirimbo yo kubara kuva 1 kuri kugeza kuri 5 (bakora ibikorwa birimo kubara, gukoma amashyi, gusimbuka) kugira ngo basoze iri somo.
Kwisuzuma k'umurezi		

Ubufasha n'ibindi bitekerezo bijyanye n'iri somo:

1. Komeza ukangurire abana gutekereza ibintu bifite umubare 5. Urugero: Imodoka ihagaze ku ishuri ifite 5 muri pulaki, cyangwa inyubako y'ibiro ifite amadirishya 5, cyangwa hari utudomo 5 ku agakarito kariho imibare bigiraho kubara, cyangwa amababi 5 ku rurabyo. Kusanya ibintu maze ubyomeke cyangwa ubishushanye ku rupapuro rumanitse.

Ibitekerezo bijyanye n'isomo rikurikira

2. Niba abana bamaze kumva neza imibare kugeza kuri 5, tegura inguni y'ubucuruzi ivugwa mu Mutwe wa 4: 4.1.5. Gukinira muri butiki bakoresha amafaranga nk'uko bisobanuwe muri 4.1.5. bifasha abana gukura mu mibare.

Urugero rw'ibikoresho: Urugero rw'urupapuro rumanitse rwanditseho umubare 5 n'ururiho 3: icyapa kerekana ibintu byo mu buzima busanzwe bifitanye isano na "5" (cyangwa "3"). Urupapuro rumanitse rwanditseho "5" ruriho amashusho, ariko umurezi n'abana bashobora gushushanya ibintu n'intoki. Reba urugero rujyanye na "3" hepfo.



2. Urugero rw'umuteguro w'isomo rya 2: Imibare: Guhuza ingano n'umubare (ikimenyetso cy'umubare)

Ishuri	Umwaka w'amashuri	Igihembwe	Icyumweru	Itariki	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Umwaka wa 2-3						
Ikigwa	Imibare					
Insanganyamatsiko y'icyumweru	Ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku bimera n'inyamaswa					
Umutwe	Umwaka wa 2: Umutwe wa 1: Imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5 Umwaka wa 3: Umutwe wa 1: Imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 10					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Abana bashobora gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 5 Abana bashobora kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza ku 10					
Umutwe w'isomo	Guhuza amashusho atandukanye yerekana ingano (amashusho y'ibintu bifatika, ibishushanyo n'imibare)					
Ubushobozi nsanganyamasomo n'ingingo nsanganyamasomo	<ul style="list-style-type: none"> - Gutekerezanya ubushishozi binyuze mu guhuza ibintu bihwanyije umubare mu mukino wo gufata mu mutwe imibare. - Kwigisha abana amahoro no guha abandi agaciro binyuze mu kumvikana guhuza amakarita yanditseho imibare anganya agaciro. - Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina binyuze mu guhabwa amahirwe angana yo gukina umukino no guha abahungu n'abakobwa inshingano zimwe. 					
Intego ngenamukoro	Uburyo bw'umukino wo gufata mu mutwe. Abana babona ibintu bijyanye bibiri bibiri. Buri muguru ugizwe n'ishusho y'ibintu bifatika hamwe n'umubare cyangwa amashusho yerekana ubwo bwinshi. Urugero: umuguru 1: Ikarita A iriho imishwi y'inkoko 4; ikarita B iriho utudomo 4 kandi yanditseho umubare 4.					
Imfashanyigisho	<p>Umukino w'amakarita wo gufata mu mutwe: Itsinda ry'amakarita ku nsanganyamatsiko y'inyamanswa. Imiguru myinshi. Buri muguru ugizwe n'ishusho y'ibintu bifatika hamwe n'umubare cyangwa amashusho yerekana ubwo bwinshi. Urugero: Umuguru 1: Ikarita A iriho imishwi y'inkoko 4; ikarita B iriho utudomo 4 kandi yanditseho umubare 4.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Buri tsinda rigomba kugirwa n'ibikoresho biramba (agakarita gakoze mu gikarito cyangwa amakarita afunitse). Amakarita yose agomba kuba angana mu bunini, ateye kimwe kandi afite uruhande rw'umukara rutariho ikintu. - Buri tsinda rigomba kubona itsinda ry'ibikoresho. - Reba "kuzana impinduka mu gikorwa". - Reba ingero hepfo. 					

Ibibazo byihariye abana bafite mu myigire byo kwitabwaho mu isomo n’umubare w’abanyeshuri muri buri kiciro	<p>Boneza ukurikije umwihariko w’ishuri. Kuzana impinduka mu gikorwa: Itsinda ry’amakarita yo gufata mu mutwe ishobora koroha cyangwa gukomera bitewe na:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Umubare w’ibintu bibiri bibiri mu itsinda (byoroha kurushaho mu matsinda make) - Umubare ntarengwa w’ibintu: Ku bana bato garukira kuri 5 - Ibimenyetso bikoreshwa: Utudomo dukomatanyijwe n’umubare cyangwa umubare wonyine (biragoye) 	
Ibikorwa by’umurezi n’ibikorwa by’abana		
Igihe n’intambwe	Ibikorwa by’umurezi	Ibikorwa by’abana
Intangiriro Iminota 5	<p>Umukino wa mwivange-mwivange: “Iyo mvuze mwivange-mwivange, uzenguruka mu ishuri uramutsa inshuti zawe mu gihe gito. Komeza ugende! Noneho nimvuga umubare, ugomba kwihutira kujya mu itsinda rifite uwo mubare! Amabwiriza ashobora kuba mwivange-mwivange 2,3,4,5,... ”</p>	<p>Gukina umukino bazenguruka mu ishuri kandi bakurikiza amabwiriza y’umurezi. Gukora amatsinda atandukanye bahagarara hamwe bakurikije amabwiriza nka kabiri, gatatu, kane ...</p>
Kurambura isomo (iminota 10)	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda bakoze, buri mwana ahabwa umwanya mu ishuri. - Umurezi yerekana uko umukino ukinwa: <ul style="list-style-type: none"> o Manika amakarita 4 ku kibaho. Ishusho 1 yerekana ikintu (urugero: Inkoko) n’andi makarita 3, harimo ikarita ihagarariye “4”. Amakarita ya nyuma ashirwaho yubitse. o umurezi yerekana amakarita ariho inkoko akayimanika ku kibaho. Abaza abana ibintu biri ku ikarita n’umubare wabyo. o Umurezi asaba umwana guhindura imwe mu yandi makarita ari ku kibaho: ibi ni ibiki? Ni bingahe? Ese bingana n’inkoko twari dufite? Hindura amakarita kugeza habonetse ibihuza umubare n’inkoko. - Buri tsinda ry’abana rihabwa itsinda ry’amakarita. Basabwa kubika amakarita no kuyatondeka hasi. - Gutangira umukino. Shimangira akamaro ko gusimburana. - Umurezi yitegereza amatsinda. Amatsinda akeneye ubufasha: Umurezi aragenda agafatanya n’abana gukina. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwicara mu matsinda. - Kwitegereza uko umurezi abigenza - Kuvanga amakarita no kuyubika hasi. - Gukina umukino. Buri mwana ahabwa umwanya wo gutora amakarita abiri akareba niba ahuje. Bavuga umubare w’ibintu biri ku ikarita. - Umukinnyi ubonye amakarita ahuje, agumana iryo tsinda ryayo. Umwana utoye amakarita abiri ahuje ya nyuma ashobora kuvuga ati: "Umukino urarangiyeyi". - Bongera gukusanya amakarita, bakayavanga neza bakongera kuyubika hasi. Batangira umukino bundi bushya.







	<p>Umurezi asaba itsinda gufasha irindi. Fasha amatsinda yarangije gukina yongere atangire bavanga amakarita maze bakongera kuyarambika hasi.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuzana impinduka mu gikorwa: Niba igikorwa cyoroheye itsinda: <ul style="list-style-type: none"> ○ Ongera umubare w'amatsinda ya bibiri bibiri ○ Koresha imibare n'amashusho byonyine ○ Injiza imibare yisumbuye kurushaho (kuva kuri 0-5, 0-10, hejuru ya 10) ○ Kora amatsinda bundi bushya 	
Inshamake no Gusoza Iminota 5	<p>Igihe bari ku ruziga, baza abana</p> <ul style="list-style-type: none"> - Uyu munsi mwize iki? - Ni iki cyari kigoye? Ni iki cyari cyoroshye? - Ni nde watsinze umukino? Byagenze bite? 	Ikiganiro igihe bari ku ruziga
Kwisuzuma k'umurezi		

Ubufasha n'ibindi bitekerezo bijyanye n'iri somo:

- Uburyo bumeze kimwe, umukino wo gufata mu mutwe, bishobora gukorwa mu guhuza amashusho, amabara n'ibindi.

Ingero z'ibikoresho:

- Itsinda rikurikira ni urugero rwo guhuza amashusho y'ibintu bifatika mu buzima n'ududomo hamwe n'umubare wabyo (ibimenyetso by'umubare).
- Intambwe imwe yo koroshya yaba gukuraho ibimenyetso by'imibare. Intambwe imwe yo gukomeza igikorwa yaba gukoresha amashusho cyangwa ibishushanyo by'ibintu bidafatika aho gukoresha ibintu bifatika byo mu buzima busanzwe.



3. Urugero rw'umuteguro w'isomo rya 3: Ingero: kugereranya ubunini, uburemere n'uburebure

Ishuri	Umwaka w'amashuri	Igihembwe	Icyumweru	Itariki	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Umwaka wa 2 n'uwa 3						
Ikigwa	Imibare					
Insanganyamatsiko y'icyumweru	Gupima no kugereranya					
Umutwe	Umutwa wa 2: Gutoranya, guhuza no gutondeka ibintu bitandukanye					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	Abana bashobora gutoranya ibintu bisa bagendeye ku biranga nibura bibiri bahitiyemo.					
Umutwe w'isomo	Kugereranya no gukora ibirundo: Ibinini n'ibito (inguni ya 1 n'ya 2), ibirebire n'ibigufi (inguni ya 3 n'ya 4), ibiremereye n'ibyoroshye (inguni ya 5 n'ya 6)					
Ubushobozi nsanganyamasomo n'ingingo nsanganyamasomo	<ul style="list-style-type: none"> - Ubumenyi ngiro nyemvugo; binyuze mu gusangira ibitekerezo. - Ubushobozi bwo gutekerezanya ubushishozi; binyuze mu gusesengura mbere yo gusubiza - Kwigisha uburinganire; abahungu n'abakobwa basangira ibitekerezo kandi bahabwa amahirwe amwe. - Ubumenyi ngiro bwo gufatanya; buri wese agira uruhare mu gikorwa runaka kugira ngo haboneke ibitekerezo/ibisubizo byumvikanyweho - Kwigisha abana amahoro no guha abandi agaciro; basangira ibitekerezo mu bwubahane nta makimbirane. - Uburezi budaheza kubera ko abana bose bagira uruhare rungana mu bikorwa bitandukanye 					
Intego ngenamukoro	Iyo bahawe ibikoresho bamenyereye biboneka iwacu, abana bashobora kugereranya ibikoresho neza.					
Imfashanyigisho	<p>Hashyirwaho inguni 6. Muri buri Nguni hakenerwa ibikoresho.</p> <p>Inguni ya 1 n'ya 2: Ubunini: amatsinda y'ibintu bibiri agizwe n'ikinini n'igito (urugero: icupa rinini n'icupa rito, intebe nini n'intebe nto,), ibikarito 2 (igikarito kinini n'igito)</p> <p>Inguni ya 3 n'ya 4: Uburebure: amatsinda y'ibintu bibiri agizwe n'ikirekire n'ikigufi (urugero: irati ndende n'ingufi, umushumi w'inkweto muremure n'umugufi), ibikarito 2 (igikarito kinini n'igito)</p> <p>Inguni ya 5 n'ya 6: Uburemere: amatsinda y'ibintu bibiri agizwe n'antu biremereye n'ibyorosheje (urugero: igikarito cyuzuye amazi n'ikin'akandi karimo ubusa, igitabo kiremereye n'igitabo cyoroshye, umufuka w'ibigori uremereye n'uworoshye, ibikarito 2 (igikarito kinini n'igito)</p>					

Ibibazo byihariye abana bafite mu myigire byo kwitabwaho mu isomo n’umubare w’abanyeshuri muri buri kiciro	Boneza ukurikije umwihariko w’ishuri. Kuzana impinduka mu gikorwa: amabwiriza mu nguni ashobora kurushaho gukomera kubera: <ul style="list-style-type: none"> - Kugabanya itandukaniro hagati y’ibintu byatanzwe. Baza uti: “twabwirwa n’iki ikiremereye/ikirekire/ikinini kurusha ibindi?” Tangiza igitekerezo cyo gupima (koresha ibikoresho byo gupima bisanzwe nk’urukweto cyangwa ikiganza) - Kwagura amabwiriza. Urugero: saba abana umwana mugufi kurusha abandi/usumba abanda mu nguni yabo.
---	---

Ibikorwa by’umurezi n’ibikorwa by’abana

Igihe n’intambwe	Ibikorwa by’umurezi	Ibikorwa by’abana										
Intangiriro Iminota 5	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura ishuri: tegura nk’uko bimeze muri iyi mbonerahamwe. Ca umurongo hagati mu ishuri ugabanya igihande k’ibumoson’ik’iburyo. . <table border="1" data-bbox="801 671 1124 868" style="margin-left: auto; margin-right: auto;"> <tr> <td align="center" colspan="2">Imbere</td> </tr> <tr> <td>Inguni ya 1</td> <td>Inguni ya 2</td> </tr> <tr> <td>Inguni ya 3</td> <td>Inguni ya 4</td> </tr> <tr> <td>Inguni ya 5</td> <td>Inguni ya 6</td> </tr> <tr> <td align="center" colspan="2">Inyuma</td> </tr> </table> <ul style="list-style-type: none"> - Mu gutangira igikorwa; fatanya n’abana kuririmba indirimbo bazi. - Uyu muni nkeneye ubufasha bwanyu. Muramfasha? Hano dufite ibikoresho bivangavanze (jyana abana mu nguni ya 1 n’iya 2). Mwamfasha kubivangura? Ndashaka ko mushyira ibintu binini muri iki gikarito naho ibito mukabishyira muri iki gikarito. (Bajyane mu nguni ya 3 n’iya 4): hano, dufite ibintu birebire n’ibigufi. Biremye ikirundo kinini. Mushobora kumfasha? Mushyire ibintu birebire muri iki gikarito naho ibigufi mubushyire muri iki gikarito. (Bajyane mu nguni ya 5 n’iya 6): Hano na ho, ibintu byose biravangavanze. Iki kiraremereye naho iki kiroroshye. Ariko tugomba kubivangura. Ibintu 	Imbere		Inguni ya 1	Inguni ya 2	Inguni ya 3	Inguni ya 4	Inguni ya 5	Inguni ya 6	Inyuma		<ul style="list-style-type: none"> - Gufatanya n’umurezi kuririmba; - Kwitegereza neza inguni umurezi aberetse.
Imbere												
Inguni ya 1	Inguni ya 2											
Inguni ya 3	Inguni ya 4											
Inguni ya 5	Inguni ya 6											
Inyuma												

	biremereye bigomba kujya muri iki gikarito naho ibyoroshye bikajya muri kiriya gikarito.	
Kurambura isomo (iminota 20)	<ul style="list-style-type: none"> - Murabona mushobora kumfasha? Reka tubanze dukore amatsinda. Buri wese ahitemo itsinda ashaka gufasha, ariko buri nguni irajyamo abana 5 gusa (Gena umubare bitewe n'ubwinshi bw'abana ufite: umubare w'abana kugabanya n'inguni 6 = umubare ntarengwa kuri buri tsinda). - Bitegereze kandi ubafashe gutoranya ibikoresho mu nguni. Reba ko buri mwana abona amahirwe yo gutoranya. Abahungu n'abakobwa ndetse n'abana babana n'ubumuga bose hamwe bungurana ibitekerezo. - Kangura ibitekerezo by'abana ubaza ibibazo nka "ubizi ute? Nawe ni ko ubitekereza? Ni iki cyadufasha?" Bashishikarize kuganira. Subiramo amagambo y'ingenzi: Kugereranya, kiremereye, cyoroshye, kirekire, kigufi, kinini, gito. Vuga ibintu abana bataramenyera amagambo. - Nyuma y'iminota 10, koma amashyi. Saba abana gukura ibikoresho mu bikarito babitoranyirijemo no kubirunda hamwe kugira ngo abandi bana na bo bashobore kongera gukina. - Abana nonehobarimuka,. bahitamo indi nguni iruhande rwabo (batarenze umurongo ugbanya ishuri mo kabiri). Bityo, abana bo mu nguni ya 1 bashobora kujya mu nguni ya 3 cyangwa iya 5. - Bitegereze kandi ubafashe gutoranya ibikoresho mu nguni. Reba ko buri mwana abona amahirwe yo gutoranya. - Reba amatsinda akeneye impinduka mu gikorwa: amabwiriza mu nguni ashobora kurushaho gukomera kubera: 	<ul style="list-style-type: none"> - Abana bigabanyamo amatsinda - Mu matsinda mato cyangwa buri wese ku giti ke, abana baritegereza, bagapima, bagakoresha ibikoresho noneho bagahitamo igikarito bijyamo. - Abana bagarura ibikoresho byose ku kirundo cya 1 mbere yo guhitamo indi nguni.

	<ul style="list-style-type: none"> ○ Kugabanya itandukaniro hagati y'ibintu byatanzwe. Baza uti: "Twabwirwa n'iki ikiremereye/ikirekire/ikinini kurusha ibindi?" Tangiza igitekerezo cyo gupima (koresha ibikoresho byo gupima bisanzwe nk'urukweto cyangwa ikiganza) ○ Kwagura amabwiriza. Urugero: Saba abana umwana mugufi kurusha abandi/usumba abanda mu nguni yabo. 	
Gusoza Iminota 5	<p>Igihe bari ku ruziga, baza abana</p> <ul style="list-style-type: none"> - Reka dutekereze, ni nde mwana mugufi kurusha abandi muri iri shuri? Ni ikihe kintu kiremereye kurusha ibindi mu ishuri ryacu? Ni ikihe kintu kinini kurusha ibindi? Ikintu kinini na cyo kiremereye? - Uyu muni mwize iki? - Ni iyihe nguni wakunze kurusha izindi? 	Ikiganiro ku ruziga
Kwisuzuma k'umurezi		


Ubufasha n'ibindi bitekerezo bijyanye n'iri somo:


- Ibuka ko abana bose batakoresha ibikoresho byose/inguni zose. Subiramo iri somo mu cyumweru kimwe, kugira ngo abana bose babone amahirwe yo gucukumbura ibintu byose n'ubumenyi ngiro.

Ibyafasha gukurikirana ko abana bumvise amasomo:

- Intambwe ikurikira muri iyi myigire yaba kurushaho guhindura ibijyanye n'uburemere, ubunini, uburebure. Aho kugereranya ibintu 2, abana bashobora gutangira gutondeka ibintu 3 cyangwa byinshi bava ku kinini bajya ku gito, bava ku kirekire bajya ku kigufi, bava ku kiremereye bajya ku cyoroshye.

4. Urugero rw'umuteguro w'isomo rya 4: Amashusho ngero n'ibimenyetso bitanga amabwiriza

Ishuri	Umwaka w'amashuri	Igihembwe	Icyumweru	Itariki	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Umwaka wa 3						40
Ikigwa	Imibare: Amashusho n'ibyerekezo					
Insanganyamatsiko y'icyumweru	Igikinisho gikozwe mu ikoranabuhanga (Robo)					
Umutwe	Umutwe wa 8: Kuvuga aho ibintu biherereye n' Umutwe wa 9: Uruhererekane rwisubiramo					
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	<p>Abana babasha gukoresha indangahantu zikwiye kugira ngo bagaragaze aho ibintu cyangwa abantu baherereye ndetse bagakoresha indangahantu n'ibyerekezo mu bikorwa byo gusoma no kwandika no mu buzima bwabo bwa buri muni.</p> <p>Abana babasha kwihimbira ingero z'uruhererekane rwisubiramo bihitiyemo bahereye ku rworoshye baja ku rugoye cyangwa bigana urugero rw'umurezi; gushakisha uruhererekane rwisubiramo mu buzima bwa buri muni: Amanywa/ijoro, gahunda za buri muni, amabara yo ku myendan'ibindi.</p>					
Umutwe w'isomo	Igikinisho gikozwe mu ikoranabuhanga kitwa Marty					
Ubushobozi nsanganyamasomo n'ingingo nsanganyamasomo	<p>Ubumenyi ngiro bwo gukemura ibibazo</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ubufatanye - Guhanga udushya - Kumenya kubana n'abandi - Kumenya ikoranabuhanga (kuvugana bakoresheje ibimenyetso) 					
Intego ngenamukoro	Muri iki gikorwa, abana bazabanza gukurikiza amabwiriza yihariye yerekeye ikerekezo (ibumoso, iburyo, imbere, inyuma), maze bagatangira gutanga amabwiriza agenda yisubiramo bagenzi babo bakurikiza. Ibi bituma bumva kandi bunguka ubumenyi ngiro bw'ibanze bwo gukoresha ibimenyetso bitanga amabwiriza.					
Imfashanyigisho	<p>- Amakarita ashushanyijeho imyambi (nibura 50) akoreshwa mu kwerekana 'ibumoso, iburyo, imbere, inyuma'. (Tanga andi makarita menshi ariho ubusa ahagije aban bashobora gukoresha igihe bakeneye andi makarita cyangwa gutanga andi mabwiriza. Mu rwego rwo "gukomeza igikorwa", ushobora gukoresha andi makarita/gutanga andi mabwiriza nko" guhindukira "," gusimbuka "</p> 					

	<ul style="list-style-type: none"> - Igikinisho cy'ikoranabuhanga gikozwe mu bikoresho biboneka iwacu  <ul style="list-style-type: none"> - Ingwa cyangwa ikindi kintu cyo gukora ishusho y'impande 4x4 (kaseti, imigozi, amabati...) 	
Ibibazo byihariye abana bafite mu myigire byo kwitabwaho mu isomo n'umubare w'abanyeshuri muri buri kiciro	<ul style="list-style-type: none"> - Amabwiriza arebeshwa amaso aherekezwa n'amabwiriza mu magambo - Amakarita yometseho imyambi ikoze mu mihiro afashe abana bafite ubumuga bwo kutabona. - Ibisobanuro by'igikorwa byerekana inzego zitandukanye zafasha koroshya/gukomeza igikorwa. 	
Ibikorwa by'umurezi n'ibikorwa by'abana		
Igihe n'intambwe	Ibikorwa by'umurezi	Ibikorwa by'abana
Intangiriro Iminota 7	<p>Mu gihe bicaye ku uruziga, baza abana:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ni nde uzi igikinisho gikozwe mu ikoranabuhanga icyo ari cyo? <p>Niba bakizi:</p> <ul style="list-style-type: none"> o Igikinisho gikozwe mu ikoranabuhanga ni iki? o Igikinisho gikozwe mu ikoranabuhanga gite? o Igikinisho gikozwe mu ikoranabuhanga kinyeganyega gite? o Igikinisho gikozwe mu ikoranabuhanga kigira ijwi rimeze rite? <p>Huza ibitekerezo by'abana n'imyumvire y'ibanze. Vuga ibyerekeye Sophia zikoreshwa mu muhanda: Zikoze ku buryo zifata amashusho y'imodoka zirenta umuvuduko wagenwe.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Vuga ku gikinisho cy'ikoranabuhanga wakoze kitwa Marty cyangwa werekane amashusho/ibishushanyo by'ibikinisho by'ikoranabuhanga - Ibikinisho by'ikoranabuhanga bikora bite? Yobora abana ku bisubizo, nka: 	<ul style="list-style-type: none"> - Ikiganiro cyo ku ruziga: kwakira umusanzu wa buri mwana - Abana bigana igikinisho gikozwe mu ikoranabuhanga (bagenda nka cyo bakanasakuza nka cyo) - Uko ibikinisho by'ikoranabuhanga bikora: abana banyaganyeza amaboko igihe abarezi babategetse kubikora.

	<ul style="list-style-type: none"> ○ Ibikinisho by'ikoranabuhanga ntibitekereza, bikora ibyo mudasobwa ibitegetse gukora. (reka abana bagerageze: Mugenze nk'igikinisho cy'ikoranabuhanga, noneho "zamura ikiganza", "funga amaso" ○ Gutanga igikinisho k'ikoranabuhanga amabwiriza byitwa "gushyiramo porogaramu" 	
<p>Kurambura isomo (iminota 18)</p>	<p>Kugenda nk'igikinisho cy'ikoranabuhanga</p> <p>Igikorwa kireba abana bose</p> <ul style="list-style-type: none"> - Umurezi asobanura ko araba mudasobwa maze agaha amabwiriza ibikinisho by'ikoranabuhanga (abana). - Abarezi bakoresha amakarita ashushanyijeho imyambi  <ul style="list-style-type: none"> - Umurezi n'abana bajya hanze. Abana bahagarara basiga intera hagati yabo maze umurezi agahagarara imbere yabo. Akurikizaho kwereka abana amakarita. - Iyo umurezi avuze imbere, yerekana ikarita yo kuja imbere maze abana bose bagatera intambwe imwe bajya imbere. Umurezi asubiramo akoresheje amakarita yose maze akagenda akomeza igikorwa yungikanya amabwiriza (= uruherekane). Urugero: Imbere, ibumoso, ibumoso, imbere, ibumoso, ibumoso - Nyuma y'igihe gito, rushaho gukomeza igikorwa ukora uruherekane rwisubiramo (gusubiramo amabwiriza menshi) noneho usabe robo (= abana) gufura igukurikira. - Urugero: Imbere, ibumoso, ibumoso, imbere, ibumoso, ibumoso ...? - Noneho umwana ashobora kuba mudasobwa naho umurezi agahinduka robo. Muhinduranye inshingano inshuro nke <p>Igikorwa cyo mu itsinda</p>	<p>Kugenda nka robo</p> <p>Ibikorwa byose by'ishuri</p> <ul style="list-style-type: none"> - Abana biga amagambo y'ingenzi nk'amabwiriza, porogaramu, amabwiriza, robo, mudasobwa. - Abana ni robo. Bagendera ku mabwiriza ari ku makarita bahawe n'umurezi. - Abana bagendera ku ruhererekane rwisubiramo bahawe. - Abana bagerageza kuvumbura ibwiriza rikurikiraho bagendeye ku ruhererekane rwisubiramo. - Abana bahimba amabwiriza (uruherekane rwisubiramo) bakoresha kuri bagenzi babo. 

	<ul style="list-style-type: none"> - Gabanya ishuri mo amatsinda mato (urugero: Amatsinda 5 y'abana 8) - Saba buri tsinda kwitoramo umwana uba mudasobwa akajya atanga amabwiriza - Ha buri "mudasobwa" umufungo w'amakarita. Ashobora gutangira guha bagenzi be amabwiriza. - Itegereze ibibera mu matsinda, tanga ubufasha aho bukenewe. Shishikariza abana guhimba andi mabwiriza (bashobora gukora amakarita yabo igihe bakeneye andi mabwiriza cyangwa niba bakeneye andi nkayo bafite) no guhanga udushya. - Kuzana impinduka mu gikorwa: Ni gute warushaho gukomeza igikorwa ku matsinda agikora neza? <ul style="list-style-type: none"> o Basabe kubaka uruhererekane rwisubiramo (gusubiramo amwe mu mabwiriza) o Ongeraho andi mabwiriza, nko gusimbuka cyangwa guhindukira o Reka bakore andi makarita menshi y'amabwiriza 	<p>Igikorwa cyo mu itsinda</p> <ul style="list-style-type: none"> - Itsinda rigena umwana uba "mudasobwa". - Umwana wabaye "mudasobwa" atanga amabwiriza. - Abandi bana bakora nka robo. - Abana bagenda basimburana mu gutanga amabwiriza no gukora uruhererekane rwisubiramo. - Abana bemerewe/bashishikarizwa gukora andi makarita y'amabwiriza iyo babishaka. - Abanma bahimba uruhererekane rwisubiramo n'amabwiriza.
<p>Gusoza Iminota 5</p>	<p>Igihe bari ku ruziga, baza abana</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ni iki wize kuri robo uyu muni? - Robo ikora ite? - Mudasobwa ikora iki? - Ni iki cyari kigoye? Ni iki cyari cyoroshye? 	<p>Abana batekereza ku bikorwa</p>
<p>Kwisuzuma k'umurezi</p>		

Ubufasha n'ibindi bitekerezo bijyanye n'iri somo:

- Gabanya iri somo mo amasomo 2: Isomo rya mbere ryibanda ku bikorwa abana bose bahuriraho. Mu isomo rya kabiri, abana bakorera mu matsinda mato maze bakabona umwanya munini wo guhimba uruhererekane rwisubiramo n'amabwiriza.

Ibyafasha gukurikirana ko abana bumvise amasomo:

- Ubugeni n'ubukorikori: Kora robo yawe (isaha 1):
 - Mu matsinda mato, reka abana bakore robo mu bikorwaho biboneka iwacu. Igihe ari ngombwa, fasha abana gutangira babaza ibibazo. Hashobora kubaho robo zitandukanye kubera imiterere, ingano n'amabara ku buryo nta nziza cyangwa imbi ibaho. Robo zose ziba zitandukanye kandi buri yose ifite umwihariko (kimwe n'abantu!)
 - Niba robo irangiye, sobanura ko abana ari mudasobwa kandi ko bagiye gushyira porogaramu muri robo (= bwira robo ibyo igomba gukora). Reka kandi bahe robo izina!
- Gushyira porogaramu muri robo twikoreye: Robo
 - Koresha amakarita amwe nk'ayo mu isomo ryasobanuwe haruguru (amakarita ashushanyijeho imyambi). Ha buri tsinda amakarita 4 (nyuma ushobora kubaha menshi kugira ngo igikorwa kirusheho gukomera).
 - Abana babanza gutondeka amakarita mu buryo butuma robo ibyina (= bashyiramo amabwiriza/porogaramu). Urugero: ibumoso ibumoso imbere.
 - Iyo porogaramu imaze gushyirwamo, umwana 'asoma' iyo porogaramu noneho undi mwana agakoresha robo. Abandi bana baritegereza kandi bakareba ko robo idakora ikosa.
 - Buhoro buhoro, umurezi agenda aha abana amakarita y'inyongera.
 - Itegereze uko bigenda iyo wongeye amakarita. Urabona amatsinda akora uruhererekane rwisubiramo? Ereka abandi bana imbyino y'iri tsinda.
- Gushyira porogaramu muri robo yacu: gushakisha ibyahishwe (iminota 30)
 - Kuri buri tsinda, shushanya igombe rya 4x4 ku butaka (ushobora gukoresha ingwa, imigozi, kwegeranya amapine cyangwa amakaro). Shyira ikintu 1 muri buri gombe (urugero: Ibuye) (reba ishusho).
 - Reka abana bakore porogaramu bifashishije amakarita ituma robo yabo itembera mu igombe ishakisha ikintu cyahishwe. Ha buri tsinda amakarita 3 (ariho amabwiriza yo kujya 'imbere', 'ibumoso', 'iburyo'). Si ngombwa gukoresha amakarita yose!
 - Iyo porogaramu yiteguye, mudasobwa imwe isoma amabwiriza maze umwana akimura robo yikoreye mu igombe.
 - Ubu robo ifite aho igeze mu igombe. Niba itaragera ku kintu cyahishwe, umurezi agenda aha itsinda andi makarita 3 kugeza bageze ku cyahishwe.
 - Komezwa uyu mukino ugenda wagura igombe kandi wongeramo andi mabwiriza ('gusimbuka', 'guhindukira') cyangwa wongereho inzitizi, nk'urukuta umuntu atarenga.



Umugereka wa 5: Kwitegereza n’uburyo bwo kwisuzuma mu ishuri

Igice cya 1: Imiterere y’imyigire n’imyigishirize mu ishuri ry’inshuke

1. Aho abana bigira		1	2	3
1: Yego, birimo– 2: Birimo gake ariko bishobora kunozwa – 3: Nta birimo		Yego	Yego, ariko	Oya
1.1. Gutegura amasomo	1.1.1. Umuteguro w’isomo urahari.			
	1.1.2. Ibikoresho biriho amabwiriza yunganira birahari.			
	1.1.3. Imfashanyigisho zirahari.			
1.2. Amabwiriza afatika no gukomeza kuyubahiriza	1.2.1. Amabwiriza meza, agaragara neza kandi buri wese agira aye.			
	1.2.2. Abana bazi amabwiriza.			
	1.2.3. Ingaruka zo kudakurikiza amabwiriza zumvikana kandi zihamye.			
1.3. Uburyo bwo kwicara	1.3.1. Kubitekerezaho: ukurikije imyaka cyangwa ukurikije urwego.			
	1.3.2. Guhindagura ibikorwa by’umuntu, itsinda cyangwa ishuri.			
	1.3.3. Kwita ku ruhare rwa buri mwana igihe cyose.			
1.4. Aho kwigira heza imbere mu ishuri no hanze	1.4.1. Aho kwigira mu ishuri no hanze hakangura umwana kandi hamufasha mu mikurire ikomatanyije (Ingeri z’imukurire zose, ibyumviro bitandukanye).			
	1.4.2. Aho kwigira mu ishuri no hanze hafite isuku (urugero: abana bashobora kwandura, ariko bagakaraba intoki nyuma y’igikorwa).			
	1.4.3. Aho kwigira hafite umutekano.			
1.5. Ibikorwa bya buri munsi: Ibikorwa bishimishije (urugero: Indirimbo, ibiganiro, imivugo, imbyino, imikino) mu gihe cyagenwe cy’umunsi	1.5.1. Uruziga rwa mu gitondo			
	1.5.2. Gukora isuku			
	1.5.3. Kujya mu bwiherezo			
	1.5.4. Gusozwa umunsi			
1.6. Aho abana bigira heza kandi hujje ibikenewe	1.6.1. Abana bumva bafite umutekano mu gihe cyo kwiga			
	1.6.2. Abana bafite umunezero mu gihe cyo kwiga			
	1.6.3. Abana babona basubizwa neza			
	1.6.4. Abana bemerewe kwibeshya			
	1.6.5. Abana bashobora gukoresha ururimi rwabo kavukire			
	1.6.6. Abana bumva bashishikajwe no gukoresha ubumenyi bwo kwiga mu bindi byigwa			
	1.6.7. Abakobwa n’abahungu bombi barashishikarizwa kwitabira ibikorwa byo kwiga			

	1.6.8. Ibihangano by'abana n'ibikoresho byo kwigiraho bishyirwa ahagaragara ku rukuta rw'ishuri cyangwa ku meza			
--	---	--	--	--

1.7. Inguni n'aho bakinira	1	2	3
Ubwoko: Inguni yo gusoma, inguni yo kubaka, inguni y'imibare, inguni yo gukina bigana, Inguni y'inyuguti, Inguni y'ibitabo, ubugeni n'umuco	Inguni 4 cyangwa nyinshi n'ahantu ho gukinira	Inguni 2 cyangwa 3 n'ahantu ho gukinira	Nta nguni n'ahantu ho gukinira cyangwa ni inguni 1.
Ibisabwa: Ahantu hagerwa, heza, amabwiriza asobanutse, ahantu hasobanuwe neza, kwihitiramo	Ibisabwa 4 cyangwa byinshi birahari	Ibisabwa 2 kugeza kuri 3 birahari	Nta gisabwa gihari cyangwa ni kimwe gusa.

2. Ibikoresho		1	2	3
1: Yego, birimo– 2: Birimo gake ariko bishobora kunozwa – 3: Ntabirimo		Yego	ego riko	Oya
2.1. Amashusho (amafoto, ibishushanyo cyangwa ibimenyetso)	1.1.1. Amashusho aragaragara			
	2.1.1.1. Imbonerahamwe y'imiterere y'ikirere iragaragara			
	2.1.1.2. Amabwiriza n'ibiteganyijwe kugerwaho biragaragara			
	2.1.1.3. Ikibaho nyoboramahitamo kiragaragara			
	2.1.1.4. Igitabo cyandikwamo abitabiriye kiragaragara			
	2.1.1.5. Ikibaho ngaragazabikorwa kiragaragara			
	1.1.2. Amashusho akoreshwa mu buryo bushingiye ku umurezi			
	1.1.3. Amashusho akoreshwa mu buryo bushingiye ku banyeshuri			
2.2. Imfashanyigisho n'ibikinisho bikoze mu bikoresho biboneka iwacu	2.2.1. Imfashanyigisho n'ibikinisho birahari			
	2.2.1.1. Ibikoresho byifashishwa mu kwigisha birahari			
	2.2.1.2. Imfashanyigisho zirahari			
	2.2.1.3. Ibikoresho byifashishwa mu mikino birahari			
	2.2.2. Imfashanyigisho n'ibikinisho bikoreshwa mu buryo bushingiye ku umurezi			
	2.2.3. Imfashanyigisho n'ibikinisho bikoreshwa mu buryo bushingiye ku mwana. Abana bemerewe gufata no gukoresha ibikoresho byunganira (urugero: imifuniko y'amacupa yo kubara).			

3. Gusabana		1	2	3
1: yego, birimo– 2: birimo gake ariko bishobora kunozwa – 3: ntabirimo		Yego	Yego ariko	Oya
3.1. Umurezi akoresha imvugo ikwiye	3.1.1. Gusabana ku rwego rw'abana			
	3.1.2. Iyitsa (intonation) rikwiye			
	3.1.3. Amagambo aherekewe n'ibimenyetso			
3.2. Umurezi ashira abana mu mwuka mwiza	3.2.1. Indirimbo			
	3.2.2. Gukangura ibiyumvo by'abana			
	3.2.3. Kubaza ibibazo byerekeye imiryango y'abana			
	3.2.4. Gutera urwenya			
	3.2.5. Guhoberana			
3.3. Umurezi agaragaza imyitwarire ikwiye	3.3.1. Imvugo yubaka abana			
	3.3.2. Kwibanda ku byo abana bakoze, umuhate wabo, no kubafasha			
	3.3.3. Kureba ibikenewe n'imbamutima			
	3.3.4. Gutanga ubundi buryo bwiza mu gihe habayeho imyitwarire mibi			
	3.3.5. Gusabana mu bwubahane			

Igice cya 2: Kwigisha no kwiga binyuze mu mikino igamiye kwigisha

4. Ibiranga kwiga binyuze mu mikino		1	2	3
1: Yego, birimo– 2: Birimo gake ariko bishobora kunozwa – 3: Ntabirimo		Yego	Yego ariko	Oya
4.1. Kwiga bitera ibyishimo	4.1.1. Abana baragaragaza kwishima, gushishikara, gutungurwa, guhimbarwa, n’ibindi (Ikimenyetso k’ibyishimo, cyo kumwenyura, guseka, kwiseka, kwishimira ibyo bakoze, kubyina ...) igihe bari mu bikorwa byo kubara.			
	4.1.2. Umurezi ateganya igihe cyo kwishima no kwishimira ibyagezweho mu bikorwa by’abana.			
	4.1.3. Abana bagaragaza ko birekuye, bafungutse, bafite urugwiro n’imyitwarire myiza.			
	4.1.4. Abana bagaragaza ibyishimo kubera kubasha kwikemurira ibibazo ubwabo.			
4.2. Kwiga ni ugushishikarira	4.2.5. Ibikorwa byo kwiga abana barabyishimiye, abana bafite amatsiko yo kureba uko biri bugende.			
	4.2.6. Abana bahugiye mu gikorwa cyabatwaye ku buryo nta kintu cyabarangaza. Abana barimo gutekereza, bahugiye ku gikorwa (ntibarangariye hanze mu madirishya).			
	4.2.7. Ibikorwa byo kwiga abana barabyishimiye, babihugiramo igihe kinini ku buryo ntacyapfa kubarangaza.			
	4.2.8. Umurezi akoresha ibikorwa birutanwa mu gukomera.			
4.3. Kwiga ni ugusubiramwo kenshi	4.1.1. Abana bagerageza inshuro nyinshi ibishoboka bishya, basubiramo ibyashoboka kandi bashakisha ubundi buryo bwo gukora ibintu. Abanyeshuri batangiyeye igikorwa bundi bushya cyangwa hari ibyo bakosoye nyuma yo kunguka igitekerezo kiza cyangwa uburyo bwiza.			
	4.1.2. Umurezi ashishikariza abana gukora no kugerageza ubwabo bonyine.			
	4.1.3. Umurezi ntiyinubira ko abana bibeshye.			
4.4. Kwiga ni ugusabana n’abandi	4.4.1. Abana basangira ibitekerezo, bagasabana, bagafatanyaga kandi bakaganira. Abana bakora ari babiri babiri cyangwa mu matsinda; abana bunguka ibitekerezo kandi bakabisangira na bagenzi babo bigana.			
	4.4.2. Umurezi yemerera kandi ashishikariza abana kuvuga cyane mu gihe basabana no mu bikorwa kandi akakira neza ibitekerezo by’abana.			
	4.4.3. Umurezi areka abana bagasabana hagati yabo kandi akabibashishikariza.			
4.5. Kwiga bifite igisobanuro	4.5.1. Umurezi ahera ku byo abana bishimiye kurushaho, bahugiyemo cyane maze agaheraho yagura insanganyamatsiko cyangwa imyitozo.			
	4.5.2. Abana bahabwa amahirwe yo kwifashisha ibikoresho bifatika, byo mu buzima. Bashobora gukoresha no kuvugurura ibikoresho.			

4.5.3. Umurezi areba ibyo umwana akunda n'ibyo akeneye maze akamufasha kunguka ubumenyi amukoresha ibikorwa bifite igisobanuro (urugero: Umwana arimo gukina n'udutafari tw'igiti, arimo kubaka umunara noneho umurezi akabaza, ati: "Umunara muremure ni uwuhe? Biragenda bite nitwongera itafari rinini hejuru?")			
4.5.4. Ibikorwa byo kwigiraho biba bifitanye isano n'ikintu buri mwana asanzwe azi. Umurezi atangirira ku byo abana bashobora gukora ubwabo noneho akabashishikariza gutera intambwe yo kwiga ibyisumbuyeho.			
4.5.5. Ibikorwa byo kwigiraho (nk'imibare) byinjizwa mu bikorwa bifite igisobanuro nko mu nguni y'imikino no mu mikino abana biyoboyemo, ijyanye n'insanganyamatsiko y'icyumweru/ukwezi ndetse n'uko umwana ameze.			

5. Uruhare rw'umurezi mu kwiga binyuze mu mikino		1	2	3
1: Yego, rurimo– 2: Rurimo gake ariko rushobora kunozwa – 3: Ntarurimo		Yego	Yego ariko	Oya
5.1. Kugena gahunda no gutegura amasomo	5.1.1. Umurezi akomatanya intego nyinshi. Ibikorwa bikubiyemo ubushobozi butandukanye n'ingeri z'imikurire zinyuranye (urugero: Abana bashishikajwe no gukoresha ubumenyi ngiro bwo kubara mu bindi bikorwa)			
	5.1.2. Umurezi ategura ibikorwa bitera ibyishimo mu mikino			
5.2. Umurezi nk'umuntu witegereza	5.2.1. Umurezi yitegereza ko abana bamerewe neza, uruhare rwabo, ibyo bakunda n'ibyo bakeneye.			
	5.2.2. Umurezi akoresha umwana ibikorwa bifite igisobanuro.			
	5.2.3. Umurezi yitegereza uburo abana bose batera imbere mu mikurire.			
5.3. Umurezi nk'umufashamyumvire	5.3.1. Umurezi ategura ahantu hatekanye.			
	5.3.2. Umurezi ategura ibintu biha abana amahirwe yo kwiga.			
	5.3.3. Umurezi afasha abana ahereye ku bikorwa byabo.			
	5.3.4. Umurezi atandukanya ibikorwa kandi afasha abana agendeye ku byo bakeneye n'inzego zabo.			
5.4. Umurezi nk'umuntu ukora raporo	5.4.1. Umurezi akora raporo ku mpinduka yazanye mu gikorwa no ku mitegurire y'isomo.			
	5.4.2. Umurezi afatanye n'abana gukora raporo.			
	5.4.3. Umurezi afatanye n'ababyeyi gukora raporo.			
	5.4.4. Umurezi asangiza abandi raporo bakamuha ubujyanama bugamije kunoza imyigire n'imyigishirize.			

Igice cyo 3: Imibare mu ntegananyigisho y'u Rwanda

6. Ubumenyi ngiro bw'ibanze mu mibare		1	2
Mu isomo wakurikiye hari hagamijwe izihe ntego?		Yego	Oya
6.1. Imibare	6.1.1. Gukora ibirundo: Gutandukanya amabara no kuvuga amazina yayo.		
	6.1.2. Kubara: Imivugo n'indirimbo.		
	6.1.3. Kubara: Kubara ibintu.		
	6.1.4. Kubara: Guhuza imibare n'ibintu bifatika.		
	6.1.5. Gukora ibirundo: Kugereranya no gutoranya ugendeye ku bwinshi n'ubunini.		
	6.1.6. Kubara: Gusoma no kwandika imibare ukoresheje kunyeganyeza umubiri, kwandika mu mucanga, irangi, n'ibindi.		
	6.1.7. Imibare: Guteranya, gukuramo no kugabanya ibintu bifatika, bitarenze 10.		
6.2. Gupima no kugereranya	6.2.1. Gutandukanya ibintu binini/bitoya, bigufi/birebire, ...		
	6.2.2. Gutoranya no gushyira mu matsinda (gukora ibirundo) ibintu ukurikije ibigenderwaho byatanze nk'amabara, imiterere, umumaro, kamere, ...		
	6.2.3. Gukoresha amagambo akwiye mu gihe cyo kugereranya ibintu no mu kubitondeka ukurikije uburemere bwabyo, uburebure, ingano n'ubunini.		
	6.2.4. Gupima ibintu ukoresheje uburyo gakondo (urugero: intambwe, ibirenge, ibiganza) inshuro zitarenze 10.		
	6.2.5. Amafaranga: Ubwoko n'agaciro k'amafaranga.		
	6.2.6. Igihe: Kuvuga no gutandukanya iminsi y'icyumweru; gukoresha ingengabihe y'icyumweru.		
	6.2.7. Igihe: Gutondeka ibikorwa kuri gahunda ya buri muni (mu gitondo, nyuma ya saa sita, nijoro).		
	6.2.8. Igihe: Uruhererekane rw'ibyabaye nk'uko byagiye bikurikirana. Urugero: ejo twashushanyije imodoka; uyu muni twize indirimbo; ejo tuzakina umupira w'amaguru.		
6.3. Amashusho ngero n'amerekezo	6.3.1. Gusobanura aho ikintu kiri, gukoresha indangahantu n'ibyerekezo. Urugero: amakaramu y'amabara ari mu gikarito kiri hasi muri etajeri; genda kugera aho icyumba kirangirira.		
	6.3.2. Gutandukanya amashusho ngero (urukiramende, mpandeshatu, uruziga).		
	6.3.3. Gukomeza uruhererekane rwisubiramo, ukurikiza urugero rwatanzwe.		

7. Ubumenyi ngiro bw'ibanze mu mibare		1	2	3
1: Yego, burimo– 2: Burimo gake ariko bushobora kunozwa – 3: Nta burimo		Yego	Yego ariko	Oya
7.1. Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo	7.1.1. Umurezi akangura imitekereze kurusha igikoresho.			
	7.1.2. Umurezi avuga/asobanura ibikorwa byakozwe n'abana mu mvugo y'imibare.			
	7.1.3. Abana bashobora kwibeshy mu gihe bakora ibikorwa.			
	7.1.4. Umurezi aha abana umwanya wo kwishakira ibisubizo.			
	7.1.5. Umurezi atanga ibikoresho bifatika bifasha abana gutekereza mu buryo bw'imibare.			
	7.1.6. Umurezi afatanya n'abana gutekereza ku bikorwa n'ibitekerezo byabo mu mibare, mbere y'igikorwa, hagati na nyuma yacyo.			
	7.1.7. Umurezi asuzuma abana ababaza ibibazo.			
	7.1.8. Abana bemerewe gufata no gukoresha ibikoresho bifatika byunganira (urugero: imifuniko y'amacupa yo kubara).			
	7.1.9. Umurezi ashishikariza abana gutekereza ku makosa yabo no gushaka ibindi bisubizo.			
7.2. Guhanga udushya	7.2.1. Umurezi yemerera ingamba nyinshi zo gukemura ibibazo (ziyongera ku zo bari basanzwe bazi).			
	7.2.2. Umurezi akangurira abana ubundi buryo bwo gukemura ibibazo. Urugero: "Ibi wabikora ute? Naho wowe? ", " Reka turebe niba bikunda.; "Byagenze bite? Ni iki wakora mu bundi buryo ubutaha? "			
7.3. Ubushakashatsi	7.3.1. Umurezi atera abana amatsiko kandi akabakangurira gusangira ibitekerezo.			
	7.3.2. Umurezi ashishikariza abana kubaza ibibazo. Urugero: "Ni iki wifuza kumenya? Wabigenza ute? "; "Ni nde ushobora kudufasha ibyo?"; "Twakura he igisubizo cy'iki kibazo?"			
7.4. Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu	7.4.1. Imvugo y'imibare no gutekereza mu mibare bigaragara mu bikorwa bya buri muni. Urugero: abana barimo kubaka iminara: "Wakongeraho amatafari abaje mu giti angahe mbere yuko umunara ugwa?"; Abana barimo gukina n'umucanga hanze: "Washyira muri iri cupa umucanga ugera mu cya kabiri?"; "Wasobanurira mugenzi wawe uko wabigenje?"			
7.5. Ubufatanye, kwimenya no kumenya kubana n'abandi	7.5.1. Umurezi ashishikariza abana gufatanya.			
	7.5.2. Umurezi akoresha amashusho kugira ngo ashishikarize abana kwikoresha.			
	7.5.3. Abana bashishikarizwa gufata ingamba no kuvuga ibitekerezo n'ibiyumvo byabo.			
	7.5.4. Abana bahabwa umwanya munini cyangwa muto wo guhitamo ku byerekeye kwiga n'uburyo bwo kubikora.			
7.6. Guhora biyungura ubumenyi	7.6.1. Umurezi yerekana inkomoko y'amakuru, nk'ibitabo, ibinyamakuru cyangwa terefone n'imbuga.			
	7.6.2. Umurezi ajyana abana mu nkengeri z'ikigo kugira ngo agere ku ntego zo kwiga yifashishije ubuzima busanzwe.			
	7.6.3. Umurezi atera abana amatsiko. Urugero: "Ni iki wifuza kwiga kuri ibi?"; "Wumva wabaza iki umuporisi?", "Ndibaza niba...."			

